




## TVET LEVEL II



# BASIC EDUCATION

Kinyarwanda

*TRAINER MANUAL*



Approved by:  Workforce  
Development  
Authority



**USAID**  
FROM THE AMERICAN PEOPLE



## Gushimira

Rwanda Polytechnic irashimira abafashije bose mw'itegurwa n'imyandikire y'iyi mfashanyigisho y'ikinyarwanda. Turashimira cyane Ikigo gishinzwe guteza imbere imyuga n'ubuminyigiro, EDC binyuze mu mushinga wa USAID Huguka Dukore Akazi Kanoze (USAID - HDAK), Akazi Kanoze Access (AKA), Amashuri y'imyuga muri rusange, abikorera kugiti cyabo, Umushinga wa GIZ Hanga Ahazaza ndetse n'abandi bantu bose bagize uruhare mw'itegurwa ry'iyi mfashanyigisho.



Byagenzuwe na Rwanda Polytechnic (RP)



Hagendewe ku mabwiriza n'ibipimo bitangwa na Workforce Development Authority (WDA)



Ku nkunga yatanzwe n'umushinga wa USAID through Huguka Dukore Akazi Kanoze (HDAK Project)



Inkunga ya tekhnike yatanzwe na Education Development Center binyuze mu nzobere za USAID HDAK b'imbere mu gihugu nabo hanze y'I gihugu

## **Itsinda ry'Abateguye izi mfashanyigisho**

### **Abanditsi n'abagenzuye**

Bwana Jean Marie Vianney Murera

Bwana Shami Aloys Rukizangabo

### **Gutegura no Kugenzura Imyandikire**

Bwana Jean Bosco Matata

Bwana Jean Marie Vianney Muhire

Bwana Didier Bigirumwami

### **Gushushanya ndetse no gutunganya imfashanyigisho**

Bwana Albert Ngarambe

Bwana Simon Pierre Abayiringira

### **Inkunga ya tekhnike y'imitegurire y'iyi mfashanyigisho**

Umushinga wa USAID Huguka Dukore Akazi Kanoze (HDAK)


Ushyirwa mu bikorwa na Education Development Center  
(EDC)

## INSHOZA Y'I SOMO RYO MU KICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI Y'IMYUGA N'UBUMENYI NGIRO.

### Inshamake y'amateka y'amashuri y'imyuga.

Ikigo k'igihugu gishinzwe guteza amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro ku nkunga n'imikoranire y'ikigo cy'Abanyamerika gishinzwe iterambere mpuzamahanga (USAID); Umushinga Huguka Dukore Akazi Kanoze (HDAK); cyashyizeho integanyanyigisho y' ikicro cya kabiri cy'amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro gihuza ubumenyi bw'ibanze, ubumenyi rusange n'ubumenyi mu buhinzi.

Mu kuziba icyuho kiri hagati y'ikicro cya mbere n'icya gatatu, ikicro cya kabiri gifite intego yo gutegura abanyeshuri bafite ubumenyi buciriritse, Iki cyicro kigenewe abanyeshuri barangije byibuze umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza bifuza gukomeza amashuri yabo mu rwego rwo kongera ubumenyi ku isoko ry'umurimo.



Tugendeye ku buryo integanyanyigisho z'ikigo k'ihugu gishinzwe guteza imbere imyuga n'ubumenyi ngiro (WDA) ziba zikozwe, zigirwamo uruhare n'impuguke z'ikigo k'igihugu gishinzwe imyigire n'imyigishirize y'ubumenyi ngiro (RP), Ikigo k'igihu gishinzwe uburezi (REB), Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi, Ibigo by'imyuga n'ubumenyi, Ikigo gishinzwe iterambere ry'uburezi

Yateguwe mu bumenyi bw'ibanze, ubumenyi rusange (Ubumenyi butuma uhita ukora akazi) n'ubuhinzi n'ubworozi. Buri yose mu nteganyanyigisho 6 z'ubuhinzi ifite kuva ku masomo 6 kugeza ku 8 yibanda ku biribwa, gutegura ibiribwa n'ubworozi.

Kuri ayo masomo ajyanye n'ibyiciro bahisemo abanyeshuri bahabwa amasomo yose mu bumenyi bw'ibanze n'ubumenyi rusange.

Amasomo n'iteganyanyigisho biteye ku buryo bukurikira:

#### Ubumenyi bw'ibanze

- icyongereza
- Ikinyarwanda
- Imibare
- Ubumenyi (Ubugenge, Ubutabire, Ibinyabuzima)

#### Ubumenyi rusange

- Ubumenyi bw'ibanze ku kwihangira umurimo
- Ubumenyi bw'ibanze mu ikoranabuhanga
- Ubwumvane
- Isuku, ubuzima no gukorera ahatunganye
- Iterambere ry'umuntu n'ikurikiranamwuga.

#### Ubuhanzi n'ubworozi

- Mu nteganyanyigisho zikurikira buri yose igizwe n'amasomo 6 kugera ku 8
- 1. Guhinga no gutegura ibintu bitandukanye
- 2. Ibihingwa no gutegura ibiribwa
- 3. Ubworozi bw'inkoko no kuzitegura
- 4. Ubworozi bw'ingurube no kuzitegura
- 5. Ubworozi bw'inka, ihene n'intama no kuzitegura
- 6. Ubworozi bw'inkwavu no kuzitegura.

#### Imitegurire y'ibitabo by'imfashanyigisho

Kuri buri somo hari igitabo k'imfashanyigisho ya mwarimu. Ibi bitabo by'imfashanyigisho byibanda ku nteganyanyigisho kandi buri somo rigabanyijemo imitwe hanyuma buri mutwe ukagira inyigisho kuva kuri 3 kugera kuri 5. Ibyigisho birimo ubumenyi bw'ingenzi n'ubukesha bikwiriye umunyeshuri. Mu rwego rwo gutuma umunyeshuri akoresha igitabo k'imfashanyigisho agikunze, imitwe n'amasomo bihabwa agaciro gakomeye.....

Umubare w'amasaha ku isomo uri hagati y'amasaha 30 na 120.

#### Uburyo bw'imyigire n'imyigishirize y'ikiciro cya II cy'amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro

Uburyo bw'imyigire n'imyigishirize bukoresha imfashanyigisho zishingiye ku buryo bwo kwigisha uherye ku bushobozi umwana asanganywe n'imyigishirize y'abakuze. Imikoro ngiro ikoze ku buryo umwana ahera ku bushobozi asanganywe agahabwa amahirwe yo kubaka ubumenyi mu ishuri n'aho murimo ukorerwa. Ku buryo bunoze dore imwe mu mirongo migari igenderwaho mu gutegura igitabo cy'imfashanyigisho:

- Guhera ku bushobozi umunyeshuri asanganywe

- ▶ Korohereza abanyeshuri hibandwa ku mikoro ngiro aho kubasomera.(Amagambo make ibikorwa byinshi).
- ▶ Gutanga amahirwe ku mikoro ngiro no gushyira mu bikorwa ibyateganijwe gukorwa haba mu ishuri no ku murimo.
- ▶ Gukoresha ururimi rworoshye kandi rwumvwa na buri wese.
- ▶ Kuyihuza n'ibintu bifatika: Koresha ibikoresho by'iwacu n'ibiboneka aho bigira
- ▶ Gutanga urubuga abana bagatanga ibitekerezo mu migendekere y'imikoro ngiro no kubaza ibibazo bituma abana batekereza no gusesengura bahuza amasomo yabo n'ibyo bahura na byo mu buzima no kubibonera ibisubizo.
- ▶ Gukoresha uburyo butavangura: Gukora ku buryo buri byiciro byose by'urubyiruko (n'abandi bahugurwa) bigaragamo-igitsina gabo n'igitsina gore, ab'imico itandukanye, imyumvire, iyobokamana, abafite ubumuga,.....
- ▶ Gutanga umwanya abana bakagerageza ibyo biyemeje, gutanga umwanya wo kubaza kandi abana bagahabwa urubuga rwo kwitegereza.
- ▶ Gushyigikira uburyo bw'imyigire itagira umupaka (kwiga kudahagarara): gutera amatsiko no gutangara, gufungura ubwenge, kureba imbere no guhanga udushya.

Iyi mirongo migari ni yo ishingirwaho mu mikoro ngiro no mu bitabo mfashanyigisho:

1. **Ubushobozi bw'ingenzi:** Imbonerahamwe iboneka ku ntangiriro ya buri somo rigomba kwigwa igaragaza ubumenyi bw'ingenzi ubushobozi n'inozamukoro bigomba kugerwaho nyuma ya buri mukoro ngiro.
2. **Kwisuzuma:** Bikorwa ku ntangiriro no ku musozo wa buri mutwe w'isomo kugirango ubashe kumenya ubumenyi abanyeshuri bafite nyuma y'umutwe (n'uburyo bagenda babyumva gahoro gahoro kugera kubabyumvise neza).
3. **Gutangira imikoro ngiro:** Umukoro cyangwa ikibazo kigufi bifite umumaro wo:
  - a) Gufasha umwarimu kumenya ibyo abanyeshuri basanzwe bazi .
  - b) Kuvumbura amatsiko y'abanyeshuri ku isomo runaka
  - c) Gusobanura intego ngenamukoro n'ubumenyi bw'ingenzi bugamijwe ku isomo runaka.
4. **Umukoro ngiro ugamiye gukemura ikibazo:** Umukoro usaba abanyeshuri gutekereza bagashakashaka aho gufata mu mutwe ibyo bahawe. Uburyo bunyuranye bw'imyigire n'imyigishirize burakoreshwa harimo ibikorwa by'umunyeshuri ku giti ke n'imikoro ngiro yo mu matsinda nko gusoma ibirebana n'ubuzima busanzwe no gusubiza ibibazo biri inyuma y'umukoro ngiro nko kugaragaza ibikoresho nyirizina biboneka aho imikoro yo ku ishuri ikorerwa mu rwego rwo gukora umukoro ngiro runaka Mu gukurikirana ihanahana/isangira ry'ibisubizo, umwarimu akurikirana abanyeshuri yifashishije ibyigwa n'uburyo byigishwamo.
5. **Imikoro ngiro ikurikiranywe:** yubakiye k'ubumenyi n'ubushobozi byavuye mu mukoro ngiro wavuzwe haruguru mw'ihurizo ryatanzwe, mwarimu afasha abanyeshuri akoresheje imyitozo ngiro.
6. **Umwitozo/Umukoro:** Ukomeza ubumenyi n'ubushobozi by'umunyeshuri binyuze mu isomo rishingiye ku buzima busanzwe, mu ishuri, hanze y'ishuri cyangwa mu kazi. Abanyeshuri bahabwa rugari bagashyira mu bikorwa ibyo bize buri wese ku giti ke.

7. **Amabwiriza ngenamikorere y'umwitozo:** Mu gitabo mfashanyigisho cy'umunyeshuri dusangamo imbonerahamwe zirimo amabwiriza ngenamikorere y'umwitozo. Izi mbonerahamwe zifite amakuru cyangwa ibyigwa kuri buri somo rigamijwe. Abanyeshuri ni zo bifashisha mu gihe k'imikoro ngiro yawo.
8. **Ingingo zo kuzirikana:** Urutonde rw'ingingo nyamukuru mu isomo runaka.
9. **Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize:** Ibibazo n'imikoro ngiro byo kugenzura urwego rw'imyumvire y'abanyeshuri ku isomo rishya bize.
10. **Isuzuma rikomatanya:** Rishingiye ku ikusanya, ubuzima busanzwe ku buryo bukoreshwa mu bindi byiciro by'imyuga n'ubumenyi ngiro. Iri suzuma rikorwa mu mpera za buri somo ku masomo, mu masomo arebana n'ubunyamwuga, mu mpera za buri mutwe ku masomo y'ubumenyi bw'ibanze n'amasomo y'ubumenyi rusange.
11. **Kwigarukaho/Kwisubiramo:** Umunyeshuri agaruka ku buryo yisuzumye mu ntangiriro y'umutwe akareba aho yagaragaye imbaraga, ibibazo/inzitizi yahuye na zo n'ibyakorwa kugirango azamure ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe.

Igitabo cy'imfashanyigisho cy'Umunyeshuri n'icya mwarimu biruzuzanya mu mikoreshereze yabyo ikindi kandi bihuje imitwe n'amazina y'imikoro ngiro. Mwarimu igihe cyose azaba ashobora kubwira abana gushakisha umwitozo/umukoro ngiro runaka agendeye ku itonde yubatswe. Urugero, umwitozo runaka uzaba witwaga Isomo 1.2 Umukoro 2. ikigwa ni umubare w'isomo naho umukoro ukaba umukoro runaka ugomba gukorwa. Amabwiriza ngenamikorere y'umwitozo na yo ashirwa ku itonde hakoreshejwe numero kugirango abanyeshuri bayifashishe ku buryo buboroheye. Ibi ntibigaragara mu gitabo mfashanyigisho cya mwarimu ni yo mpamvu biba byiza iyo mwarimu abitunze byombi (igitabo mfashanyigisho cye n'icy'Umunyeshuri).

Igitabo mfashanyigisho cya mwarimu kiba kirimo ibisubizo (Cyangwa imirongo iyobora umwarimu uko bikwiye) ku isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize cyangwa isuzuma rikomatanya kimwe n'ibindi bibazo n'imitego byagaragaye mu mikoro ngiro.

Amasuzuma akomatanya ntagaragara mu gitabo mfashanyigisho cy'umunyeshuri. Ibi bikoreshejwe nk'umuyobozi w'abazategura amasuzuma akomatanya asoza igitabo cyangwa umutwe runaka w'isomo.

Ibitabo by'ubumenyi bw'ibanze n'ibitabo by'ubumenyi rusange byo birimo amasuzuma akomatanya mu mpera za buri mutwe w'isomo mu gihe ibitabo by'amasomo y'imyuga aya masuzuma akomatanya agarara mu mpera zabyo gusa.

Mu gusoza, hari igice mu gitabo mfashanyigisho cya mwarimu cyagenewe ubusobanuro bw'ingereka kuri mwarimu, akaba arimo amakuru yihariye agomba kubafasha kugira imyumvire yimbitse ku kigwa runaka.

Izina ry'iyi nyoboramutoza:

# IKORESHA RY'IKINYARWANDA GIKWIYE MU KAZI



| Imbumbe z'ibigwa                                                                    | Amasaha y'inyigisho | Umusaruro w'inyigisho                                                                                                                                                               |
|-------------------------------------------------------------------------------------|---------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <b>Imbumbe ya 1: Ishyikirana n'abandi mu mvugo</b>                                  | <b>10</b>           | <b>1.1.</b> Gukoresha uko bikwiriye imvugo yabugenewe y'ikinyabupfura igihe avugana n'abandi                                                                                        |
|                                                                                     |                     | <b>1.2.</b> Gusubiza neza ibibazo akoresheje imvugo iboneye yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo                                                                                   |
|                                                                                     |                     | <b>1.3.</b> Kuganira mu buryo buboneye agaragaza ibitekerezo bye ashingiye ku nsanganyamatsiko yatoranyijwe                                                                         |
|                                                                                     |                     | <b>1.4.</b> Kumurika ibihangano bye mu buryo bunoze akoresheje imvugo iboneye, interuro zuzuye, yubahiriza amabwiriza y'isanisha, utwatumaze n'isesekaza                            |
| <b>Imbumbe ya 2: Isoma n' Itahuramakuru n'ingingo z'ingenzi mu mwandiko yasomye</b> | <b>10</b>           | <b>2.1.</b> Gusoma neza aranguruye yubahiriza utwatumaze n'isesekaza                                                                                                                |
|                                                                                     |                     | <b>2.2.</b> Gusesengura umwandiko uko bikwiye ashingiye ku buryo bwo gusoma agamije gutahura amakuru akenewe                                                                        |
|                                                                                     |                     | <b>2.3.</b> Kugaragaza neza ingingo z'ingenzi z'umwandiko agendeye ku bika biwugize                                                                                                 |
|                                                                                     |                     | <b>2.4.</b> Guhina umwandiko akurikiranya neza ibitekerezo ashingiye ku ngingo z'ingenzi                                                                                            |
| <b>Imbumbe ya 3: Guhanga no gutegeka imyandiko n'inyandiko</b>                      | <b>10</b>           | <b>3.1</b> Guhimba no kwandika imyandiko mu buryo bunoze ku nsanganyamatsiko zitandukanye yubahiriza amategeko y'imyandikire, imyubakire y'interuro n'imiterere iboneye y'imyandiko |
|                                                                                     |                     | <b>3.2</b> Gutegeka inyandiko zinyuranye kandi zinoze zifitanye isano n'akazi yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda n'imiterere y'inyandiko asabwa                     |

## Imbumbe ya 1: Gushyikirana n'abandi mu mvugo



### **Ibigamijwe**

Nyuma y'iyi mbumbe y'inyigisho, Umutozwa araba ashobora:

- 1.1.** Gukoresha imvugo yabugenewe y'ikinyabupfura igihe avugana n'abandi
- 1.2.** Gusubiza ibibazo akoresheje imvugo iboneye yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo
- 1.3.** Kuganira agaragaza ibitekerezo bye ashingiye ku nsanganyamatsiko yatoranyijwe
- 1.4.** Kumurika ibihangano bye akoresheje imvugo iboneye, interuro zuzuye, yubahiriza amabwiriza y'isanisha, utwatuzo n'isesekaza

## **Isuzumabushobozi ku nyigisho igiye kwigwa mu mbumbe ya 1**

1. Saba abatozwa kwitegereza ishusho baganire ku byo babonaho. Ibyigwa batekereza ko iyi mbumbe yibandaho bagendeye ku ishusho. Nyuma yo kwakira ibitekerezo binyuranye, mutsindagire iby'ingenzi iyi nyigisho yibandaho.
2. Saba abatozwa kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abatozwa bafite ku mbumbe y'inyigisho igiye kwigwa ari ukubafasha kwimenyereza ibyigwa biyikubiyemo, hakabaho kumenya ibyo baziho n'ibyo batazi mbere yo kuyitangira. Ku musozo wayo bazakora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n'ahakeneye kongerwamo imbaraga n'uko byakorwa. Rero si isuzuma risanzwe!

## Umusaruro w'inyigisho 1.1: Gukoresha uko bikwiriye imvugo yabugenewe y'ikinyabupfura igihe avugana n'abandi

|                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                 |
|-------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|    | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba ashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Gukosora imvugo nyandagazi bakayihinduramo imvugo iboneye</li> <li>Kugaragaza ubwoko bw'amagambo n'umumaro wayo mu nteruro</li> <li>Guhimba urwenya no kuruvugira imbere ya bagenzi babo bubahiriza indangagaciro z'umuco nyarwanda.</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                    |
|    | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |
|    | <p><b>Uburyo bw'imyigishirize:</b> Gukoresha amatsinda mato, babiribabiri, kwifashisha inkuru, kujya impaka, kubara inkuru</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |
|    | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Igitabo cy'Umutozwa</li> <li>Inyoboramutoza</li> <li>Ikibaho</li> <li>Amacaki</li> <li>Inkoranyamagambo</li> <li>Marikeri</li> <li>Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|  | <p><b>Imyiteguro:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                             |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (dukwiye gukoresha ururimi rwujuje ubuziranenge)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Kurengera ibidukikije (kwirinda umwanda kugira ngo tudahumanya ibidukikije)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (abantu bagomba kubana neza mu bworoherane, bakirinda gushyamirana)</li> </ul> |
|  | <p><b>Ibyo Umutozwa yagombye kuba azi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>► Imvugo iboneye mu Kinyarwanda</li> <li>► Amwe mu moko y'amagambo</li> <li>► Kubara inkuru zoroheje</li> <li>► Gutera urwenya mu buryo busanzwe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |



| <b>Ubushobozi fatizo: Gukoresha uko bikwiriye imvugo yabugenewe y'ikinyabupfura igihe avugana n'abandi</b> |                                                             |                                                                                                                                                                       |
|------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <b>Ubumenyi</b>                                                                                            | <b>Ubumenyi ngiro</b>                                       | <b>Ubukeshya</b>                                                                                                                                                      |
| <b>1.</b> Kuvuga amoko y'imvugo                                                                            | <b>1.</b> Gutandukanya amoko y'imvugo                       | <b>1.</b> Kujora imvugo nyandagazi no guharanira kuyikosora                                                                                                           |
| <b>2.</b> Kurondora amoko n'imimaro by'amagambo biboneka mu nteruro                                        | <b>2.</b> Kugaragaza amoko n'imimaro by'amagambo mu nteruro | <b>2.</b> Kurangwa n'imvugo yubahiriza imikoreshereze inoze y'amagambo mu nteruro                                                                                     |
| <b>3.</b> Kugaragaza ibiranga urwenya                                                                      | <b>3.</b> Gutera urwenya                                    | <b>3.</b> Kwihatira gutera urwenya no gutebya bishimangira indangagaciro z'umuco nyarwanda.<br><b>Urugero:</b> ubutwari, kuvugisha ukuri, gukunda umurimo no kuwunoza |



**Intambwe zikurikizwa:**



**Intangiriro: Ni ibiki tuzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe dukeneye kumenya?**



#### **Ikigwa cya 1.1 Umwitozo 1**

Saba abatozwa gukora umwitozo wo gusomera hamwe umwandiko (buri wese na mugenzi we begeranye) hanyuma bagasubiza ibibazo byawubajijweho. Asaba amatsinda gusangizanya ibisubizo babonye. Hanyuma akabasobanurira intego y'inyigisho agaragaza, ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukeshya bayungukiramo.

Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo byatangwa

**1. Imvugo yakoreshejwe iri mu buhe bwoko bw'imvugo?**

Iri mu bwoko bw'imvugo nyandagazi.

**2. Bene iyi mvugo irangwa n'iki?**

Irangwa no kutagaragaramo ikinyabupfura, gukoresha amagambo adaturanye mu rurimi, amagambo y'inzaduka, hakabamo kuvangavanga indimi mu buryo budakwiye. Ikoreshwa akenshi n'abisanzuranyeho ariko n'ubundi bikorwa mu buryo butemewe. Si imvugo rero yo gushyigikira.

**3. Ni ayahe magambo ataboneye yakoreshejwe?**

Mwa maniga mwe, mubiyoka, ntibikiri sawa, abatipe n'abatipete, gutarasa, abaviye, kubaraburiza, akaryo, bimiraburana, navuga ati, rinye ikosotse.

#### 4. Ni ayahe magambo wayasimmbuza kugira ngo iyi mvugo ibe imvugo itunganye?

| Amagambo y'imvugo itaboneye | Amagambo y'imvugo iboneye              |
|-----------------------------|----------------------------------------|
| Mwa maniga mwe              | Bagenzi bange (rungano rwange)         |
| Mubiyoka                    | Mubibona                               |
| Ntibikiri sawa              | Ntibikimeze neza (ntibicyoroshye)      |
| Abatipe n'abatipete,        | abakobwa n'abahungu (abasore n'inkumi) |
| Gutarasa                    | Gutembera                              |
| Abaviye                     | abasaza (abakuze)                      |
| Kubaraburiza                | kubarega (kubatangira amakuru)         |
| Akaryo                      | inyungu (amaramuko)                    |
| Bimuraburana                | bimupfana (bimwangira)                 |
| rinye ikosotse.             | ikerekezo gihamye (umurongo muzima)    |

Imvugo ziteye nk'iyi tumaze kubona rero, zidakoresha amagambo aboneye, zikavangavanga indimi, zigakoresha amagambo y'inzaduka n'ibindi zitwa **imvugo nyandagazi** zikaba zibusanya n'**imvugo iboneye**. Iyi nyigisho yacu rero igamije kudutoza kumenya ibiranga izi mvugo, tugashobora kuzitandukanya, noneho tugaharanira gukoresha imvugo yabugenewe y'ikinyabupfura igihe tuvugana n'abandi mu myuga cyangwa imirimo yacu ya buri munsu.



#### Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



##### Ikigwa cya 1.1 Umwitozo 2

**Umwitozo:** Saba abatozwa gukora umwitozo uri mu bitabo byabo wo gusomera hamwe umwandiko (mu matsinda mato) hanyuma bagasubiza ibibazo byawubajijweho. Saba amatsinda gusangizanya ibisubizo babonye. Hanyuma akabasobanurira intego y'inyigisho agaragaza, ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha bayungukiramo.

Ibibazo n'urugero rw'ibisubizo byatangwa

#### 1. Garagaza imvugo nyandagazi yakoreshejwe muri iyi nkuru n'uko yakosorwa ikaba imvugo iboneye.

|                    |                           |
|--------------------|---------------------------|
| Imvugo nyandagazi  | Imvugo iboneye            |
| Kwiciraguraho      | Kwitotomba                |
| mwa biturage mwe   | Mwa bantu mwe             |
| Bikererwa          | Bakererwa                 |
| Abajene            | Abakiri bato              |
| Ibintu biri simati | Ibintu bikeye, bitunganye |
| Nimwikarume        | Nimutuze                  |
| Wa gisaza we       | Wa musaza we              |

**2. Mu magambo aciyeho akarongo ni ayahe ari mu moko y'amagambo akurikira?**

Izina, ntera, ikinyazina, inshinga, icyungo, ingera (umugereka), indangahantu, irangamutima, ikegeranshinga.

| Izina                    | Ntera              | Ikinyazina                           | Inshinga                                     | Icyungo                   | Ingera (umugereka)         | ikegeranshinga | indangahantu | Irangamutima |
|--------------------------|--------------------|--------------------------------------|----------------------------------------------|---------------------------|----------------------------|----------------|--------------|--------------|
| Igitondo, Mahirwe, inama | Bake, munini, gato | Bo, abandi, ayo, we, aho, bese, zabo | Iteganyirijwe, ashinzwe, dukomeze, gukoresha | ko, nk, na, cyangwa, nuko | Cyane, Kera kabaye, buhoro | dore           | Mu           | Yoo          |

**3. Mu magambo aciyeho akarongo ni ayahe afite imimaro ikurikira?**

Ruhamwa, izingiro ry'interuro, icyuzuzo, impuza n'imfutuzi.

| Ruhamwa | Izingiro ry'interuro    | Icyuzuzo        | Impuza                                      | Imfutuzi                                                                                         |
|---------|-------------------------|-----------------|---------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Mahirwe | Iteganyirijwe, ashinzwe | Igitondo, inama | Mu, <u>ko, nk</u> , na, cyangwa, nuko, dore | bo, bake, cyane, abandi munini, gato, <u>Kera kabaye</u> , ayo, we, aho, bese, zabo, yoo, buhoro |

**4. Urwenya rurangwa n'iki?**

Urwenya rurangwa no kubara inkuru mpimbano cyangwa amagambo n'imyifatire by'umuntu bisetsa abandi. Ruba rugamije kuruhura abantu cyangwa kugira uwo rukosora.



## Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe



### Ikigwa cya 1.1 Umwitozo 3

Saba abatozwa kujya ku **Ikigwa cya 1.1 Umwitozo 3**

**Umwitozo:** Ongerera usome inkuru “**Mahirwe mu nama**” maze usubize ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanze kuri buri kibazo.

1. Mu matsinda ya babiribabiri nimuvuge ubwoko bw’amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira:

**Urugero:**

Yagiye kuyobora inama yari iteganyirijwe abahinzi bo mu gace yari ashinzwe.

**Yagiye:** inshinga

- a. Agezeyo asanga hageze abahinzi bake cyane abandi batarahagera.
- b. Byabaye ngombwa ko abategereza umwanya munini.
- c. Mahirwe yatangiye kwiciraguraho no kuvuga nabi.
- d. Yemwe mwa biturage mwe bikererwa mwari muyobewe ko inama igomba gutangirira igihe?
- e. Ntimuzi ko muri iki gihe tugomba gukora nk’abajene tukarangwa n’ibintu biri simati?

- a. **Agezeyo:** inshinga
- b. **Umwanya:** izina
- c. **Nabi:** ingera (umugereka)
- d. **Mwa:** ikinyazina
- e. **Muri:** indangahantu

2. Mukorere mu matsinda y’abantu batanu maze mugaragaze imimaro y’amagambo aciyeho akarongo muri iki gika:

Umugore umwe atanga igitekerezo ariko anakosoreramo iyo myitwarire yo kuvuga nabi mu buryo bw’urwenya. Ati: “Abantu twese tuge twibuka kubahiriza inshingano twiyemeje, dore ko bamwe baba baranabirahiriye mbere yo gutangira akazi kabo”.

**Urugero:**

Abantu twese tuge twibuka kubahiriza inshingano twiyemeje.

**Twese:** imfutuzi

**Umugore:** ruhamwa

**Igitekerezo:** icyuzuzo

**Ariko:** impuza

**Nabi:** imfutuzi

3. Nimukore amatsinda mwubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye maze muge impaka zubaka ku nsanganyamatsiko ikurikira: "Mu myuga inyuranye dukora, abatugana mu gihe bitwaye nabi tugomba kubacyaha tubabwira nabi".

Muri buri tsinda ibitekerezo bivuguruzanya mwatanze mubihurize hamwe maze mufate umwanzuro.



## **Igikorwa cy' umukoro ngiro**

### **Ikigwa cya 1.1 Umwitozo 4**

**Umwitozo:** Ugendeye ku nkuru "**Mahirwe mu nama**" twasomye, subiza ibibazo bikurikira wubahiriza amabwiriza yatanze kuri buri kibazo.

1. Mu gika gikurikira, erekana amagambo afite umumaro wa **ruhamwa**, uw'**izingiro ry'interuro**, uw'**icyuzuzo**, uw'**impuza** n'uw'**imfutuzi**: "Nuko umusaza arikomereza, wa muntu na we asigara yumiwe yibaza ibimubayeho. Abantu bari aho bose baraseka barumirwa bataha biyemeje kubahiriza inshingano zabo no gukoresha imvugo iboneye igihe bashyikirana n'abandi".

Amagambo afite umumaro wa:

**Ruhamwa:** umusaza, muntu, abantu

**Izingiro ry'interuro:** arikomereza , asigara, yibaza, bari, baraseka, barumirwa, bataha, biyemeje, kubahiriza, gukoresha, bashyikirana

**Icyuzuzo:** yumiwe, ibimubayeho, aho, kubahiriza, inshingano, gukoresha, imvugo, igihe

**Impuza:** nuko, na, no, n'

**Imfutuzi:** wa, we, bese, zabo, iboneye, abanda

2. Himba inkuru y'umuntu wakiriye neza abamugana akabakirana urugwiro bamusanze mu mwuga nk'uyu wawe, maze uyibwire bagenzi bawe kandi wirinda gukoresha imvugo nyandagazi.

Umutoza areba ko inkuru yahimbwe n'Umutozwa yujuje ibisabwa, akamwunganira aho abona akeneye ubufasha.

3. Tekereza urwenya waba uzi cyangwa uhimbe urwawe rushimangira indangagaciro z'umuco nyarwanda urwandike hanyuma urubwire bagenzi bawe.

Umutoza areba ko urwenya rwateguwe n'Umutozwa rwujuje ibisabwa, akamwunganira aho abona akeneye ubufasha.

4. Hanga umwandiko w'imirongo nk'itanu cyangwa irengaho gato, ugaragazemo amagambo amwe n'amwe y'imvugo nyandagazi. Ayo magambo ugende uyacaho akarongo maze werekane n'uko wayakosora kugira ngo ukore imvugo iboneye.

Umutoza areba ko umwandiko wahimbwe n’Umutozwa wujuje ibisabwa, akamwunganira aho biri ngombwa.



### Iby’ingenzi ngomba kwibuka:

- Mu kazi umuntu agomba kwirinda imvugo nyandagazi, ahubwo akihatira gukoresha imvugo iboneye.
- Igihe tuvuga tugomba gukoresha neza amoko anyuranye y’amagambo mu nteruro hitawe ku mimaro yayo mu nteruro.
- Urwenya rurangwa no kubara inkuru mpimbano cyangwa amagambo n’imyifatire by’umuntu bisetsa abandi bikabaruhura cyangwa bikagira uwo bikosora.
- Iyo abantu bajya impaka ku ngingo runaka, bagomba kugira icyo bemeranyaho mu gufata umwanzuro.



### Isuzuma rinoza imygire n’imyigishirize

**Saba abatozwa gukora umwitozo uri mu bitabo byabo wo gusoma buri wese ku giti ke umwandiko hanyuma agasubiza ibibazo byawubajijweho.**

#### Insigamigani: UTABUSYA ABWITA UBUMERA

*Uyu mugani bawuca iyo babonye umuntu wese umara gushira impumu akiyibagiza amagorwa azahutseho; ahubwo agatsikamiza agahato abo bahoze bayasangiye; nibwo bavuga bati: “Koko utabusya abwita ubumera”! Wakomotse kuri Karake ka Rugara w’i Bumbogo bwa Huro (mu Karere ka Gakenke, Intara y’Amajyaruguru); ahasaga umwaka wa 1600.*

Guhera ku ngoma za kera kugeza kuri Kigeri Rwabugiri, abanyamuhango b’umuganura bagatura i Bumbogo; ndetse bakaba ari na bo batware babwo bwose. Inteko yabo yari ku musozi witwaga Huro (ubu ni mu Karere ka Gakenke). Bukeye umutsoke Nyamwasa wari umutware w’abasiy icyo gihe, asaba umukobwa wo mu ngabo za Mibambwe Gisanura yise Abambogo b’umuganura. Abakobwa babo ni bo basyaga umutsima w’umuganura nyine. Uwo mukobwa yitwaga Karake, akaba mwene Rugara w’Umusegege. Agasyana n’abandi bakobwa b’urungano; ni na ho Nyamwasa yamuboneye aramushima aramusaba. Amaze kumurongora, Karake aranezerwa kuko noneho aho gusya agiye kujya ahagarikira abasiy. Ahimbarwa n’ubutwarekazi; abakobwa baje gusya akabahagarikirana urutoto abisyigingiza yitotomba ngo barizenutse ntibasyana umwete.

Abo bakobwa babyirukanye bakamubwira bamwenyura, bati: “Mbese ntuzi ko uburo bukomera”? Karake akabasubizanya izeneze, ati: “Ubu na bwo ni uburo si ubumera”? (ntiburuhije). Abakobwa bagatinye kumuseka ngo bitabakorera

ishyano; bagasekera mu bipfunsi. Biba aho bityo. Bukeye Karake yubura ingeso yo gusinda. Nyamwasa yaza agasanganirwa n’umugono agasanga umugore yasinziye uburiri ari ibirutsi gusa: Karake si ugusinda arasayisha! Bituma umugabo we amwanga aramuzinukwa aramusenda asubira iwabo. Rubanda bari bazi ubukundwakare bwe baratangara.

Haciyeho iminsi igihe cy’umuganura w’ibwami kiragera. Bakoresha Abambogo b’umuganura bose ngo baze gusya kwa Nyamwasa. Ubwo Rugara se wa Karake yari afite umugore w’umukecuru kandi nta n’umukobwa wundi afite wo kumucungura. Biramushobera; ati: “Ibi mbigenje nte! Ko nta wundi mwana mfite; kandi ko kohereza Karake kwa Nyamwasa ngo asyane n’abo yahoze ahagarikiye byamutera ipfunwe ribi”? Abandi b’amacuti ye bati: “Nutamwohereza bizakugwa nabi”. Abuze uko abigira apfa kumwohereza ajya mu basyi; ati: “Jya gusya uburo bw’ibwami nta kundi twabikika”!

Karake arashoberwa ariko aremera apfa kugenda; agenda aseta inzira ibirenge. Ageze kwa Nyamwasa abakobwa baranzika barasya, Karake abajyamo afata urusyo rwe. Agize ngo arapfukama biramutonda, agize ngo arasya biramunanira; kuko yari amaze guhuga hashize igihe kirekire ari mu mukiro. Noneho ba bakobwa baramwubahuka baramuseka baramukwena; mbese baramukwenura bamuhinyora; bati: “Nyabusa shikama usye vuba dore ubwo si uburo ni ubumera”! Bamucyurira ko igihe yakinaga n’umurengwe yari yariyibagije ko gusya uburo ari impingane.

Nuko mu mataha abakobwa batahana Karake bamuhinyora, ijamba riba gikwira i Bumbogo risakara u Rwanda riba umugani. Bawinjiza mu yindi yigisha gukora iki cyangwa kudakora kiriya. Kuva ubwo rero umuntu wese umaze gushira impumu akirengagiza amagorwa azahutsemo ntacire abo bari bayasangiye akari urutega, bakamuciraho uwo mugani, bagira bati: “**Utabusya abwita ubumera**”! Baba bamugereranya na Karake wiyibagije ko gusya uburo ari impingane bikura amakwabasi.

Byavuye muri: Minisiteri y’Amashuri Makuru n’Ubushakashatsi mu by’Ubuganga, *Ibirari by’insigamigani. Igitabo cya Kabiri*, Kigali, 1986

### **Ibibazo**

- 1. Ibivugwa muri iyi nsigamigani bihuriye he n’imyitwarire y’umunyamwuga?**  
Aho bihuriye ni uko havugamo Karake na bagenzi bari abanyamwuga, bakoraga umwuga wo gusya, bakavuga imyitwarire yabaranze mu gihe bakoraga uwo mwuga.
- 2. Sobanura inyigisho ukuye muri iyi nsigamigani n’uko iyo nyigisho izagufasha mu mwuga wawe.**  
Nkuyemo inyigisho y’ukuntu Karake yitwaye nabi kuri bagenzi be bahoze bahuje umwuga w’abasi ngo ni uko yabasumbije icyubahiro, nyamara yiyibagije ko bucya bucya ayandi. Iyi nyigisho izamfasha kujya nitwara neza mu mwuga wange,

abankeneye bose nirinde kubirataho cyangwa kubirengagiza, ahubwo ndangwe n'imikorere inoze kandi yubahiriza n'amateguko y'umurimo.

**3. Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira zifatiye kuri uyu mwandiko.**

- a. Abo bakobwa babyirukanye bakamubwira bamwenyura, bati: "Mbese ntuzi ko uburo bukomera"?

**Abo:** ikinyazina

**Bakobwa:** izina

**Bakamubwira:** inshinga

**ko:** icyungo

- b. Abuze uko abigira apfa kumwohereza ajya mu basyi.mu: indangahantu

**4. Ereka imimaro y'amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira zifatiye kuri uyu mwandiko.**

- a. **Utabusya** abwita ubumera

**Abwita:** izingiro ry'interuro

**Ubumera:** icyuzuzo

- b. **Uyu** mugani bawuca iyi babonye umuntu wese umara gushira impumu akiyibagiza amagorwa azahutsemo.

**Uyu:** imfutuzi

**Iyi:** impuza

- c. Abanyamuhango b'umuganura bagatura i Bumbogo.

Abanyamuhango: ruhamwa

Ibindi bibazo bidafatiye ku mwandiko

**5. Hanga urwenya rufatiye ku mwuga runaka cyangwa se utegure urundi waba uzi rufatiye ku mwuga ruteza imbere indangagaciro z'umuco nyarwanda maze urugeze kuri bagenzi bawe.**

Umutoza areba ko urwenya rwahimbwe n'Umutozwa rwujije ibisabwa.

**6. Tandukanya imvugo iboneye n'imvugo nyandagazi ugendeye ku biziranga.**

**Imvugo iboneye** irangwa no gukoresha amagambo atunganye, arimo ikinyabupfura, atari inzaduka mu gihe **imvugo nyandagazi** yo irangwa no kutagaragaramo ikinyabupfura, gukoresha amagambo adatunganye mu rurimi, amagambo y'inzaduka, hakabamo kuvangavanga indimi mu buryo budakwiye. Ikoreshwa akenshi n'abisanzuranyeho.

**i Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umutoza**

**1. Ubumenyi ku nzego z'ururimi**

Inzego z'ururimi n'ingeri z'aho zakoresheye

| Inimero | Urwego rw'ururimi | Urugero rw'aho rwakoresheye             |
|---------|-------------------|-----------------------------------------|
| 1       | Imvugo y'ijambo   | Mu byigisho by'abihaye Imana, mu busizi |

|   |                        |                                                                |
|---|------------------------|----------------------------------------------------------------|
| 2 | Imvugo ihanitse        | Umwari mu wo muri kaminuza usobanura ubumenyi runaka bwihariye |
| 3 | Imvugo isanzwe         | Imvugo yo ku iradiyo, mu kinyamakuru                           |
| 4 | Imvugo y'ubusabane     | Umuyobozi muri siporo rusange asabana n'abitabiriye            |
| 5 | Imvugo y'ubushyikirane | Abantu b'inshuti biganirira ku bijyanye n'ubucuti bwabo        |

## 2. Amoko ya Ruhamwa

|         |                        |                                                   |
|---------|------------------------|---------------------------------------------------|
| Inimero | Ruhamwa mboneranteruro | <b>Umunyeshuri</b> mwiza arangwa n'ikinyabupfura. |
| 1       | Ruhamwa nyurabwenge    | Imboga zibona <b>abana</b> .                      |
| 2       | Ruhamwa mburabuzi      | <b>Harakabaho</b> u Rwanda n'Abanyarwanda.        |
| 3       | Ruhamwa mboneranteruro | <b>Umunyeshuri</b> mwiza arangwa n'ikinyabupfura. |

## 3. Amoko y'ibyuzuzo

| Inimero | Ubwoko bw'icyuzuzo | Urugero rw'aho gikoresheje                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             |
|---------|--------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1       | Icyuzuzo ruhamya   | Umwana ni <b>umutware</b> .                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                            |
| 2       | Icyuzuzo mbonera   | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Abanyeshuri bakunda <b>amasomo</b>.</li> <li>- Yakubise <b>impyisi inkoni</b>. (<b>impyisi</b>: icyuzuzo mbonera <b>ntega</b>, <b>inkoni</b>: icyuzuzo mbonera <b>ntegasha</b>).</li> <li>- Guhinga umurima: ku<b>wuhinga</b> (icyuzuzo gihagitse)</li> <li>- Umuntu ahingisha <b>isuka</b>. (icyuzuzo k'ingereka)</li> </ul> |
| 3       | Icyuzuzo nziguro   | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Bize <b>i Burayi</b>. (icyuzuzo nziguro cy'ahantu)</li> <li>- Mbega ukuntu bagenda <b>neza</b> wee! (icyuzuzo nziguro cy'uburyo)</li> <li>- Tuziga <b>ejobundi</b> (icyuzuzo nziguro k'igihe)</li> </ul>                                                                                                                      |

|  |  |                                                                                                                                                                                                         |
|--|--|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|  |  | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Yiruka <b>nk'ingeragere</b>. (icyuzuzo nziguro kigereranya)</li> <li>- Abanyeshuri biyogoshesha <b>rimwe</b> mu kwezi. (icyuzuzo nziguro k'inshuro)</li> </ul> |
|--|--|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

## Umusaruro w'inyigisho 1.2: Gusubiza ibibazo akoresheje imvugo iboneye yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo

|                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                            |
|-------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|    | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba bashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Gusoma neza umwandiko ujyanye n'insanganyamatsiko yo kurengera ibidukikije, uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse no gukunda umurimo no kuwunoza</li> <li>Gutandukanya impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho</li> <li>Gusesengura umwandiko no kuwuhina</li> <li>Gutandukanya interuro mbonezamvugo na nyobyamvugo</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                                                         |
|    | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                   |
|    | <p><b>Uburyo bw'imyigishirize:</b> Gukoresha amatsinda mato, babiribabiri, kwifashisha inkuru, kuja impaka, kubara inkuru</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                              |
|  | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Igitabo cy'umutozwa</li> <li>Inyoboramutoza</li> <li>Ikibaho</li> <li>Amacaki</li> <li>Inkoranyamagambo</li> <li>Marikeri</li> <li>Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |
|  | <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (dukwiye gukoresha ururimi rwujuje ubuziranenge, rutarimo interuro nyobyamvugo)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (ihame ry'uburinganire mu muryango, abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Kurengera ibidukikije (kwirinda kwahura amatungo ku gasozi, guhumanya amazi, ikirere n'ibindi)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (igihe bakorera mu matsinda bigimba gukorwa mubworoherane)</li> <li>✓ Ubuzima bw'imyororokere (gutozwa kuboneza urubyaro)</li> </ul> |

**Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:**



- ▶ Gusoma umwandiko
- ▶ Gusobanura amagambo
- ▶ Kuvuga ibyo yumvise mu mwandiko
- ▶ Gukoresha interuro isanzwe

**Ubushobozi fatizo: Gusubiza neza ibibazo akoresheje imvugo iboneye yubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo**

| Ubumenyi                                                                                                    | Ubumenyi ngiro                                                                                                                           | Ubukeshya                                                                                    |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1. Kuvuga ibyitabwaho mu gusoma no gusesengura imyandiko                                                    | 1. Gusoma no gusesengura imyandiko                                                                                                       | 1. Kugira umuco wo gusesengura no gutahura ubutumwa bukubiye mu mwandiko runaka              |
| 2. Kurondora ibyiciro by'inyunguramagambo: impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho | 2. Gutandukanya ibyiciro by'inyunguramagambo: impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho no kubikoresha mu nteruro | 2. Gushishikarira gukoresha impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho |
| 3. Gutanga inshoza y'ihinamwandiko                                                                          | 3. Gukora ihinamwandiko                                                                                                                  | 3. Kurangwa no gutanga ubutumwa mu buryo buhinnye aho biri ngombwa                           |
| 4. Kuvuga icyo interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo ari cyo                                         | 4. Gutandukanya interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo                                                                             | 4. Kwihatira gukoresha interuro mbonezamvugo no gukosora interuro nyobyamvugo                |



**Intambwe zikurikizwa:**



**Intangiriro: Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?**



**Ikigwa cya 1.2 Umwitozo 1**

**Umwitozo: Ugendeye ku bumenyi n'ubushobozi bwawe subiza ibibazo bikurikira.**

1. Ni ibiki uzi ku nsanganyamatsiko zikurikira: Kurengera ibidukikije, uburinganire n'ubwuzuzanye, gukunda umurimo no kuwunoza?

- Kurengera ibidukikije: kurwanya isuri, kororera mu biraro, kwirinda kwangiza amashyamba, kwirinda guhumanya ikirere, amazi n'ibindi. Twibuke ko umuntu ari we kidukikije cya mbere gikwiye kubungabungwa kugira ngo na cyo kibone uko kubungabunga ibindi bidukikije.
  - Uburinganire n'ubwuzuzanye: kureshya kw'ibitsina byombi imbere y'amategako, guhabwa uburenganzira bungana mu mashuri, mu mirimo no mu nzego z'ubuyobozi, kwita ku buryo bw'umwihariko ku bari barakandamijwe (abagore) no gutanya mu mirimo cyangwa inshingano.
  - Gukunda umurimo no kuwunoza: gushishikarira umurimo, gukora umurimo unoze kandi ufite ireme, gukorera hamwe, gukorera ku gihe, guhanga imirimo mishya no kuvugurura imikorere, kurangiza ibyo watangiye, gucunga neza umutungo, kuteganya, Kwigira, kugira umuco wo guhiganwa no kuba indashyikirwa.
2. Mu byiciro by'inyunguramagambo dusangamo: impuzanyito. Ibindi byiciro by'inyunguramagambo byo mu rwego nk'uru uzi ni ibihe?
- Imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho.
3. Mu gusubiza ibibazo akoresheje imvugo iboneye yubahiriza amategako y'ikibonezamvugo umuntu yakwita ku biki?
- Kumenya guhina ubutumwa bukubiye mwandiko/inkuru, gukoresha interuro mbonezamvugo yirinda interuro interuro nyobyamvugo.



## **Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo**



### **Ikigwa cya 1.2 Umwitozo 2**

1. Bwira buri mutozwa asomere hamwe na mugenzi we begeranye inkuru ikurikira maze basubize ibibazo byayibajijweho bakoresheje imvugo iboneye yubahiriza amategako y'ikibonezamvugo.

#### **Impanuro zikwiye**

Umugabo Kamana n'umuryango we ni abahinzi. Igitondo kimwe bazindutse bajya guhinga mu murima wabo. Mu mihingire yabo, bigabanyamo ibyiciro bibiri: mu bana bakuru ab'abahungu bahingana na se naho ab'abakobwa bo na nyina Mariza bahabwa akavi gato ko guhinga bakarangiza bagatera intabire ngo kuko ari abagore batagira intege zihagije. Uwo murima wari ahantu hari ubuhaname. Maze si uguhinga barashishikara sinakubwira! Ntibigeze batekereza gucamo imiringoti yo kurwanya isuri cyangwa ngo bateremo ibyatsi ndetse n'ibiti byo kurwanya isuri. Ubwo kandi ni na ko bari bajyanye n'inka zabo kuziragira iruhande rw'aho bahingaga. Izo nka zikagenda zikajambagira mu mugezi wari hafi aho ari na ko zitamo amase ndetse zikanagangamo. Abana babo bato benshi cyane kandi b'indahekana ubwo bari biraye mu ishyamba ryari hafi aho baryangiza, abandi

bacanye ibiyorero botsamo ibijumba, bamwe muri bo bakavuga ko bashaka no kwiyotera, cyanecyane ko byari mu gihe k'imvura nyishi.

Ntibyatinze haza kunyura Mujoyambere, umujoyanama w'ubuhinzi maze atungurwa n'imyumvire ndetse n'imyifatire mibi nk'iyoy, yuzuyemo ubutamenya bwinshi ugereranyije n'igihe tugezemo. Yabagiriye inama yo kurengera ibidukikije, bubahiriza uburyo bwo kurwanya isuri, bita kuri gahunda yo kororera mu biraro, birinda kwangiza amashyamba, guhumanya ikirere, amazi n'ibindi binyabuzima muri rusange. Akibagira izo nama zinyuranye, na Nyirabeza, umujoyanama w'ubuzima muri uwo mudugudu aba arahingutse, maze yunga mu rya Mujoyambere. Nuko yongeraho ko bakwiye no kwitabira gahunda yo kuboneza urubyaro, kuko ubwiyongere bukabije bw'abaturage na bwo bugira uruhare mu kwangiza ibidukikije.

Yongeyeho kandi ko bagomba kwita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye kuko ari ishingiro ry'iterambere ry'umuryango w'abantu. Abasobanurira ko hakwiye kubaho kureshya kw'ibitsina byombi imbere y'amategeko, abantu b'ibitsina byombi bagahabwa uburenganzira bungana mu mashuri, mu mirimo no mu nzego z'ubuyobozi. Asoza agira ati: "Ingamba zo kwita ku buryo bw'umwihariko ku bari barakandamijwe, tutibagiwe n'amategeko arengera by'umwihariko abagore muri rusange bigomba kurushaho kwitabwaho.

Kamana n'abagize umuryango we babanje gutsimbarara, bavuga ko kuva kera mu mateka y'u Rwanda ariko byahozze. Bakavuga ko mu muco nyarwanda, abagore n'abakobwa bakoraga imirimo iciriritse, kandi bagacisha make kuko banacaga umugani ngo: "Nta nkokokazi ibika isake ihari" ngo n'ibyo by'uburenganzira bwabo si byo kuko Abanyarwanda bavuga ngo: "Uruvuze umugore ruvuga umuhoro". Ariko nyuma baza kwemera impanuro, biyemeza ko bagiye kuzishyira mu bikorwa uhereye uwo munsu. Basoza bavugira icyarimwe bati: "Si ibyo gusa, ahubwo tugiye no kurushaho gukunda umurimo: tuwushishikarira, dukora umurimo unoze kandi ufite ireme, dukorera hamwe, dukorera ku gihe, duhanga imirimo mishya tunavugurura imikorere, turangiza ibyo twatangiye, ducunga neza umutungo, duteganya, twigira, kandi tugira umuco wo guhiganwa no kuba indashyikirwa".

#### **Ibibazo:**

- a. **Ni ba nde bavugwa muri iyi nkuru?**  
Muri iyi nkuru havugwamo Kamana, umugore we, abana babo, Mujoyambere, na Nyirabeza.
- b. **Abashyitsi basuye umuryango wa Kamana bakora uwuhe mwuga?**  
Mujoyambere ni umujoyanama w'ubuhinzi naho Nyirabeza akaba umujoyanama w'ubuzima.
- c. **Garagaza insanganyamatsiko zavuzweho muri iyi nkuru.**

Kurengera ibidukikije, ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye, gukunda umurimo no kuwunoza.

**d. Hina uyu mwandiko mu mirongo itarenze 10.**

Umutoza azareba ko abatozwa yashoboye guhina umwandiko agendeye ku bitekerezo by'ingenzi, agende abunganira aho bakeneye ubufasha.

**2. Mwitagereze interuro zikurikira maze mutahure imiterere y'amagambo aciyeho akarongo mu rwego rw'inyito zayo (ibisobanuro byayo).**

**a.** Kamana n'abahungu be bafashe ikivi kinini bavuga ko bafite imbaraga nyinshi naho umugore n'abakobwa bafata gito ngo kuko batagira intege zihagije.  
Aya magambo ahuje inyito (igisobanuro).

**b.** Yabagiriye inama yo kurengera ibidukikije aho kubyangiza.  
Aya magambo afite ibisobanuro by'ikinyuranyo.

**c.** Abagore n'abakobwa si bo bonyine bagombaga gutera intabire no gutera ipasi.  
Aya magambo avugwa (asomwa) kimwe akanandikwa kimwe, ariko nta ho ahuriye mu bisobanuro byayo.

**d.** Abana ba Kamana bato bagiriwe inama yo kutangiza amashyamba.  
Abana b'uriya musaza bose barashatse.  
Iri ni ijamba rimwe rivuga ibintu bijya gusa ariko ibisobanuro byaryo bikaba bitandukanyeho gato.

**e.** Inkoko yanyitseho amasaka bayishyira hejuru y'agatanda kugira ngo inkoko zitayatora.  
Aya magambo yanditse kimwe, ariko ntasomwa kimwe kandi n'ibisobanuro byayo si bimwe.

**3. Mwitagereze amatsinda y'interuro ebyirebyiri zikurikira maze muvuge aho zigiyeye zitandukanira.**

**a.** Ejobundi hazaza narebye umukino ushimishije.  
Ejobundi hashize narebye umukino ushimishije  
Interuro ya mbere ni interuro nyobyamvugo kubera ko ivuga ibizaza nk'ibirimo kuba ubu. Naho iya kabiri yo ikaba interuro mbonezamvugo kuko ivuga ibintu mu gihe byabereye.

**b.** Uyu munyeshuri agenda neza.  
Uyu munyeshuri tugenda neza.  
Interuro ya mbere ni interuro **mbonezamvugo** kuko isanishije neza. Naho iya kabiri yo ikaba interuro **nyobyamvugo** kuko idasanishije neza.

**c.** Umwarimu n'umunyeshuri yubahiriza amabwiriza.  
**Umwarimu n'umunyeshuri bubahiriza amabwiriza.**  
Interuro ya mbere ni **interuro nyobyamvugo** kuko ivuga ibintu byinshi nk'aho ari kimwe. Naho interuro ya kabiri ni **interuro mbonezamvugo** kuko ivuga ibintu byinshi kandi ikabivuga mu bwinshi nk'uko bikwiye kuvugwa.



## Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe



### Ikigwa cya 1.2 Umwitozo 3

Bwira abatozwa bongere basome inkuru **“Impanuro zikwiye”** maze basubize ibibazo bikurikira bubahiriza amabwiriza yatanze kuri buri kibazo.

1. Nimusome umwumwe, igika ku gika iyi nkuru muranguruye ijwi.  
Kurikira uko abatozwa basoma ubakosore aho biri ngombwa.
2. Mu matsinda mato nimugaragaze ingingo z’umuco n’iz’amateka dusanga muri iyi nkuru.  
Ingingo z’umuco n’iz’amateka dusanga muri iyi nkuru:
  - Kuvuga ko abagore n’abakobwa bakoraga imirimo iciriritse, kandi bagacisha make kuko banacaga umugani ngo: “Nta nkokokazi ibika isake ihari” **kandi** Abanyarwanda baravugaga ngo: “Uruvuzwe umugore ruvugaga umuhoro”.
  - Kuragira inka zabo ku gasozi, gucana ibiyorero, kubyara indahekana ubu byacitse.
3. Buri wese ku giti ke, nimukoreshe amagambo akurikira mu nteruro:
  - a. Ubuhaname
  - b. Imiringoti
  - c. Umurimo unoze
 Reba ko abatozwa bakoresheje amagambo mu nteruro zinoze.
4. Nimukorere mu matsinda mato maze musengure umwandiko mwasomye, muwujore mugaragaza ibyo mwanenze n’ibyo mwashimye mu byavuzwemo.  
Ibibi umuntu yanenga mu byavuzwe muri uyu mwandiko:
  - Kutubahiriza ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye
  - Kwangiza ibidukikije
  - Kutaringaniza urubyaro
 Ibyiza umuntu yashima muri uyu mwandiko:
  - Kugira abantu inama yo kurengera ibidukikije, kwita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye, gukunda umurimo no kuwunoza.
  - Kwemera kugirwa inama no guhindura imyumvire.
5. Interuro mbonezamvugo n’interuro nyobyamvugo zitandukaniye he?  
Interuro mbonezamvugo iba yubatswe neza, ikurikije isanisha ryaba irishingiye kuri ngenga, ku nteko, ku bumwe n’ubwinshi n’ibindi. Mu gihe interuro nyobyamvugo yo iba isanishije nabi, itubahiriza ibyo tumaze kuvuga ku nteruro mbonezamvugo.



## Igikorwa cy'umukoro ngiro



### Ikigwa cya 1.2 Umwitozo 4

Bwira abatozwa bongere basubize ibibazo bikurikira bubahiriza ibisabwa.

1. Nimwongere musome umwandiko “Impanuro zikwiye” umwumwe muranguruye maze musubize ibi bibazo.

- a. Uramutse ufite umurima uhanamye wabigenza ute mu kuwuhinga kugira ngo uzabone umusaruro wifuza?

Nawucamo amaterasi y'indinganire, imiringoti, kuri iyo miringoti ngatereho ibyatsi birwanya isuri, hanyuma no mu murima ngashyiramo ifumbire y'imborera ivanzemo n'imvaruganda...

- b. Ni izihe ngaruka ubona kuragira amatungo ku gasozi byateza?

Amatungo agenda yangiza ibidukukije nk'ibimera, agahumanya amazi, ibinono by'inka bikagenda bicukura aho bikandagiye bigateza isuri, kandi n'ifumbire igapfa ubusa kuko amatungo agenda ayinyanyagiza mu kinani, amatungo ashobora kwanduzanya indwara...

- c. Kugira ngo utunganye umwuga wawe wumva uzabigenza ute?

Nzajya nkurikiza inama ngirwa n'abajyanama ndetse n'impuguke muri uwo mwuga, kandi nubahiriza n'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye haba mu muryango wange ndetse no mu bo duhurira muri uwo mwuga.

2. Tanga urugero kuri buri kicio k'inyunguramagambo (impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho).

Impuzanyito: ibyago/amakuba

Imbusane: kuzamuka/kumanuka

Imvugwakimwe: imbata (itungo ryo mu rugo)/imbata (imiterere y'ibintu runaka)

**Ingwizanyito:**

- Indorerezi (zo mu matora)
- Indorerezi (utubere tudakamwa tuba iruhande rw'andi mabere y'inka)

Impuzashusho: gushima (aho umuntu ababara)/gushima (ibyakozwe neza)

3. Tanga interuro ebyiri nyobyamvugo zubatse mu buryo butandukanye maze werekane uko zakosorwa ngo zibe interuro mbonezamvugo.

Hazarebwa ko buri mumutozwa yashoboye kwandika interuro ebyiri nyobyamvugo zubatse mu buryo butandukanye maze akanerekana uko zakosorwa ngo zibe interuro mbonezamvugo.

**Urugero:** Uriya mwana karagiye. → Uriya mwana aragiye.

Ejo hazaza nagiye kwiga. → Ejo hazaza nzajya kwiga.



### Iby'ingenzi ngomba kwibuka:

- Kutitiranya ibyiciro by'amagambo y'inyunguramagambo
- Mu guhina umwandiko umuntu ntagenda kurenga 1/3 cy'umwandiko yahawe.



### Isuzuma rinoza imygire n'imyigishirize

1. Ongera usome umwandiko "Impanuro zikwiye" uwukoremo umwandiko uhinnye utarengeje imirongo 10.  
**Reba ko umwandiko uhinnye wubahirije ibisabwa.**
2. Vuga nibura umunyarubuga (umukinankuru) umwe wanenze muri uwo mwandiko ugaragaze n'icyo wamunenze.  
**Reba niba igisubizo cyatanzwe n'Umutozwa kinoze.**
3. Vuga noneho nibura umunyarubuga (umukinankuru) umwe washimye muri uwo mwandiko ugaragaze n'icyo washimye.  
**Reba niba igisubizo cyatanzwe n'Umutozwa kinoze.**
4. Erekana ubutumwa bukuru wakuye mu mwandiko "Impanuro zikwiye" maze ugaragaze n'icyo buzagufasha mu buzima bwawe.  
**Reba niba igisubizo cyatanzwe n'Umutozwa gikwiye.**
5. Shaka interuro kuri buri kiciro mu byiciro by'inyunguramagambo twize (impuzanyito, imbusane, imvugwakimwe, ingwizanyito n'impuzashusho).  
**Hazarebwa ko urugero rugusha ku ntego.**
6. Sobanura itandukaniro riri hagati y'interuro nyobyamvugo na mbonezamvugo usobanure n'akamaro kko kubyiga.  
**Buri wese azisobanura uko abyumva, hanyuma urebe ko yatanze ibitekerezo bigeze ku ntego.**



### Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umutoza

1. Uburyo bukoreshwa mu gufasha abatozwa mu gihe batumvise ikibazo cyabajijwe:
  - Gusubiramo ikibazo ku bundi buryo (gukoresha andi magambo afasha kumva ikibazo neza)
  - Kubaza ikibazo kiyobora ku gisubizo (ikibazo gisubizwa hakoreshejwe **yego** cyangwa **oya**).

2.

Izindi ngero z'interuro nyobyamvugo n'uko zakosorwa zikaba mbonezamvugo

Gukoresha interuro mbonezamvugo ntibishingira gusa ku kuba ivuga ibintu mu gihe byabereye, ibintu byinshi cyangwa bike nk'uko bikwiye kuvugwa, isanishije neza... Ahubwo binashingira no ku mvugo dukoresha buri muni. Ni ngombwa ko imvugo dukoresha iba inoze, yubahiriza ikibonezamvugo kandi idashyoma cyangwa ngo ivangavange ikinyarwanda n'izindi ndimi.

| <b>Interuro nyobyamvugo</b>             | <b>Interuro mbonezamvugo</b>             |
|-----------------------------------------|------------------------------------------|
| Naje natariye.                          | Naje ntariye.                            |
| Mubigenze utyo                          | Mubigenze mutyo                          |
| Batuye Gatenga.                         | Batuye mu Gatenga.                       |
| Muntize ku mwiko niyubakire inzu.       | Muntize umwiko niyubakire inzu.          |
| Simugende.                              | Ntimugende.                              |
| Aduhe ubusobanuro burambuye.            | Aduhe ibisobanura birambuye.             |
| Mugere mu mago yanyu amahoro.           | Mugere mu mago zanyu amahoro.            |
| Muri iyi minsi twatashye amakwe menshi. | Muri iyi minsi twatashye ubukwe bwinshi. |
| Abantu bo nabonye.                      | Abantu nabonye.                          |

## Umusaruro w'inyigisho 1.3: Kuganira mu buryo buboneye agaragaza ibitekerezo bye ashingiye ku nsanganyamatsiko yatoranyijwe

|                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |
|-------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|    | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba bashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Gutanga inshoza n'uturango by'ikiganiro nyunguranabitekerezo no gusobanura imitegurire yacyo</li> <li>Gutanga inshoza y'ikiganiro mpaka no kugaragaza imbata yacyo</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                                                                                              |
|    | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                 |
|    | <p><b>Uburyo bw'inyigishirize:</b> Gukoresha amatsinda mato n'amanini, kwifashisha ikiganiro nyunguranabitekerezo, kujya impaka</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |
|   | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Igitabo cy'umutozwa</li> <li>• Inyoboramutoza</li> <li>• Ikibaho</li> <li>• Amacaki</li> <li>• Inkoranyamagambo</li> <li>• Marikeri</li> <li>• Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |
|  | <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                    |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (dukwiye gukoresha ururimi rwujuje ubuziranenge)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora, ishusho igaragaza uburinganire n'ubwuzuzanye)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Kurengera ibidukikije (kwirinda kwangiza amashyamba)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (abangiza amashyamba bagomba kugirwa inama mu mahoro)</li> </ul> |
|  | <p><b>Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>▶ Gukoresha neza interuro</li> <li>▶ Kuvugira imbere y'abandi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |

| Ubushobozi fatizo: Kuganira mu buryo buboneye agaragaza ibitekerezo bye ashingiye ku nsanganyamatsiko yatoranyijwe |                                                       |                                                                                  |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------|
| Ubumenyi                                                                                                           | Ubumenyi ngiro                                        | Ubukeshya                                                                        |
| 1. Kuvuga inshoza, uturango n'imategurire by'ikiganiro nyunguranabitekerezo                                        | 1. Gutegura no gutanga ikiganiro nyunguranabitekerezo | 1. Gushishikarira kwitabira ibiganiro nyunguranabitekerezo no kubigiramo uruhare |
| 2. Kuvuga inshoza y'ikiganiro mpaka no kugaragaza imbata yacyo                                                     | 2. Gutegura no kuyobora ikiganiro mpaka               | 2. Gushishikarira kwitabira ibiganiro mpaka no kubigiramo uruhare                |

 **Intangiriro: Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?**



**Ikigwa cya 1.3 Umwitozo 1**

**Bwira abatozwa bakoreshe ubumenyi n'ubushobozi bwabo maze basubize ibi bibazo.**

1. Iyo hari ikibazo cyangwa ingingo abantu bifuza kuganiraho ngo bagire imyanzuro bafata babigenza bate?

Babinyuza mu kiganiro nyunguranabitekerezo.

2. Mu rwego rwo kuzamura imitekerereze y'abantu ku ngingo ishobora kutavugwaho rumwe n'abantu batandukanye hakorwa iki?

Hategurwa ikiganiro mpaka gihuza impande ebyiri zigatanga ibitekerezo, uruhande rumwe rugashyigikira ibikubiye mu nsanganyamatsiko, urundi rugatanga ibitekerezo bibusanya n'ibikubiye mu nsanganyamatsiko.



**Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo**



**Ikigwa cya 1.3 Umwitozo 2**

**Bwira abatozwa basome umwandiko ukurikira maze bakoreshe ubumenyi bwabo basubize ibibazo byatanze.**

**Ikiganiro ku kubungabunga amashyamba**

- **Umuyobozi (w’umugore):** Mwaramutseho mwese!
- **Abitabiriye ikiganiro:** Mwaramutse muyobozi!
- **Umuyobozi:** Mbashimiye ubwitabire bwanyu muri iyi gahunda. Nk’uko mwabimenyeshejwe rero, tugiye kuganira n’umutumirwa wacu, nkaba ngira ngo muhe umwanya wo kubibwira kugira ngo tuganire tuziranye.
- **Umutumirwa:** Muraho mwese!
- **Abitabiriye:** Yego turaho!
- **Umutumirwa:** Nitwa Umugiraneza. Ndi impuguke mu bijyanye no kubungabunga amashyamba. Nishimiye kubana namwe kuri uyu munsu kugira ngo tuganire. Nizere ko mu kiganiro cyacu twunguka ibintu byinshi.
- **Abitabiriye:** Amashyi ngo: “Kacikaci”!
- **Umuyobozi:** Umutumirwa arakoze kubibwira. Reka rero tumurekere umwanya mukomeze muganira.
- **Umutumirwa:** Nk’uko gahunda yacu iteganyijwe rero, reka tuganire ku kibazo kitwugariye twungurane inama z’uko cyakemuka. Muribuka mwese ingingo tugiye kuganiraho?
- **Abitabiriye:** Yego, turayibuka.
- **Umutumirwa:** Nihagire uyisubiramo mu ijwi riranguruye.
- **Umwe mu bitabiriye:** Ni ingingo yo kubungabunga amashyamba.
- **Umutumirwa:** Urakoze cyane! Ikibazo gihari ni ikihe?
- **Umwe mu bitabiriye:** Ni ikibazo cy’abantu bangiza amashyamba.
- **Umutumirwa:** Mubona bayangiza mu buhe buryo?
- **Umwe mu bitabiriye:** Bamwe bitwikira ijoro bakayatema atarera, abandi bakayaragiramo amatungo, bakayatwikamo amakara...
- **Umutumirwa:** Mwe mutekereza ko hakagombye gukorwa iki?
- **Umwe mu bitabiriye:** Leta ikwiye guhana abangiza amashyamba.
- **Umutumirwa:** Ibyo rwose ni byo, ariko tugomba kumenya ko uruhare runini ari urwacu abaturage. Abo bayangiza tugomba kubagira inama tubasobanurira akamaro k’amashyamba: atanga umwuka duhumeka, akarinda ahantu kuba ubutayu, agakurura imvura, hanyuma yasarurwa yeze neza agatanga n’umusaruro uhagije w’ibikoresho byose tuzi bikorwa mu biti. Tugomba kubibutsa rero ko mu gihe bayangije ingaruka na bo zabageraho. Igihe babirenzeho, noneho mukabashyikiriza inzego zibishinzwe zikabagira inama z’umwihariko.
- **Umwe mu bitabiriye:** Rwose izo nama mutugiriye ni ingirakamaro, naho ubundi twayoberwaga icyo twakora.
- **Umutumirwa:** Nange mbashimiye uruhare mugaragaje mu kungurana inama kuri iki kibazo cyari gihangayikishije. Murakoze. Nshimiye kandi n’umuyobozi wanyu wagize uruhare mu kumutira ngo nze tuganire.
- **Umuyobozi:** Arakoze cyane umutumirwa wacu ku bw’inama nziza atugiriye! N’ikindi gihe tuzamukenera tuzamutumira aze kutwungura inama. Mukomeze kugira umunsi mwiza mwese kandi mugere mu rugo amahoro.

**Ibibazo:**

- a. **Aba bantu barimo kuganira ku yihe nsanganyamatsiko?**  
Insanganyamatsiko yo kubungabunga amashyamba.
- b. **Ni ikihe kibazo k'ingutu cyugariye abatuye mu gace kabo?**  
Ni ikibazo cy'abantu bangiza amashyamba.
- c. **Ni iyihe nama umutumirwa yabagiriye mu rwego rwo gukemura icyo kibazo?**  
Yabagiriye inama ko bagomba kumenya ko uruhare runini ari urwabo nk'abaturage. Bakagira inama abangiza amashyamba babasobanurira akamaro kayo (gutanga umwuka duhumeka, kurinda ahantu kuba ubutayu, gukurura imvura, hanyuma yasarurwa yeze neza agatanga n'umusaruro uhagije w'ibikoresho byose bikorwa mu biti. Yababwiye kandi ko bagomba kubibutsa ko mu gihe bayangije ingaruka na bo zabageraho. Igihe babirenzeho, noneho mukabashyikiriza inzego zibishinzwe zikabagira inama z'umwihariko.
- d. **Uyu mwandiko urabona ari bwoko ki? Sobanura impamvu.**  
Ni ikiganiro nyunguranabitekerezo. Impamvu ni uko cyahuje abantu barimo n'inzobere bakaganira ku buryo bwo gukemura ikibazo runaka kibugarije.
- e. **Tanga inshoza y'ikiganiro nyunguranabitekerezo.**  
Ni ikiganiro gihuza abantu barimo n'inzobere ku kibazo (ingingo) kiganirwaho kugira ngo hafatwe umwanzuro wo kugikemura.
- f. **Erekana uturango tw'ikiganiro nyunguranabitekerezo ukurikije icyo twasomye.**  
Ikibazo kiganirwaho (insanganyamatsiko), umuyobozi w'ikiganiro, inzobere/ inararibonye ku nsanganyamatsiko n'abitabiriye ikiganiro, kuba ibitekerezo byuzuzanyira kugera kuu mwanzuro.
- g. **Tanga inshoza y'ikiganiro mpaka.**  
Ni ikiganiro gihuza abantu ku nsanganyamatsiko (ingingo) itavugwaho rumwe kugira ngo hafatwe umwanzuro nyuma y'uko buri ruhande muri ebyiri zihanganye rumaze gutanga ingingo zarwo.



## Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe



### Ikigwa cya 1.3 Umwitozo 3

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bubahiriza amabwiriza yatanze.**

1. Tanga izindi ngero z'ingingo zishora kuganirwaho mu kiganiro nyunguranabitekerezo mu kigo k'ishuri cyangwa mu rwego rw'igihugu.

Ku rwego rw'ishuri:

- a. Uko abafite ibyo bagenerwa byihariye mu myigire n'imyigishirize bakwitabwaho.
- b. Kwita ku isuku n'ibidukikije (ibiti n'indabo, ubusitani, aho kumena imyanda...)
- c. Ingamba zikwiriye gufatwa kugira ngo ikigo kigire imitsindire myiza.
- d. Uko twakwirinda ibiyobyabwenge cyangwa inda zidateganyijwe mu rubyiruko.

**Ku rwego rw'igihugu:**

- a. Kurwanya imirimo ivunanye ikoreshwa abana
- b. Imiyoborere myiza
- c. Kugabanya no gukumira impanuka zo mu muhanda
- d. Kurwanya icuruzwa ry'abantu n'izindi.

2. Imitegurire y'ikiganiro  
nyunguranabitekerezo ikorwa ite?

Ikorwa hitawe ku bagize icyo kiganiro ari bo:

Umuyobozi w'ikiganiro

Umuyobozi w'ikiganiro nyunguranabitekerezo agomba kuba afite ubunararibonye mu kuyobora ibiganiro no kuba afite amakuru ahagije ku nsanganyamatsiko iganirwaho.

Mu gihe ikiganiro nyunguranabitekerezo kibera ku ishuri, abanyeshuri bashobora kwitoramo abayobora icyo kiganiro.

Inzobere /inararibonye ku nsanganyamatsiko

Mu biganiro nyunguranabitekerezo hatumirwamo inzobere/inararibonye ku nsanganyamatsiko. Bagomba kuba ari impugukeku ngingo iganirwaho.

**Ingero:**

- Abashizwe amashyamba
- Abayobozi b'inzego z'umutekano
- Abarimu n'abashakashatsi

**Abitabiriye ikiganiro**

Muri rusange ni abarebwa n'ikibazo kiganirwaho cyangwa abifuza gutanga ibitekerezo.

3. Ikiganiro nyunguranabitekerezo gitandukaniye he n'ikiganiro mpaka?

Byombi bijya gusa, ariko mu kiganiro nyunguranabitekerezo abaganira bagenda batanga ibitekerezo byuzuzanya biganisha ku gukemura ikibazo gihari. Naho mu kiganiro mpaka abaganira bigabanyamo amatsinda abiri atanga ibitekerezo bibusanya ugendeye ku nsanganyamatsiko, uruhande rumwe rushyigikira ibivugwamo urundi rubivuguruza. Hakabaho n'uruhande rutagize aho rubogamiye (indorerezi). Habamo kandi umuyobozi w'ikiganiro mpaka ugomba guhuza izo mpande zombi mu gufata umwanzuro.

4. Imbata y'ikiganiro mpaka ibateye ite?

Iba igaragaramo: Umuyobozi w'ikiganiro (umuhuza), uruhande rumwe rushyigikira ibikubiye mu nsanganyamatsiko, uruhande ruyivuguruza, urundi ruhande (rutagira aho rubogamiye) rugatega amatwi ibitekerezo bitangwa n'izo mpande zombi maze rugafatanya n'abayoboye ikiganiro mpaka mu gufata umwanzuro. Hashobora kubamo kandi n'ushinzwe gucunga igihe.



### **Igikorwa cy' umukoro ngiro**



#### **Ikigwa cya 1.3 Umwitozo 4**

**Bira abatozwa basubize ibibazo bikurikira bakurikije ibisabwa.**

1. Kuki habaho ibiganiro nyunguranabitekerezo?

Impamvu y'ingenzi ishobora gutuma habaho ibiganiro nyunguranabitekerezo ni uko abantu bicara bakabona ibyariho bitabanogeye kandi bifuza ko byagenda neza kurushaho. Icyo gihe hateganywa kubinoza hakozwe ikusanya ry'ibitekerezo byagizwemo uruhare n'inzobere cyangwa inararibonye zinyuranye.

2. Mu matsinda ya batandatubatandatu nimutegure ikiganiro nyunguranabitekerezo kuri imwe muri izi nsanganyamatsiko zikurikira:

Abantu bashobora kwimakaza gukunda umurimo no kuwunoza.

Kwamagana no kurwanya imirimo ivunanye ikoreshwa abana nko muri za kariyeri. Umutoza azareba ko bategura ikiganiro nyunguranabitekerezo bakurikije uko bikorwa, abunganire aho biri ngombwa.

3. Tegura ikiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko igira iti: "Nta mirimo iyi n'iyi igenewe abantu b'igitsina gore cyangwa ab'igitsina gabo; ahubwo bese bashobora kuyikora".

Garagaza nibura ibyiciro bitatu by'ingenzi (by'ibanze) by'abantu wakoresha muri icyo kiganiro mpaka, wandike mu nshamake ibyo buri kiciro mu ibyo bitatu kigenewe kuvuga.

Umutoza azareba ko Umutozwa yatanze nibura ibyiciro by'abagize ikiganiro mpaka, anarebe ibitekerezo byagenewe buri kiciro muri ibyo.

- Uruhande rushyigikira ibivugwa mu nsanganyamatsiko:.
- Uruhande ruhakana ibivugwa mu nsanganyamatsiko: .....
- Umuyobozi w'ikiganiro: .....
- Uruhande rw'indorezezi: .....



### Iby'ingenzi abatozwa bagomba kwibuka:

**Kwirinda kwitiranya ikiganiro mpaka n'ikiganiro nyunguranabitekerezo.**

- **Intego y'ibiganiro mpaka:**

Ibiganiro mpaka bihuza impande ebyiri ngo barebe icyo bakumvikanaho gikwiye gukurikizwa ku mpande zombi. Ibiganiro mpaka bibera mu mashuri byo bituma abanyeshuri baba intyoza mu kuvuga, bakaba imbonera mu gutega amatwi ibivugwa no mu gutanga ingingo zifite ireme.

- **Abagize ibiganiro mpaka**

Uruhande rushyigikira insanganyamatsiko, uruhande ruyihakana, umuyobozi/ umuhuza w'ibiganiro mpaka, abakemurampaka (indorezezi).

- **Inshingano z'umuhuza z'ingenzi ni izi zikurikira:**

Gusobanura insanganyamatsiko, gutanga umurongo ngenderwaho, gutanga umwanya w'amagambo kuri buri ruhande, gufasha mu kumvikanisha impande zombi no kugeza impande zombi ku mwanzuro



### Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

**a. Tandukanya ikiganiro nyunguranabitekerezo n'ikiganiro mpaka ugendeye ku turango twabyo.**

Ibi biganiro bijya kumera kimwe, ariko mu kiganiro nyunguranabitekerezo abaganira bagenda batanga ibitekerezo byuzuzanya biganisha ku gukemura ikibazo gihari. Naho mu kiganiro mpaka abaganira bigabanyamo amatsinda abiri atanga ibitekerezo bibusanya ugendeye ku nsanganyamatsiko, uruhande rumwe rushyigikira ibivugwamo urundi rubivuguruzwa. Hakabaho n'uruhande rutagize aho rubogamiye (indorezezi). Habamo kandi umuyobozi w'ikiganiro mpaka ugomba guhuza izo mpande zombi mu gufata umwanzuro. Ntigikorwa mu rwego rwo guhangana; ahubwo aba ari mu rwego rwo gutyaza ubwenge.

- b. Mu matsinda ya batandatubatandatu nimutegure ikiganiro nyunguranabitekerezo ku nsanganyamatsiko mwihiyemo ijyanye n’umwe mu myuga ikorewa mu Gihugu cyacu.**

Umutoza azareba ko bategura ikiganiro nyunguranabitekerezo bakurikije uko bikorwa, abunganire aho biri ngombwa.

- c. Tegura ikiganiro mpaka ku nsanganyamatsiko ku nsanganyamatsiko wihiyemo.**

Garagaza mu nshamake uruhare rwa buri kicio muri cy’abagize icyo kiganiro.

Umutoza azareba ko Umutozwa yatanze nibura ibyiciro by’abagize ikiganiro mpaka, anarebe ibitekerezo byagenewe buri kicio muri ibyo.

- Uruhande rushyigikira ibivugwa mu nsanganyamatsiko:.....
- Uruhande ruhakana ibivugwa mu nsanganyamatsiko: .....
- Umuyobozi w’ikiganiro: .....
- Uruhande rw’indorezezi: .....

## **Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umutoza**

### **Ibyitabwaho igihe umuntu avugira imbere y'abandi**

Mbere yo gufata ijambo agomba kumenya ibi bikurikira:

- Ni ngombwa kumenya abo agiye kubwira.
- Ni iki bashobora kumva? Bari mu kihe kigero k'imyaka? Bakora iki? Ni iki bahuriyeho?
- Gutegura ijambo.
- Kumva neza insanganyamatsiko iganirwaho byaba ngombwa akanasoma ibitabo binyuranye bivuga kuri icyo nsanganyamatsiko.
- Gukusanya ibyo azavugaga mu ngingo zinyuranye z'ijambo rye ashingiye ku byo yasomye cyangwa yabajije abandi.

### **Imyitwarire y'umuntu uvugira imbere y'abandi**

Umuntu uvugira imbere y'abandi agomba kuba:

- Afite isuku; yambaye neza; ni ukuvuga imyambaro idakojeje isoni.
- Kumenya guhagarara neza imbere y'abandi nta mususu.
- Kuvuga ijambo rye adategwa.
- Kuraranganya amaso mu bo abwira, ntabatere umugongo no kuba umucakara w'urupapuro.
- Kurangurura ijwi kugira ngo abo abwira bamwumve.
- Kuvuga atarandaga cyane ngo batarambirwa kandi ntiyihute cyane mu mvugo kugira ngo ibyo avuze birusheho kumvikana.
- Kwirinda imvugo nyandagazi.
- Kugenda atanga ingero zihuye n'ikigero cy'abo abwira cyangwa se icyo bakora.

**Umusaruro w'inyigisho 1.4: Guhanga no kumurika ibihangano bye mu buryo bunoze akoresheje imvugo iboneye, interuro zuzuye, yubahiriza amabwiriza y'isanisha, utwatuzo n'isesekaza**

|                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |
|-------------------------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|    | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba bashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Guhanga indirimbo n'umuvugo</li> <li>Kumurika indirimbo n'umuvugo mu ruhamwe</li> <li>Gutandukanya amoko y'interuro ukurikije ubutumwa bukubiyemo</li> <li>Gutandukanya ingiro nkora, ingiro ntega n'ingiro ngaruka</li> <li>Kubahiriza isanisha no ukoresha utwatuzok tw'ibanze</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                                                          |
|    | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|    | <p><b>Uburyo bw'imyigishirize:</b> Gukoresha Umutozwa umwumwe, gukoresha amatsinda mato, kwifashisha indirimbo n'umuvugo, kumurika ibihangano mu ruhamwe</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                       |
|  | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Igitabo cy'umutozwa</li> <li>Inyoboramutoza</li> <li>Ikibaho</li> <li>Amacaki</li> <li>Inkoranyamagambo</li> <li>Marikeri</li> <li>Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |
|  | <p> <input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho<br/> <input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe<br/> <input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa<br/> <input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe         </p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (gukora umurimo unoze)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Kurengera ibidukikije (kurata ibidukikije n'akamaro kabyo kugira ngo byitabweho)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (abantu bagomba kubana neza mu bworoherane, bakirinda gushyamirana)</li> <li>✓ Umuco wo kuzigama (amafaranga akomoka ku murimo unoze, hagomba kubaho uburyo bwo kuyazigama)</li> </ul> |

**Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:**



- ▶ Kuririmba akaririmbo kagufi
- ▶ Gukoresha neza interuro
- ▶ Kuvugira imbere y'abandi

**Ubushobozi fatizo:** Kumurika ibihangano bye mu buryo bunoze akoresheje imvugo iboneye, interuro zuzuye, yubahiriza amabwiriza y'isanisha, utwatuzo n'isesekaza

| Ubumenyi                                            | Ubumenyi ngiro                                 | Ubukeshya                                                    |
|-----------------------------------------------------|------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------|
| 1. Kuvuga inshoza n'uturango by'indirimbo           | 1. Guhanga no kuririmba indirimbo              | 1. Kujora indirimbo n'ubutumwa bukubiyemo                    |
| 2. Kuvuga inshoza n'uturango by'umuvugo             | 2. Guhanga no kuvugira umuvugo imbere y'abandi | 2. Gushishikarira kuvuga imivugo itanga ubutumwa             |
| 3. Kuvuga amoko y'interuro n'ingiro zikoreshwamo    | 3. Gukoresha neza amoko y'interuro n'ingiro    | 3. Kujora interuro zinyuranye no guharanira kuzikoresha neza |
| 4. Kuvuga amategeko y'isanisha n'utwatuzo tw'ibanze | 4. Kubahiriza isanisha n'utwatuzo tw'ibanze    | 4. Kwihatira kubahiriza isanisha n'utwatuzo tw'ibanze        |

**Intangiriro:** Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?



**Ikigwa cya 1.4 Umwitozo 1**

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira bagendeye ku bumenyi n'ubushobozi bwabo.**

1. Ni ibiki uzi ku muvugo n'indirimbo?

Byombi bijya kumera kimwe, biba byanditse mu mikarago, birimo uturango tw'ikeshamvugo (isubirajwi, isubirajambo, imizimizo...), ariko bigatandukanywa n'uko indirimbo yo muri rusange igira ibitero n'inyikirizo kandi ikaririmbwa hakurikijwe amajwi yo muri muzika, mu gihe umuvugo wo bawuvuga basesekaza ariko batawuririmba hakurikijwe amajwi yo muri muzika nk'indirimbo.

2. Ukurikije ubutumwa bukubiye mu nteruro usanga zirimo ayahe moko?

Interuro ihamya, ibaza, itangara n’itegeka.



## Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by’ikibazo



### Ikigwa cya 1.4 Umwitozo 2

1. Bwira abatozwa basome umwandiko ukurikira “TURATE RWANDA YACU” maze basubize ibibazo byawubajijweho.

#### **TURATE RWANDA YACU**

1. Turate Rwanda yacu itatse inema  
Rwanda yacu nziza gahorane ishya  
Gitego cyatatswe ubwiza na Rurema  
Hose baraguharaniraa!

*Rwanda nzii nziza  
Ntuteze kuzahinyuka mu mahanga  
Rwanda nzii nziza  
Abawe baguhaye impundu!*

2. Ufite ibirunga nka Muhabura  
Ni cyo gikuru mu birunga by’ino  
Ni wo munara w’uru Rwanda rwacu  
Aho uri hose uba ukitegeye!

3. Twavuga iki se ku mazi magari?  
Nka Kivu na Muhazi ya Buganza  
Burera na Ruhondo byo mu Murera  
Cyohoha inetesha Bugesera!

4. Hari ubwo se mwageze mu mukenke  
Ngo mure impara n’imparage se?  
Hari ubwo se mwageze mu mashyamba  
Ngo mure ingwe n’urusamagwe?

#### **Inyunguramagambo**

**Inema:** Ingabire y’indengakamere umuntu ahabwa n’Imana ku buntu kugira ngo ashobore gutunganya ibyo imushakaho no gukiza roho ye ndetse n’iz’abandi, ibintu byiza by’imitako

**Ishya:** umugisha utera umuntu gutunganirwa

**Igitego:** ikintu kiza cyane umuntu arusha abandi

**Guhinyuka:** guta agaciro, guseba

**Umunara:** ikintu kizamutse hejuru mu kirere, abantu bitegereza

**Ukitegeye:** ukireba neza

**Amazi magari:** ibiyaga (mu mwandiko wcu). Cyokora amazi magari bishobora no gusobanura inyanja.

**Inetsha:** ituma hahehera, hatumagara

**Umukenke:** ibyatsi bimera mu mashyamba, bikaba birebire, bakoramo imitako inyuranye

## **2. Ibibazo ku mwandiko**

### **a. Uyu mwandiko uvuga ku yihe ngingo?**

Ingingo yo kurata cyangwa gusingiza ikintu bitewe n'ubwiza bwacyo.

### **b. Ukurikije ibivugwamo urabona werekeza ku ki?**

Werekeza ku bukerarugendo.

### **c. Wabihuza n'uwuhe mwuga mu ikorerwa mu Rwanda?**

Umwuga w'amahoteri no kwita ku bukerarugendo.

### **d. Uyu mwandiko urangwa n'iki ?**

Urangwa no kuba:

- Wanditse mu mikarago
- Usingiza ikintu runaka
- Buri mukarago utangijwe inyuguti nkuru
- Urimo uturango tw'ikeshamvugo (isubirajwi, isubirajambo, imizimizo...)
- Ugizwe n'ibitero n'inyikirizo
- Bawusoma baririmba hakurikijwe amajwi yo muri muzika

### **e. Umwandiko uteye utyo uri mu buhe bwoko bw'umwandiko?**

Uri mu bwoko bw'umwandiko bita **indirimbo**.



### Ikigwa cya 1.4 Umwitozo 3

1. **Bwira abatozwa basome umandiko ukurikira, maze basubize ibibazo byawubajijweho.**

#### **Turate umurimo**

Turate umurimo mwiza  
Mwiza utunze bese  
Igihe cyose tuwuririmbe  
Tuwuhe agaciro ukwiye  
5. Tuwurate utunze bese.

Uko bukeye abawitabiriye  
Ubaha ihaho umunsi ukira  
Kuzigama ubwo bikaza  
Tuwuharanire rwose twese  
10. Tuwurate utunze bese.

Abawuhanze urabatunze  
Iby'ubushonji byarahunze  
Iterambere ryarashinze  
Imizi imaze gusagamba  
15. Tuwurate utunze bese.

Mucyo tuwukunde twese  
Uzadutunga abacu bese  
Bazadushime batwigane  
Bityo ubukungu bwiyoungere  
20. Tuwurate utunze bese.

Ubukungu bwiyoungere  
Ikererekezo cyacu ni icyo  
Ubunewe tubukumire  
Urwatubyaye rugere heza  
25. Tuwurate utunze bese.

2. **Uyu mwandiko urangwa n'iki ?**

Urangwa no kuba:

- Wanditse mu mikarago
- Usingiza ikintu runaka

- Buri mukarago utangijwe inyuguti nkuru
  - Ururirimbo (gutondagurwa hubahirizwa inyana yawo)
  - Urimo uturango tw'ikeshamvugo (isubirajwi, isubirajambo, imizimizo...)
- Umwandiko uteye utyo uri mu buhe bwoko bw'umwandiko?

Uri mu bwoko bw'umwandiko bita **umuvugo**.

Ni ubuhe butumwa bukuru bukubiyemo muri uyu mwandiko?

Ubutumwa bukuru buwukubiyemo ni ubwo kurata no gusingiza ibyiza by'umurimo.



#### **Ikigwa cya 1.4 Umwitozo 4**

1. Itegereze interuro zikurikira, wite ku butumwa buzikubiyemo maze ugire icyo uzivugaho.

- Tuwurate utunze bese.
- Twavuga iki se ku mazi magari?
- Mbega ukuntu u Rwanda rutatswe n'ibyiza bihebujee!
- Jya wita ku murimo ushinze.

**Igisubizo:**

- Interuro ya mbere ni interuro **ihamya**: ikubiyemo ubutumwa buvuga ibintu muri rusange nta marangamutima yihariye akoreshejwemo. Bene iyi nteruro isozwa n'akabago (.).
- Interuro ya 2 ni interuro **ibaza**: ikubiyemo ubutumwa bwo kubaza ikibazo. Bene iyi nteruro isozwa n'akabazo (?).
- Interuro ya mbere ni interuro **itangara**: ikubiyemo ubutumwa bugaragaza amarangamutima yo gutangara. Bene iyi nteruro isozwa n'agatangaro (!).
- Interuro ya mbere ni interuro **itegeka**: ikubiyemo ubutumwa bwo gutanga itegeko ryo gukora ikintu runaka. Bene iyi nteruro na yo isozwa n'akabago (.).



#### **Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe**



#### **Ikigwa cya 1.4 Umwitozo 5**

Ongera usome indirimbo “**Turate Rwanda yacu**” n’umuvugo “**Turate umurimo**” maze usubize ikibazo gikurikira:

Ugendeye no ku miterere yabyo tanga inshoza y’indirimbo n’iy’umuvugo ugendeye no ku turango twabyo.

**Urugero:** Indirimbo: ni ubwoko bw'igihangano bavuga baririmba. Irangwa no kugira umutwe ari wo zina ryayo, ikagira ibitero n'iyikirizo igenda isubirwamo nyuma ya buri gitero. Bayirimba kandi bubahiriza ijyana ya muzika.

Umuwuguzi: ni umwandiko ugizwe n'urusobe rw'amagambo ahimbitse neza ku buryo bunyura uyumva cyangwa uyasoma. Urangwa no kuba

- Wanditse mu mikarago
- Usingiza ikintu runaka
- Buri mukarago utangijwe inyuguti nkuru
- Ururirimbo (gutondagurwa hubahirizwa inyana yawo)
- Urimo uturango tw'ikeshamvugo (isubirajwi, isubirajambo, imizimizo...)



## Ikigwa cya 1.4 Umwitozo 6

Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira:

1. Mu nteruro zikurikira, itegereze inshinga ziciyeho akarongo maze uvuge ingiro zitondaguyemo usobanure n'impamvu.
  - a. Gitego **cyatatswe** ubwiza na Rurema.
  - b. Hose **baraguharanira**!
  - c. Abantu **bikunda** cyane babangamira abandi.

### Igisubizo

- a. **Cyatatswe:** ingiro ntega kubera ko igikorwa gikubiye mu nshinga gikorewa kuri ruhamwa.
  - b. **Baraguharanira:** ingiro nkora kubera ko igikorwa gikubiye mu nshinga gikorwa na ruhamwa.
  - c. **Bikunda:** ingiro ngaruka kubera ko igikorwa gikubiye mu nshinga gikorwa na ruhamwa ariko ari na yo ikikoreraho.
2. Itegereze interuro zikurikira ugire icyo uzivugaho ku bijyanye n'isanisha, nurangiza werekane amagambo agenga isanisha yakoreshejwe muri izo nteruro.
    - a. Ndavuze ati: «Ejo tuzafatanye gukora umukoro».
    - b. Umwana wanyu bagiye.
    - c. Urukwavu n'inka birya ubwatsi.
    - d. Wowe na we baraje.
    - e. Abanyeshuri biga neza ni bo batsinda neza.

### Igisubizo

Interuro **a, b, d** ntizisanishije neza, naho interuro **c, e** zo zisanishije neza. Amwe mu magambo agenga isanisha mu nteruro: ngenga, ibinyazina, ibyungu, ntera...

3. Itegereze interuro zikurikira utahure utwatuzo tw'ibanze twakoreshejwemo n'aho dukoresheha.
  - a.
    - Umwana mwiza yumvira ababyeyi.
    - Mpereza icyo gitabo.**Akabago/akadomo (.):** gasoza interuro ihamya n'interuro iri mu ntegeko.
  - b.
    - Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?**Akabazo (?):** gasoza interuro ibaza.
  - c.
    - Mbega ukuntu kino kiyaga ari kinini!

**Agatangaro (!):** gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

d.

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama z'umwarimu.

**Akitso (,):** gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.



## Igikorwa cy' Umukoro ngiro



### Ikigwa cya 1.4 Umwitozo 7

1.

Tandukanya  
indirimbo n'umuvugo  
ugendeye ku turango  
twabyo.

Indirimbo n'umuvugo bijya gusa, aho bitandukaniye ni uko indirimbo bayiririmba bubahiriza inyana yo muri muzika kandi muri rusange ikagira n'inyikirizo bagenda basubiramo nyuma ya buri gitero.

Mu gihe umuvugo wo ugizwe n'urusobe rw'amagambo ahimbitse neza ku buryo bunyura uyumva cyangwa uyasoma.

2. Itegereze interuro zikurikira utahure utwatuzo tw'ibanze twakoreshejwemo n'aho dukoresheya.

a. Utazi ubwenge ashima ubwe.

**Akabago/akadomo (.):** gasoza interuro ihamya n'interuro iri mu ntegeko.

b. Wabonye amanota angahe?

**Akabazo (?):** gasoza interuro ibaza.

c. Ntoye isaro ryiza mama weeee!

**Agatangaro (!):** gasoza interuro itangara, kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

d. Abagiye inama, Imana irabasanga.

**Akitso (,):** gakoreshwa mu nteruro kugira ngo bahumeke akanya gato.



## Iby'ingenzi ngomba kwibuka:

- Indirimbo bayiririmba bubahiriza inyana (amanota) yo muri muzika kandi muri rusange ikagira n'inyikirizo bagenda basubiramo nyuma ya buri gitero. Mu gihe umuvugo wo ugizwe n'urusobe rw'amagambo ahimbitse neza ku buryo bunyura uyumva cyangwa uyasoma.

- Uwandika agomba kwibuka gukoresha utwatuzo tw'ibanze ari two: **akabago/akadomo, akabazo, agatangaro n'akitso.**



### Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Uyu mwanya wagenewe ibibazo byo gusuzuma uko wumvise inyigisho irangiye.

Soma uyu mwandiko usubize ibibazo byawubajijweho. Ibyo bibazo ku mwandiko hamwe n'ibindi byiyongeraho uzabigetzaho n'umutoza.

1. Hanga indirimbo uyirimbire bagenzi bawe mu ishuri wigana uko bikorwa mu vugo no mu ngiro.  
Umutoza azareba ko Umutozwa yahanze indirimbo ikwiye kandi akayiririmba neza.
2. Hanga umuvugo uwutondagurire imbere ya bagenzi bawe wigana uko bikorwa mu vugo no mu ngiro.  
Umutoza azareba ko Umutozwa yahanze umuvugo mwiza kandi akawutondagura neza.
3. Shaka nibura ingero ebyiri z'interuro z'amoko anyuranye, nurangiza uzikure mu ngiro imwe uzihindure mu yindi ngiro zitari zirimo (ingiro nkora, ingiro ntega cyangwa ingiro ngaruka).  
Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse interuro ziri zo akanazihindurira ingiro zari zirimo.



### ISUZUMA RIKOMATANYA RY'IMBUMBE YA MBERE

#### Intyoza mu guserukira abandi!

Ku ishuri ryanyu hateguwe umunsi mukuru wo gusoza ikiciro k'inyigisho murangije. Kamariza, umunyeshuri uhagarariye abandi mu kigo cyanyu mu rwego rw'abakobwa ni we watorewe kuyobora ibirori byose by'uwo munsi. Insanganyamatsiko y'uwo munsi yagiraga iti: **“Umurimo unoze uhesha nyirawo agaciro”**. Mu kuyobora ibyo birori yasabwe gukora ibikorwa bikurikira:

- Guhuza ibikorwa byose byateguwe kuri uwo munsi
- Kuza gufata umwanya wo gutanga ikiganiro kigaragaza uko we na bagenzi be bitwaye ugereranyije n'insanganyamatsiko y'uwo munsi nk'umunyeshuri uhagarariye abandi kuko mugenzi we w'umuhungu bafatanyaga kuyobora yari yagize impamvu ituma ataboneka muri ibyo birori
- Gusubiza ibibazo abitabiriye uyu munsi babaza ku kiganiro cyatanze
- Kuja yibuka kunyuzamo agakoresha n'urwenya ruto kugira ngo abantu batarambirwa
- Kugeza ku bitabiriye ibirori nibura kimwe mu bihangano we ubwe yahanze nk'umuntu wiga isomo ry'ikinyarwanda.

Kamariza asabwa gukora ku buryo gahunda zose zateguwe zirangira mu gihe cyateganyijwe kugira ngo haboneke umwanya w'ubusabane kandi ibirori bisozwe ku gihe.

Garagaza uko wabyitwaramo ubaye uri Kmariza.

### Imbonera y'isuzuma

| Ibipimo                     | Ibimenyetso                  | Urutonde rw'ibisuzumwa   |
|-----------------------------|------------------------------|--------------------------|
| Imvugo ikoresheya           | Yabugenewe                   | Itavanga indimi          |
|                             |                              | Amagambo akoresheje neza |
|                             | Ikinyabupfura                | Idasereza                |
| Uburyo bwo gusubiza         | Kubahiriza insanganyamatsiko | Kurasa ku ntego          |
|                             | Kubahiriza Ikibonezamvugo    | Interuro mbonezamvugo    |
|                             |                              | Isanisha                 |
|                             | Gukoresha Inyunguramagambo   | Impuzanyito              |
|                             |                              | Imbusane                 |
|                             |                              | Imvugwakimwe             |
|                             |                              | Ingwizanyito             |
| Gufasha abantu kutarambirwa | Urwenya rukwiye              | Impuzashusho             |
|                             |                              | Amagambo adasereza       |
| Igihangano ke               | Umuvugo Indirimbo            | Amagambo adasebanya      |
|                             |                              | Injyana                  |
|                             |                              | Kureba abo abwira        |
| Uburyo bwo kuyobora gahunda | Umwanya waburi gikorwa       | Kutajijinganya           |
|                             |                              | Igihe cya buri gikorwa   |



### Kwisuzuma kw'abatozwa

1. Saba abatozwa kongera kureba imbonerahamwe iri mu gitabo cyabo ku ntangiriro y'iyi mbumbe y'ibyigwa. Bagaragaze ibyo bumvise neza, ibikeneye kongerwamo imbaraga n'ibikorwa byatuma ibitarumvikanye neza birushaho kunozwa.
2. Ungurana ibitekerezo n'abatozwa ku musaruro wabo muri iyi mbumbe. Mugaragaze ingingo bigaragara ko zagoye abatozwa benshi kuzumva kugira ngo hategurwe uburyo bwo kubongerera imbaraga kugira ngo bazumve. (urugero: mushobora gukoresha igihe muri kumwe mu ishuri mbere yo gutangira inyigisho zikurikiraho mukanyura mu byagaragaye ko abanyeshuri benshi batabyumvise).
3. Saba abatozwa kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abatozwa bafite ku mbumbe y'inyigisho irangiye kwigwa ari ugukora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n'ahakeneye kongerwamo imbaraga n'uko byakorwa. Rero si isuzuma risanzwe!

## Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umutoza

Amwe mu moko y'ikeshamvugo (uturango tw'ubusizi) n'ingero zayo

|    |               |                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |
|----|---------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1. | Isubirajwi    | Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu.                                                                                                                                                                                                                                                                  |
| 2. | Isubirajambo  | Koresha ikoranabuhanga, ukore byinshi udakoze ku ifaranga.                                                                                                                                                                                                                                         |
| 3. | Imibangikanyo | <p>a. Umwanzi agucira akobo<br/>Imana igucira akanzu (umubangikanyo w'inshyamirane)</p> <p>b. Uko muturuka isoko imwe<br/>Ni ko musangiye ingeso (Imibangikanyo yuzuzanya)</p> <p>c. Mwatubereye imbyeyi n'imazi<br/>Muri abami b'akamazi<br/>Tuzi icyo mwamaze (umubangikanyo w'inshyamirane)</p> |
| 4. | Igereranya    | Agenda nk'akanyamasyo.                                                                                                                                                                                                                                                                             |
| 5. | Ihwanisha     | Uriya munyeshuri ni Bakame.                                                                                                                                                                                                                                                                        |
| 6. | Iyitirira     | Ishuri ryacu riritonda.                                                                                                                                                                                                                                                                            |
| 7. | Umusarabiko   | <p>Kera isake yari isaha</p> <p>Kera isaha yari isake</p>                                                                                                                                                                                                                                          |

## Imbumbe ya 2:

### Isoma n'Itahuramakuru by'ingingo z'ingenzi mu mwandiko wasomwe

#### Ibigamijwe

Nyuma y'iyi mbumbe y'inyigisho, Umutozwa araba ashobora:

- 2.1. Gusoma neza aranguruye yubahiriza utwatumye n'isesekaza
- 2.2. Gusesengura umwandiko uko bikwiye ashingiye ku buryo bwo gusoma agamije gutahura amakuru akenewe
- 2.3. Kugaragaza neza ingingo z'ingenzi z'umwandiko agendeye ku bika biwugize
- 2.4. Guhina umwandiko akurikiranya neza ibitekerezo ashingiye ku ngingo z'ingenzi



## Isuzumabushobozi ku nyigisho igiye kwigwa mu mbumbe ya 2

1. Saba abatozwa kwitegereza ishusho baganire ku byo babonaho. Ibyigwa batekereza ko iyi mbumbe yibandaho bagendeye ku ishusho. Nyuma yo kwakira ibitekerezo binyuranye, mutsindagire iby'ingenzi iyigisho yibandaho.
2. Saba abatozwa kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abatozwa bafite ku mbumbe y'inyigisho igiye kwigwa ari ukubafasha kwimenyereza ibyigwa biyikubiyemo, hakabaho kumenya ibyo baziho n'ibyo batazi mbere yo kuyitangira. Ku musozo wayo bazakora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n'ahakeneye kongerwamo imbaraga n'uko byakorwa. Rero si isuzuma risanzwe!

## Umusaruro w'inyigisho 2.1: Gusoma neza aranguruye yubahiriza utwatuzo n'isesekaza

|                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |
|-------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|   | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba bashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>a. Gusoma yubahiriza utwatuzo</li> <li>b. Gukoresha ibihokane bigizwe n'inyuguti zirenze ebyiri</li> <li>c. Gusoma amagambo y'impuzashusho hifashishijwe ubutinde n'amasku</li> </ol>  |
|  | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                             |
|  | <p><b>Uburyo bw'inyigishirize:</b> Gukoresha Umutozwa umwumwe, gukoresha amatsinda mato, kwifashisha umwandiko ugaragaramo utwatuzo, amagambo y'impuzashusho</p>                                                                                                                                     |
|  | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Igitabo cy'umutozwa</li> <li>• Inyoboramutoza</li> <li>• Ikibaho</li> <li>• Amacaki</li> <li>• Inkoranyamagambo</li> <li>• Marikeri</li> <li>• Murandasi</li> </ul>                                                      |
|  | <p><input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho</p> <p><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</p> <p><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</p> <p><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</p> |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <p>✓ Umuco w'ubuziranenge (indirimo z'umwimerere)</p>                                                                                                                                                                                                         |

- ✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)
- ✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)
- ✓ Kurengera ibidukikije (kurata ibidukikije n'akamaro kabyo kugira ngo byitabweho)
- ✓ Umuco w'amahoro (abantu bagomba kubana neza mu bworohere, bakirinda gushyamirana)
- ✓ Umuco wo kuzigama (gukoresha amafaranga mu rugendo shuri si ugusesagura)

**Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:**



- ▶ Gukoresha utwatuzo tw'ibanze
- ▶ Gukoresha inyunguramagambo zisanzwe

**Ubushobozi fatizo:** Gusoma neza aranguruye yubahiriza utwatuzo n'isesekaza

| Ubumenyi                                                            | Ubumenyi ngiro                                                           | Ubukeshya                                                                                |
|---------------------------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1. Kuvuga uburyo bwo gusoma                                         | 1. Gusoma yubahiriza uburyo bwo gusoma                                   | 1. Gushishikarira uburyo bwiza bwo gusoma                                                |
| 2. Kurondora amoko y'utwatuzo twungirije                            | 2. Gukoresha utwatuzo twungirije                                         | 2. Kujora imikoreshereze y' utwatuzo twungirije                                          |
| 3. Gutahura ibihokane bigizwe n'inyuguti zirenze ebyiri mu mwandiko | 3. Gusoma ibihokane bigizwe n'inyuguti zirenze ebyiri mu mwandiko        | 3. Kwihatira kunoza imisomere y' ibihokane bigizwe n'inyuguti zirenze ebyiri mu mwandiko |
| 4. Gusobanura uko ubutinde n'amasaku bikora nk'amajwi shingiro      | 4. Gukoresha amagambo arimo ubutinde n'amasaku bikora nk'amajwi shingiro | 4. Guharanira kutitiranya amagambo arimo ubutinde n'amasaku bikora nk'amajwi shingiro    |

**Intangiriro:** Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?



**Ikigwa cya 2.1 Umwitozo 1**

**Bwira buri mutoza afatanye na mugenzi we begeranye basubize ibibazo bikurira.**

**1. Gusoma usesekaza bivuga iki?**

Bivuga gusoma ugaragaza amarangamutima yerekana neza uko ubutumwa bukubiye mu nteruro buteye. (Aho bibabaje ukababara, aho bishimishije ukishima, aho bitangaje ugatangara...)

**2. Iyo bavuze utwatumuzo twungirije wumva ari iki?**

Numva utwatumuzo bakoresha mu nteruro ariko tudafite agaciro gakomeye cyane nk'ak'utwatumuzo tw'ibanze. Iyo tubuze mu nteruro kandi twagombaga kubonekamo ishobora gukomeza kumvikana nubwo iba itaboneye.

**3. Utwatumuzo twungirije dufata uwuhe mwanya mu nteruro?**

Mu twatumuzo twungirije hari udusoza interuro n'utujya hagati mu nteruro.



**Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo**



**Ikigwa cya 2.1 Umwitozo 2**

**Bwira abatozwa basome umwandiko ukurikira hanyuma basubize ibibazo.**

**Kugenda bitera kubona!**

Igitondo kimwe, abanyeshuri bo mu ishuri ryacu twari twabukereye twese. Iryo joro ntawari wigeze arushya agoheka kubera amatsiko abenshi twari tumaranye iminsi. Uko imbwa zamokaga nijoro ni ko nahitaga njya kureba ku isaha. Inyombya zavuze twarangije kwitegura. Bamwe ntibigeze bifuzwa no kunywa igikoma cyangwa icyayi, nyamara biyibagije ko barembywa n'urugendo rurerure. Erega maye muri Pariki y'Igihugu y'Akagera ni kure cyane uturutse mu Mujyi wa Kigali!

Ubwo twese tumaze kugera aho twagombaga guhurira, dusanga umushoferi yamaze kwitegura, imodoka idutwara iratswa ubundi turagenda. Muri urwo rugendo ibiganiro byinshi byerekezaga ku nyamaswa. Bamwe bati: "Turareba, ingwe, impyisi, inkwavu z'ishyamba... Ngewe ariko ubwo nari nifitiye n'ubwoba bw'uko zimwe muri izo nyamaswa zashwanyaguza! Cyanecyane nk'imbogo, intare n'ingwe numvaga bavuga ko zitisukirwa. Urugendo ntirwatubereye rurerure nk'uko twabitekerezaga kubera ibiganiro binyuranye twagenda tunganira.

Ntibyatizwe dusesekaraye, twakirwa n'ababyinnyi babukereye batubyinira imbyino z'umwimerere nyarwanda zishyushye rwose! Umuyobozi wo

kuduherekeza muri pariki yari yaje kudusanganira mu rugendo kugira ngo atubere umusobanuzi, bituma tugendana ikizere. Ubwo ari na ko agenda adusobanurira iby'imiterere y'izo nyamaswa zituye ishyamba. Tumaze kuryinjiramo, yadusabye gutuza tukagenda twihera ijisho ibyo byiza bitatse ishyamba ari na ko tugenda turushaho gusobanurirwa ibyo kurengera ibidukikije. Twabonyemo b'ibiti n'ibyatsi bitandukanye birimo umucaca, umwishywa, n'ibindi.

Twiboneye inyamaswa nyinshi zirimo n'izo tutari tuzi cyangwa ngo tube twaraziboneye imbonankubone: indonyi, amasatura, imbogo, ibitera bijya gusa n'impundu, inzovu rwabunga, gasumbashyamba bakunda kwita twiga cyangwa jirafe... Uzi ko twabonye n'imvubu yinshi zoga mu biyaga byo muri Pariki y'Akagera! Twasobanukiwe ko inyamaswa z'indyabyatsi ari byo biryo by'inyamaswa z'indyanyama, zikaba ziza kuzihiga bwije. Akaba ari na yo mpamvu yatumye izo ndyanyama zirimo ingwe n'intare twaratashye tutazibonye. Twabonyemo n'inyoni zinyuranye zirimo kagoma yibereye mu bushorishori bw'igiti, imisambi yigendera hafi y'inkombe y'ikiyaga, izindi nyoni ziguruka mu kirere ndetse n'inkware bamwe muri twe batari barigeze guca iryera.

Nubwo twishyuye amafaranga, hakaba hari abakumva ko ari uguhombywa n'ubusa, nabamara impungenge mbabwira ko urugendo shuri ari ingirakamaro kandi ko umuntu yungukiramo byinshi. Ntitukemere kuryarywa rero ngo duheranwe n'ubujiji. Twiboneye byinshi bitangaje. Burya koko Abanyarwanda babivuze ukuri ngo: "Kugenda bitera kubona"! Burya koko u Rwanda rutatswe n'ibyiza!

#### **Ibibazo:**

1. Nimusome uyu mwandiko umwumwe muranguruye ijwi, igika ku gika mwakuranwa.

Umutoza azareba ko basoma neza agende abafasha aho bibaye ngombwa.

2. Nimukorere mu matsinda mato maze mutahure utwatuzo twakoreshejwe muri uyu mwandiko muvuge n'amazina yatwo.

Umutoza azareba ko batahuye utwatuzo twose twakoreshejwe mu mwandiko.  
(akabago, akitso, agatangwaro, uturegeka, utubago tubiri, utwuguruzo n'utwugarizo)

3. Mu matsinda ya babiribabiri, nimwongere musome yu mwandiko mutahuremo amagambo yakoreshejwemo ibihokane bigizwe n'inyuguti zirenze ebyiri.

Umutoza azareba ko batahuye batahuye ibihokane bigizwe n'inyuguti zirenze ebyiri.  
Urugero: mby, shy, nsh, nny, nyw, njy, ngw, mbw tsw, nk, ndy, mpy, shyw, nshw mbyw, mfw, mvw, ryw

4. Tahura amagambo mu mwandiko y'impuzashusho (akoresha ubutinde n'amasaku nk'amajwi shingiro) maze uyasome wubahiriza uko yakoreshejwe mu mwandiko.

Impundu: (inyamaswa) ≠ Impundu: (amajwi ajyana n'amashyi bakoresha bashimira umuntu uvuze ibintu by'ingirakamaro)

Imisambi: (inyoni) ≠ Imisambi: (igikoresheho cyo mu rugo kiboshye bicaraho)

Ikirere: (hejuru hatari ku butaka) ≠ ikirere: (cyo ku nsina)



## Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe



### Ikigwa cya 2.1 Umwitozo 3

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira.**

1. Nimwongera musome uyu mwandiko umwumwe muranguruye ijwi, igika ku gika mwakuranwa. Mu gusoma mwubahirize utwatuzo n'isesekaza. Umutoza azareba ko basoma neza agende abafasha aho bibaye ngombwa.
2. Itegereze interuro zikurikira utahure utwatuzo twungirije twakoreshejwemo n'aho dukoresheha.

- a. Gusoma neza si ugusukiranya amagambo; gusoma neza ni no kumva ibyo usoma.

**Akabago n'akitso (;):** bikoreshwa mu nteruro kugira ngo batandukanye inyangingo ebyiri ziremye kimwe kandi zuzuzanya.

- b. Burya habaho imirimo myinshi: guhinga, kubaka, kubaza n'ibindi.

- Mariya ati: "Ibyo uvuze bingirirweho".
- Mu Kinyarwanda baravugaga ngo: "Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge".

**Utubago tubiri (:):** dukoresheha mu nteruro iyo hari ibigiye kurondorwa, gusobanurwa cyangwa iyo bagiye gusubira mu magambo y'undi. Dukoresheha kandi inyuma y'ingirwanshinga **"-ti"**, **"-tya"**, **"-tyo"** n'ijambo **"ngo"**.

- c. Wari waragiye he?

- Kwa Migabo.
- Semarinyota yansabye ko tuzajyana i Rukoma, ariko sinzamwemerera.
- Ejo nzajya mu misa - sinzi niba wari uzi ko nsigaye njyayo - ntuzantegereze mbere ya saa sita.

**Akanyerezo (-):** gakoreshwa mu kiganiro kugira ngo berekane ihererekanywa cyangwa iyakuranwa ry'amagambo.

Gakoreshwa kandi bakata ijambo ritarangiranye n'impera y'umurongo, bikurikije imiterere y'umugemo.

Kanakoreshwa imbere n'inyuma y'interuro ihagitse.

d. Igikeri kirarikocora kiti: "Kuba mu bibuba si ko guhunika ibigega".

- Nuko ya "nyamaswa" iravumbuka maze havamo umusore mwiza.
- Ubwo "Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahica" aba arashinze.
- Ibyo nabisomye kuri "internet".

**Utwuguruzo n'utwugarizo (" "):** dukikiza amagambo y'undi asubirwamo, imvugo itandukanye n'imvugo isanzwe cyangwa ingingo igomba kwitabwaho.

Dukikiza amagambo ateruwe n'ingirwanshinga "-ti", "-tya", "-tyo" n'ijambo "ngo".

Dukoreshwa nanone iyo hari inyito ikemangwa cyangwa kugira ngo bakikize amazina nteruro n'amazina y'inyunge agizwe n'amagambo arenze ane.

e. Dukoreshwa kandi mu magambo y'amatirano atamenyerewe mu Kinyarwanda.

Mu rugo rwa kinyarwanda habaga ibikoresho byinshi: ibibindi, ibyansi, ishoka, ibitebo, isekuru...

- Baragenda ngo bagere ku Ruyenzi bahahurira na mwene... simuvuze nzamuvumba!

**Uturegeka (...):** dukoreshwa iyo berekana ironдора ritarangiye, interuro barogoye cyangwa iyo mu nteruro hari ijambo bacikije.

f. Kigali, ku wa 15/10/2012.

- Koresha yego / oya mu gushyiraho ibibazo
- Itegeko N° 01/2010 ryo ku wa 29/01/2010 ikurikira.

**Agakoni kaberamyeye (/):** gakoreshwa mu kwandika amatariki, inomero z'amategeko no mu guhitamo.

g. Wakomerekejwe n'iki?

- Ntakibyara **nk'**intare n'ingwe.
- Umubare **w'**amashuri **y'**imyuga uriyongera.
- Nyereka uko batsa tereviziyo **n'**uko bayizimya.
- Umwaka **w'**ibihumbi bibiri na cumi **n'**ibiri.

Agakato: Gakoreshwa mu gukata inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo "na" na "nka" iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi.



## Igikorwa cy' umukoro ngiro



### Ikigwa cya 2.1 Umwitozo 4

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira bubahiriza amabwiriza yatanze kuri buri kibazo.**

1. Ongerera usome ibika bibiri bya nyuma by'umwandiko "Kugenda bitera kubona!" wubahiriza utwatuzo n'isesekaza, hanyuma wandike amazina y'utwatuzo n'amazina arimo ibihokane birengeje ingombajwi ebyiri wabonyemo.

Umutoza azareba uko buri wese mu batuzwa asoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza, arebe ko yanditse amazina y'utwatuzo n'amazina arimo ibihokane birengeje ingombajwi ebyiri.

2. Andika akandiko gato, ukoresheho utwatuzo tunyuranye nurangiza ugasomere mugenzi wawe mwicaranye wubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

Umutoza azareba uko buri wese mu batuzwa yahanze akandiko, arebe n'uko agasoma yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.

3. Shaka andi magambo abirabiri y'impuzashusho maze uyakoreshe mu nteruro ziboneye.

Umutoza azareba ko buri wese mu batuzwa yashatse amagambo abirabiri y'impuzashusho akayakoreshe no mu nteruro ziboneye.

**Urugero:** Nijoro impyisi zikunda **guhuma**.

Tugomba kubungabunga amaso yacu mu rwego rwo kuyarinda **guhuma**.



### Iby'ingenzi ngomba kwibuka:

- Umusomyi mwiza yubahiriza utwatuzo n'isesekaza.
- Mu gusoma ugomba kwirinda kwitiranya amagambo y'impuzashusho.



## Isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize

1. Buri mumutozwa arasoma igika cy’umwandiko arangurye ijwi, yubahiriza utwatuzo n’isesekaza.  
Umutoza azareba ko asoma neza yubahiriza utwatuzo n’isesekaza.
2. Andika interuro ebyiri kandi kandi buri yose ukoreshemo nibura ibihakane bibiri bigizwe n’ingombajwi zirenze ebyiri, n’utwatuzo tutari muni ya tubiri.  
Umutoza azareba ko buri mumutozwa yanditse interuro ebyiri zujuje ibyasabwe.



## Ubumenyi bw’inyongera bugenewe umutoza

1. Utundi twatuzo twungirije, aho dukoresheye n’ingero

**Akuguruzo n’akugarizo kamwekawe (“”):** dukoresheye iyo utwuguruzo n’utwugarizo twinjira mu tundi mu nteruro.

### Urugero:

- Umugaba w’ingabo ati: “Ndashaka ko ‘Inshyikanya ku mubiri ya rugema ahita’ aza hano”.

**Udusodeko ([ ]):** dukikiza intekerezo cyangwa insobanuro bongeye mu mvugo isubira mu magambo y’undi.

### Urugero:

- Yaravuze ati: “Sinshobora kurara ntariye inkoko [ayo yari amirariro], keretse narwaye”.

Dukoresheye kandi berekana ibyo banenga mu magambo y’undi.

### Urugero:

- Yaranditse ati: “Ikinyarwanda ni ururimi ruvugwa n’abaturu [ikosa] benshi muri Afurika yo hagati”.

Tunakoresheye mu magambo y’undi mu kugaragaraza ko hari ayavanywemo cyangwa yasimbutse.

### Urugero:

- Aravugaga ati: “Nimureke abana bansange [...] ntimubabuze”.

4. Ibimenyetso byihariye bikoresheye mu myandikire y’Ikinyarwanda

Ibindi bimenyetso byihariye bikoreshwa mu ikoranabuhanga no mu bundi bumenyi bwihariye byandikwa nk'uko bisanzwe bikoreshwa muri ubwo bumenyi.

**Ingero:**

- [kinyarwanda@yahoo.com](mailto:kinyarwanda@yahoo.com) (mu ikoranabuhanga);
- [imyandikire@ac.rw](mailto:imyandikire@ac.rw) (mu ikoranabuhanga);
- Kanda # wandike ubutumwa (mu ikoranabuhanga);
- \*-**dimi** yabyaye -**rimi** mu Kinyarwanda ( mu iyigandimi).

**5. Ubumenyi ku majwi shingiro**

Ijwi shingiro ni ikimenyetso kimwe kiva mu ijambo, iryo jambo rigahinduka irindi.

Uburyo bwo kugaragaza icyo gikorwa cyo guhinduranya amajwi bigatanga irindi jambo bwitwa: “igoragoza”. Amajwi ahinduranywa aba aherereye ku ntera imwe y’ijambo.

**Ingero:**

- a.** Umugabo  
Umugano
- b** Kubara  
Kubora

## Umusaruro w'inyigisho 2.2: Gusesengura umwandiko uko bikwiye ashingiye ku buryo bwo gusoma agamije gutahura amakuru akenewe

|                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                 |
|-------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|    | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba ashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Gusesengura umwandiko ujyanye n'insanganyamatsiko yo kurengera ibidukikije, uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse no gukunda umurimo no kuwunoza</li> <li>Kugaragaza ingingok'umuco n'iz'amateka mu mwandiko.</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|    | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |
|    | <p><b>Uburyo bw'imyigishirize:</b> Gukoresha amatsinda mato, kwifashisha inkuru, kujya impaka</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|   | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Igitabo cy'umutozwa</li> <li>Inyoboramutoza</li> <li>Ikibaho</li> <li>Amacaki</li> <li>Inkoranyamagambo</li> <li>Marikeri</li> <li>Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|  | <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (dukwiye gukora umurimomu buryo bwujuje ubuziranenge)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (uko kera ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ritubahirizwaga, abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Kurengera ibidukikije (kwirinda kwangiza aibidukikije harimo n'amatungo)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (abantu bagomba kubana neza mu bworoherane, bakirinda gushyamirana)</li> </ul> |

**Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:**



- ▶ Gusoma umwandiko
- ▶ Gusobanura amagambo
- ▶ Kuvuga ibyo yumvise mu mwandiko
- ▶ Gukoresha interuro isanzwe
- ▶ Amakuru ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muco nyarwanda

**Ubushobozi fatizo:** Gusesengura umwandiko uko bikwiye ashingiye ku buryo bwo gusoma agamije gutahura amakuru akenewe

| Ubumenyi                                                   | Ubumenyi ngiro                                                | Ubukeshya                                                                       |
|------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------|
| 1. Kuvuga ibyitabwaho mu gusesengura imyandiko             | 1. Gusesengura imyandiko                                      | 1. Kugira umuco wo gusesengura no gutahura ubutumwa bukubiye mu mwandiko runaka |
| 2. Kurondora ingingo z'umuco n'iz'amateka ziri mu mwandiko | 2. Gutandukanya ingingo z'umuco n'iz'amateka ziri mu mwandiko | 2. Gushishikarira kwita ku ingingo z'umuco n'iz'amateka ziri mu mwandiko        |



**Intambwe zikurikizwa:**



**Intangiriro:** Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?



**Ikigwa cya 2.2 Umwitozo 1**

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira bijyanye n'iyi nyigisho tugiye kwiga:**

1. Utekereza ko ari iyihe mpamvu ituma dusoma umwandiko?

Dusoma umwandiko kugira ngo tumenye amakuru arimo ajyanye n'insanganyamatsiko ivugwaho, dutahure kandi dusobanukirwe ubutumwa bukubiyemo, kugira ngo turuhuke mu bitekere, twishimishe

2. **Iyo dusesengura umwandiko dushobora kubonamo nk'izihe ngingo?**

Dushobora kubonsmo ingingo ndangamuco, ingingo ndangamateka.



## Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo



### Ikigwa cya 2.2 Umwitozo 2

**Bwira abatozwa basome umwandiko ukurikira nibarangiza basubize ibibazo biwukurikiye.**

#### **Twuzuzanye tunozza umurimo**

Nyiraneza avukana n'abavandimwe batatu ari bo Mukamurigo, Nubahimana na Mugisha. Iyo baganiriye n'ababyeyi babo bababwirako ko mu gihe cyabo abakobwa batahabwaga amahirwe yo kwiga nka basaza babo b'abahungu. Ngo ababyeyi benshi bavugaga ko umukobwa agomba kuguma mu rugo agateka, akoza barumuna be na basaza be bato kuri we kandi akabaheka. Igihe cyagera iwabo bakamushyiringira uwo bashatse atagize n'uruhare mu kumukunda cyangwa kumuhitamo, ubwo impamya yabumenye ye ikaba ari iyo. Ngo ni ko umuco n'amateka byari biteye. Ngo nta n'ijambo bahabwaga kera kandi kuko bavugaga ko "nta nkokokazi ibika isake ihari", "uruvuze umugore ruvuga umuhoro n'indi migani myinshi nk'iyi."

Mu rugo kwa Nyiraneza bororaga inka n'ihene kandi bikabafasha kwiteza imbere. Aya matungo mbere bayahuraga mu gasozi akagenda yangiza ibidukikije ari na ko anyanyagiza ifumbire ku gasozi. Abahungu bonyine bakaba ari bo bajya ibihe byo kuyaragira naho abakobwa bakajya ibihe byo gukubura, guteka no koza amasahani. Igihe cyarageze bitabira gahunda yo kororera amatungo mu kiraro.

Basobanukiye kandi ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye maze biyemeza kuryubahiriza. Iyo urebye usanga kuri ubu Nyiraneza akunda gukora isuku yo mu rugo cyane cyane iyo Mukamurigo yajyanye na basaza be kwahirira amatungo. Iyo bavuye kwahira, bafasha Nyiraneza imirimo yo mu rugo hatitawe ku kuvuga ngo hari imirimo igenewe igitsina iki n'iki. Igitera aba bavandimwe akanyamuneza ni uko usanga imirimo yose ikorwa neza mu bwuzuzanye kandi n'amasomo yo ku ishuri bakayakurikirana batarangaye.

Igitondo kimwe inyana n'ubwuzuzanye, iva mu ruhongore yirukanka mu myaka ari na ko yangiza ibidukikije. Bayigariye iranga, nuko biyungura inama yo kuyikurura ariko yanga kuza. Babonye ibananiye, birinda kuyikubita ndetse no kuyikurubana kugira ngo itava aho ivunika cyangwa ikangirika ku bundi buryo. Nuko bese bafatanyaga kuyagaza, imaze gutuza iremera barayiterura maze bayisubiza mu ruhongore. Nyiraneza na Mukamurigo barabafasha kandi bashimishwa no kubona na bo bagira uruhare mu gukora umurimo ukomeye nk'uwa basaza babo. Ibyo byahuriranye n'uko bari bakiri mu rugo bitegura kujya ku ishuri, babikora vuba barangije bitabira ishuri badakererewe.

Mu gihe bavuye ku ishuri, bongeye kuganira n'ababyeyi babo bababwirako ko ku ishuri babaganirije ku gukunda umurimo no kuwunozza. Dore inshamake y'icyo

kiganiro: Umurimo wose ukozwe mu buryo bunoze kandi utanga umusaruro ugira uruhare rukomeye mu iterambere ry'umuryango n'iry'igihugu muri rusange. Mu mibereho ya muntu ni byiza ko buri wese agira umurimo ashyize imbere kandi agaharanira ko waguka, bityo inyungu ziwuvuyemo zikamufasha kugira ubuzima bwiza, cyanecyane iyo awukorana umwete aharanira no kuwushyira imbere kugira ngo agere ku ntego yiyemeje.

Abahinzi bose bashimishwa no guterera imbuto zabo igihe no kuzitaho uko bikwiye kugira ngo umusaruro ube mwiza, mu gihe abubatsi banezezwa no kubona inyubako yuzuye kandi ikomeye nk'uko babyifuga maze ikazaramba mu mikoreshereze yayo. Abadozi bagira umutima utuje iyo ababagana babonye ko babadodeye neza kandi mu gihe bumvikanyeho. Kimwe n'abigisha na bo iyo abigishwa bakurikiye neza amasomo bahabwa byose bigenda neza. Ni byiza gukorana umwete n'urugwiro umurimo wose kuko igihugu gitezwa imbere n'amaboko y'abagituye.

### **Ibibazo:**

#### **1. Inyunguramagambo**

**Sobanura amagambo akurikira ukuriye igisobnuro cyo mu mwandiko.**

- a. **Uburinganire:** kudasumbana, guhabwa amahirwe angana mu rwego rw'amategeko
- b. **Ubwuzuzanye:** ugushyira hamwe, ugushyigikirana, ukunganirana buri muntu ashyiraho uruhare ashoboye.
- c. **Yaramennye:** yatorotse ikiraro.
- d. **Uruhongore:** ikiraro k'inyana.
- e. **Amaboko:** imbaraga.

#### **2. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

- a. Rondora abantu bavugwa muri uyu mwandiko.  
Nyiraneza, Mukamurigo, Nubahimana, Mugisha n'ababyeyi babo.
  - b. Erekanaga insanganyamatsiko zivugwa muri uyu mwandiko.  
Insanganyamatsiko y'uburinganire n'ubwuzuzanye, iyo kurengera ibidukikije n'iyi gukunda umurimo ndetse no kuwunoza.
  - c. Mu matsinda yubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye, nimwerekane ingingo z'umuco n'iz'amateka zigaragara muri uyu mwandiko.
- Ingingo z'umuco:  
Gupfukirana abakobwa ntibahabwe ijamba, amahirwe yo kwiga, kubashyingira abo batihitiyemo.  
Kuba abakobwa n'abahungu baragenerwaga imirimo hagendewe ku gitsina iki n'iki.
  - Ingingo z'amateka:  
Kuba hari igihe amatungo yahurwaga ku gasozi  
Ibijyanye na gahunda yo kurengera ibidukikije

- d. Tanga ingero ebyiri z'imirimo yavuzwe mu mwandiko ugaragaze n'uko yanozwa.
- Ubahinzi: guterera imbuto ku gihe no kuzitaho uko bikwiye.
  - Ubwubatsi: kugira inyubako yuzuye kandi ikomeye, izaramba mu mikoreshereze yayo.
  - Ubudozi: kudoda neza no kubahiriza igihe bavuganye n'uwo badodera.



### **Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe**



#### **Ikigwa cya 2.2 Umwitozo 3**

Bwira abatoza bongere basome umwandiko “Twuzuzanye tunoza umurimo” maze basubize ibibazo.

1. Koresha buri jambo muri aya twasobanuye mu nteruro iboneye.
  - a. uburinganire
  - b. ubwuzuzanye
  - c. yaramennye
  - d. uruhongore
  - e. amaboko

**Ikitonderwa:** umutoza areba ko aya magambo yakoreshejwe neza mu nteruro.

2. Nimukorere mu matsinda maze mujore uyu mwandiko mugaragaza ibyo mwashimye n'ibyo mwanenze mu bivugwamo.  
Ibyo kunenga muri uyu mwandiko:
  - Abakobwa batahabwaga amahirwe yo kwiga nka basaza babo b'abahungu, ahubwo bagapfukiranirwa mu mirimo yo mu rugo.
  - Kuba umukobwa baramushyingiraga uwo bashatse atagize n'uruhare mu kumukunda cyangwa kumuhitamo
  - Kuvuga ko impamyabumenyi ye ari umugabo.
  - Amatungo yahurwaga ku gasozi akagenda yangiza ibidukikije, ari na ko anyanyagiza ifumbire ku gasozi igapfa ubusa.
  - Kuba abana barateruye inyana nkuru, kuko yashoboraga kubagwira ikabangiza cyangwa se ikagwa ikavunika.
  - Ibyo gushima muri uyu mwandiko:
    - Kuba abakobwa basigaye bahabwa ijamba, bagahabwa amahirwe yo kwiga nka basaza babo, bagafatanyaga imirimo n'ibindi.
    - Kororera mu biraro mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije.
    - Gukunda umurimo no kuwunoza.

3. Sobanura iyi mvugo “igihugu cyubakwa n’amaboko y’abagituye”.

Bishatse kuvuga ko abatuye igihugu bagomba guharanira kugiteza imbere, bityo bakaba basabwa gukoresha imbaraga zabo zose, haba mu rwego rwo gutanga ibitekerezo byubaka igihugu cyangwa gukoresha imbaraga z’umubiri bakora imirimo itandukanye.



### **Igikorwa cy’ umukoro ngiro**



#### **Ikigwa cya 2.2 Umwitozo 4**

**Ugendeye ku mwandiko “Twuzuzanye tunoza umurimo” subiza ibibazo bikurikira:**

1. Gereranya ibivugwa muri uyu mwandiko ku buiringanire n’ubwuzuzanye ndetse no kurengera ibidukikije mu gihe cya kera no mu gihe cy’ubu.
  - Kera abakobwa ntibahabwaga ijamba, ntibajyanwaga mu ishuri, bagashyingirwa ku wo batagize uruhare mu kumukunda, bagaharirwa imirimo yabo. Ariko kuri ubu ihame ry’uburinganire ribahesha uburenganzira bungana n’ubwa basaza babo.
  - Kera gahunda yo kurengera ibidukikije ntiyitabwagaho uko bikwiye, ugasanga nk’amatungo yahurwa mu gasozi akagenda abyangiza uko yiboneye, ariko ubu si ko bikimeze, ahubwo birabungabungwa ndetse n’amatungo asigaye agaburirirwa mu kiraro.
2. Ugendeye ku bijyanye no gukunda umurimo no kuwunoza twabonye mu mwandiko, wagaragaza ute uko ukwiye kunoza umurimo wawe?
  - Guharanira gutunganya uko bikwiye umurimo nshinzwe
  - Kuwukorera ku gihe
  - Kubaha abo tuwuhuriyeho.



### **Iby’ingenzi abatozwa bagomba kwibuka:**

- Kwita ku ihame ry’uburinganire n’ubwuzuzanye
- Kurengera ibidukikije
- Gukunda umurimo no kuwunoza



### **Isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize**

1. Tanga ingero zo kwita ku ibidukikije zavuzwe mu mwandiko “Twuzuzanye tunoza umurimo”
  - Kororera amatungo mu biraro kugira ngo atangiza ibidukikije

- Kudakorera amatungo ibikorwa biyangamira birimo nko kuyakurubana no kuyakubita.
- 2. Sobanura uko twakwita ku ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.
  - Guha abakobwa n'abahungu uburenganzira bungana imbere y'amategfeko
  - Guteganya imirimo hatagendewe ku gitsina runaka
  - Ga abantu b'ibitsina binyuranye uburenganzira bwo kwiga, gutanga ibitekerezo no kwifatira imyanzu kuri gahunda z'ubuzima bwabo.
- 3. Erekanze ingingo z'umuco n'iz'amateka zigaragara mwandiko "Twuzuzanye tunozza umurimo".
- Ingingo z'umuco:
 

Gupfukirana abakobwa ntibahabwe ijamba, amahirwe yo kwiga, kubashyingira abo batihitiyemo.

Kuba abakobwa n'abahungu baragenerwaga imirimo hagendewe ku gitsina iki n'iki.
- Ingingo z'amateka:
 

Kuba hari igihe amatungo yahurwaga ku gasozi

Ibijyanye na gahunda yo kurengera ibidukikije

## **① Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umutoza**

### **Uburyo bwakoreshwa mu gusesengura umwandiko**

Muri iki gice hakubiyemo ibibazo byo gusesengura umwandiko. Ibi bibazo biba byerekeranye no kugaragaza insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko, kuvuga ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka, iz'umuco n'iz'amateka ziri mu mwandiko, kuvuga isomo ryo mu buzima busanzwe riri mu mwandiko, guhina umwandiko n'ibindi bibazo byimbitse umunyeshuri asubiza ahereye ku mwandiko agakoresha ubundi bumenyi bwe.

### **Imbonezamasomo yo gusesengura umwandiko**

Gusesengura umwandiko bigizwe n'ibice bikurikira:

Mbere y'uko abanyeshuri batangira isesengura ry'umwandiko, umwarimu abashyira mu matsinda, akabasaba kongera kuwusoma kugira ngo bawiyibutse. Uyu mwitozo wo gusesengura umwandiko ukorerwa mu matsinda nk'uko umwitozo wo kumva umwandiko ukorwa. Mu gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko umwarimu afasha abanyeshuri ababaza ibindi bibazo bituma bagera ku bisubizo bikwiye.

Iyo umunyeshuri asabwa gutahura ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko, umwarimu ashoborakumubaza gutahura igitekerezo k'ingenzi kiri muri buri gika cy'umwandiko. Iyo ari ikibazo cyo guhina umwandiko, umwarimu amusaba guhuriza hamwe ingingo z'ingenzi agasa n'uzirambura ashingiye ku burebure busabwa. Iyo ari ikibazo cyo kuvuga isomo akuye mu mwandiko, umwarimu

amusaba guhuza ibivugwa mu mwandiko n'ubuzima busanzwe bityo bikamufasha gutahura isomo umwandiko umusigiye. Ku bindi bibazo byimbitse, umwarimu ashakisha ubundi buryo bufasha umunyeshuri kugera ku gisubizo gikwiye.

## Umusaruro w'inyigisho 2.3: Kugaragaza neza ingingo z'ingenzi z'umwandiko agendeye ku bika biwugize

|  |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |
|--|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|  | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba bashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Kugaragaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko</li> <li>Kugaragaza ibice by'imbata y'umwandiko</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|  | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                       |
|  | <p><b>Uburyo bw'inyigishirize:</b> Gukoresha amatsinda mato n'amanini, amatsinda ya babiribabiri, kwifashisha umwandiko</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |
|  | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Igitabo cy'umutozwa</li> <li>• Inyoboramutoza</li> <li>• Ikibaho</li> <li>• Amacaki</li> <li>• Inkoranyamagambo</li> <li>• Marikeri</li> <li>• Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |
|  | <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                          |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (gutwara ibinyabiziga mu buryo bwujuje ubuziranenge kandi na byo ubwabyo bigomba kuba byujuje ubuziranenge)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango no mu mirimo yose muri rusange, abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (mu izungura abantu bagomba kubahiriza umuco w'amahoro)</li> </ul> |
|  | <p><b>Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>▶ Gusoma umwandiko</li> <li>▶ Gusobanura amagambo</li> <li>▶ Kuvuga ibyo yumvise mu mwandiko</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                  |

► Gukoresha interuro isanzwe

**Ubushobozi fatizo:** Kugaragaza neza ingingo z’ingenzi z’umwandiko agendeye ku bika biwugize

| Ubumenyi                                 | Ubumenyi ngiro                                              | Ubukeshya                                                   |
|------------------------------------------|-------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------|
| 1. Kurondora ingingo z’umwandiko         | 1. Gutandukanya ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka z’umwandiko | 1. Gushishikarira kugendera ku ngingo z’ingenzi z’umwandiko |
| 2. Kurondora ibice by’imbata y’umwandiko | 2. Kugaragaza ibice by’imbata y’umwandiko                   | 2. Guharanira guhanga uwandiko ukurikije imbata yawo        |

 **Intangiriro: Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?**



#### **Ikigwa cya 2.3 Umwitozo 1**

Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira:

1. Utekereza ko umwandiko wanditse neza wagombye kuba ufite imbata iteye ite? (ugizwe n’ibihe bice?)

Imbata igizwe n’ibice bine: umutwe, intangiriro, igihimba n’umusozo.

2. Mu gihimba cy’umwandiko ibitekerezo bisobanurwa bite?

Buri gitekerezo gikuru (ingingo y’ingenzi) kigenda gisobanurwamo ibindi bito n’iby’inyongera (ingingo z’inyunganizi cyangwa z’ingereka)



#### **Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by’ikibazo**



#### **Ikigwa cya 2.3 Umwitozo 2**

Bwira abatozwa basome umwandiko ukurikira maze basubize ibibazo biwukurikiye.

Uburinganire n’ubwuzuzanye bw’ibitsina byombi

Igihugu cyacu kiri mu bihugu bya mbere ku isi biharanira guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ku bantu b'ibitsina byombi. Uburinganire n'ubwuzuzanye bugaragarira mu muryango, mu buyobozi, mu burezi, mu gucunga umutekano, mu gutwara ibinyabiziga, mu izungura n'ibindi. Reka tubirebe mu buryo burambuye.

Mu muryango, usanga imirimo yo mu rugo ikorwa mu buryo bwo kuzuzanya hagati y'umugabo n'umugore. Umugore afite ijamba ku mutungo w'urugo, ibitekerezo n'uruhare bye bifasha kunganirana mu byagirira umuryango akamaro. Abana b'abahungu n'abakobwa bakora imirimo batavanguye iyagenewe buri gitsina nk'uko kera byahoze. Ubu usanga imirimo ikorwa mu buryo bwo kureba icyateza imbere umuryango, icyakora iyo hajemo ibisaba ingufu nyinshi abahungu bashobora kunganira bashiki babo mu kuyinoza.

Mu buyobozi, bigaragara ko inzego z'ubuyobozi zirimo abagabo n'abagore ku buryo buzuzanya mu mirimo yose. Iyo urebye inzego zifata ibyemezo usanga abagore batazihejwemo kuko babasha no kuyobora minisiteri, intara, uturere n'izindi nzego zitandukanye kandi bakabikora neza nk'ababifitiye ubumenyi n'ubushobozi.

Mu burezi, hari impinduka zikomeye cyane zakozwe kuko ubu abana bose bahabwa amahirwe yo kwiga amasomo yose n'imyuga itandukanye. Mu nzego z'uburezi usanga abantu bose, abagore n'abagabo bisangamo. Ibitekerezo byabo n'uruhare byabo mu guteza imbere uburezi ni ntagereranywa. Aha ndetse usanga no mu nzego zifata ibyemezo hagaragaramo ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye.

Mu gucunga umutekano, hari abagore benshi bakora umwuga wa giporisi, uwa gisirikari n'iyindi kandi bakayikora neza bafatanyije n'bagabo bayirimo. Uburinganire butuma iyi mirimo ijyanye n'umutekano ikorwa mu buryo bunoze bigatuma Igihugu kirushaho gutekana.

Mu rwego rwo gutwara ibinyabiziga, abagore muri rusange na bo bakangukiye gukorera impushya zo gutwara ibinyabiziga kandi ugasanga banabitwarana ubwitonzi n'ubuhanga kimwe n'abagabo bagenzi babo. Ndetse no mu mirimo ijyanye no gutwara ibinyabiziga bigenewe gutwara abantu benshi abagore na ho ntibatanzwe!

Mu izungura, hambere byari bigoye ko abagore bazungura imitungo y'iwabo kuko nta burunganire bwari buhari muri icyo gihe. Agaciro kahabwaga abagabo gusa. Bitewe n'impinduka zagaragaye, abagore na bo barazungura, bahabwa umunani kimwe na basaza babo.

Muri rusange ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rirubahirizwa mu Rwanda. Abantu b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe angana mu bikorwa byose bigamije guteza imbere Igihugu. Ibi bigashigikirwa cyanecyane mu nzego zifatirwamo ibyemezo.

Ibibazo ku mwandiko:

**1. Inyunguramagambo**

- i. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:
  - a. ntagereranywa: bifite agaciro gakomeye cyane.
  - b. ntibatanzwe: barahaboneka nta kibazo.
  - c. izungura: igikorwa cyo gusigarana uburenganzira ku mitungo igihe umubyeyi w'umuntu atakiriho.
  - d. umunani: umutungo umuntu aragwa n'umubyeyi we.
- ii. Koresha buri jambo muri ayo amaze gusobanurwa mu nteruro iboneye.

**2. Subiza ibibazo bikurikira:**

- a. Uyu mwandiko uvuga ku yihe nsanganyamatsiko?  
Uburinganire n'ubwuzuzanye
- b. Erekena ingingo z'ingenzi zigaragajwe muri uyu mwandiko.  
Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango, mu buyobozi, mu burezi, mu gucunga umutekano, mu gutwara ibinyabiziga, mu izungura.
- c. Sobanura imiterere y'imbata y'uyu mwandiko.  
Imbata y'umwandiko igizwe n'ibice bine: -umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.  
Igice k'igihimba kigizwe n'ibika byinshi bisobanurwamo ingingo z'ingenzi zinyuranye.



**Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe**



**Ikigwa cya 2.3 Umwitozo 3**

Bwira abatozwa bongere basome umwandiko “Uburinganire n'ubwuzuzanye bw'ibitsina byombi” maze basubize ibi bibazo:

**1. Ibika by'uyu mwandiko biteye bite ukurikije ibivugwamo?**

Uretse igika cya mbere (k'intangiriro) n'icyanyuma (cy'umusozo), buri gika mu bisigaye kigiye kihariye ingingo y'ingenzi (igitekerezo gikuru) kivugaho.

**2. Erekena ingingo z'ingenzi kuri buri gika mu bigize igihimba cy'uyu mwandiko (urahera ku gika cya kabiri):**

Uburinganire n'ubwuzuzanye muryango  
Uburinganire n'ubwuzuzanye mu buyobozi  
Uburinganire n'ubwuzuzanye mu burezi  
Uburinganire n'ubwuzuzanye mu gucunga umutekano

Uburinganire n'ubwuzuzanye mu gutwara ibinyabiziga

Uburinganire n'ubwuzuzanye mu izungura

### 3. Garagaza zimwe mu ngingo z'ingereka ziherekeza/zisobanura buri ngingo y'ingenzi

**Uburinganire muryango:** ikorwa ry'imirimo yo mu rugo (abana b'abahungu n'abakobwa, umugabok n'umugore), kugira ijamba ku mutungo w'urugo, ibitekerezo n'uruhare by'umugore bifasha kunganirana mu byagirira umuryango akamaro, uko abahungu bashobora kunganira bashiki babo ibisaba ingufu nyinshi mu kuyinoza.

**Mu buyobozi:** kuyobora mu nzego zose, kuyoborana ubushishozi.

**Mu burezi:** impinduka zakozwe kuko, abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo kwiga amasomo yose n'imyuga itandukanye. usanga abantu bose, abagore n'abagabo bisangamo.

**Mu gucunga umutekano:** abagore benshi bakora umuga wa giporisi n'uwa gisirikari, ijyanye n'umutekano ikorwa bunoze.

**Mu rwego rwo gutwara ibinyabiziga:** gukorera impushya zo gutwara ibinyabiziga, gutwarana ubwitonzi, ibinyabiziga bigenewe gutwara abantu benshi abagore na ho ntibatanzwe!

**Mu izungura:** ubu abagore bazungura imitungo y'iwabo kera agaciro kahabwaga abagabo gusa.



### Igikorwa cy'umukoro ngiro



#### Ikigwa cya 2.3 Umwitozo 4

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira:**

1. **Ni ibihe bintu izajya ukurikiza igihe uhanga umwandiko?**  
Kugaragaza umutwe, igihimba n'umusozo wubahiriza ibishyirwa muri buri gice.
2. **Mu ihangamwandiko ingingo y'ingenzi ni iki?**  
Ni igitekerezo gikuru kibumbiye hamwe ibindi bitekerezo bigishamikiyeho.
3. **Ingingo z'ingereka ni iki?**  
Ni ibitekerezo bito bigenda bisobanura kurushaho ingingo y'ingenzi.



### Iby'ingenzi abatozwa baogomba kwibuka:

- Imbata y'umwandiko igizwe n'ibice bine: umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.
- Igice k'igihimba gishobora kugirwa n'ibika byinshi, buri gika kigasobanurwamo ingingo y'ingenzi.



## Isuzuma rinoza imyigire n’imyigishirize

### 1. Ereka ingingo z’ingenzi zagaragajwe muri uyu mwandiko

Uburinganire n’ubwuzuzanye mu muryango, mu buyobozi, mu burezi, mu gucunga umutekano, mu gutwara ibinyabiziga, mu izungura.

### 2. Sobanura imiterere y’imbata y’uyu mwandiko

Imbata igizwe n’ibice bine: -umutwe, intangiriro, igihimba n’umusozo.

Igice k’igihimba kigizwe n’ibika byinshi bisobanurwamo ingingo z’ingenzi zinyuranye.

### 2. Ingingo z’ingereka ni iki?

Ni ibitekerezo bito bigenda bisobanura kurushaho ingingo y’ingenzi

### 3. Ni akahe kamaro ko kwandika wubahiriza ibice by’umwandiko?

Bituma ugaragaza neza ingingo z’ingenzi zigize umwandiko kuko buri yose igenda igaragazwa mu gika kihariye.



## Ubumenyi bw’inyongera bugenewe umutoza

Itandukaniro hagati y’ingingo z’ingenzi n’iz’ingereka

| Ingingo z’ingenzi                               | Ingingo z’ingereka                                                                                                  |
|-------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Ni ibitekerezo bikuru umwandiko uba wubakiyeho. | Ni ibitekerezo bito bigenda bishyigikira ibitekerezo bikuru umwandiko wubakiyeho, bikagenda bibisobanura kurushaho. |
| Ziba ari nke.                                   | Ziba ari ari nyinshi.                                                                                               |
| Ni zo zigenderwaho mu guhina umwandiko.         | Zigenda zunganira ingingo z’ibanze mu kurambura umwandiko zigaherekezwa n’ingero.                                   |

## Umusaruro w'inyigisho 2.4: Guhina umwandiko akurikiranya neza ibitekerezo ashingiye ku ngingo z'ingenzi

|  |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                         |
|--|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|  | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba ashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Kugaragaza ingingo z'ingenzi z'umwandiko ku nsanganyamatsiko yo gukunda umurimo no kuwunoza</li> <li>Guhina umwandiko bagendeye ku ngingo z'ingenzi zawo.</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                                                                       |
|  | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 2 n'iminota 30</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                |
|  | <p><b>Uburyo bw'inyigishirize:</b> Gukoresha Umutozwa umwumwe, gukoresha amatsinda mato, kwifashisha umwandiko watanze.</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                             |
|  | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Igitabo cy'umutozwa</li> <li>Inyoboramutoza</li> <li>Ikibaho</li> <li>Amacaki</li> <li>Inkoranyamagambo</li> <li>Marikeri</li> <li>Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                       |
|  | <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                   |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (dukwiye gukora umurimo mu buryo bwujuje ubuziranenge)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Kurengera ibidukikije (kwirinda kwangiza aibidukikije harimo abantu, inyamaswa n'amatungo)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (kwirinda gushotorana)</li> </ul> |
|  | <p><b>Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>▶ Gusoma umwandiko</li> <li>▶ Gushaka ingingo z'ingenzi mu mwandiko</li> <li>▶ Gukoresha neza interuro neza</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                            |

**Ubushobozi fatizo:** Guhina umwandiko akurikiranyaneza ashingiye ku ngingo z'ingenzi

| Ubumenye                                 | Ubumenyi ngiro                         | Ubukeshya                                                            |
|------------------------------------------|----------------------------------------|----------------------------------------------------------------------|
| 1. Kuronndora amabwiriza y'ihinamwandiko | 1. Guhina umwandiko                    | 1. Kurangwa no gutanga ubutumwa bw'umwandiko mu mpine                |
| 2. Kurondora intambwe z'ihinamwandiko    | 2. Kugaragaza intambwe z'ihinamwandiko | 2. Gushishikarira kwita ku rukurikirane rw'intambwe z'ihangamwandiko |

 **Intangiriro: Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?**



#### **Ikigwa cya 2.4 Umwitozo 1**

Bwira abatozwa basubize ikibazo gikurikira: Ni iki wakwitaho mu guhina umwandiko?

Kugendera ku ngingo z'ingenzi ziwugize.



#### **Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo**



#### **Ikigwa cya 2.4 Umwitozo 2**

**Bwira abatozwa basome umwandiko ukurikira maze basubize ibibazo byawubajijweho.**

#### **Umurimo unoze uhisha nyirawo agaciro**

Umunsi umwe, isega n'umuhari byarimo biganira biza kuvuga ku muntu. Umuhari ubwira isega uti: "Burya uko ubona umuntu agira intege cyane, nta nyamaswa yapfa kumuhangara." Isega na yo iti: "Aho uribeshya cyane rwose! Uzaze tugende unyereke umuntu urebe ko ntahita muneshya!" Bihana umunsi maze byombi bizindukira ku nzira aho abantu benshi bakundaga kunyura bagiye mu mirimo yabo. Maze byikinga iruhande rw'igihuru.

Muri ako kanya hanyura umwana wihitiraga, nuko isega ibaza umuhari iti: "Uriya ni we muntu"? Umuhari uti: "Oya, uriya ntaraba umuntu, azaba we kera".

Haciye akandi kanya hahinguka umusaza. Isega yongera kubaza umuhari iti: "Uriya ni we muntu"? Umuhari urayisubiza uti: "Oya, uriya yari we kera, ubu ntakiri we". Nuko bikomeza gutegereza.

Mu mwanya utarambiranye noneho haza umusirikari witoje umwuga we neza, wari ugiye ku rugamba yitwaje n'ibikoresho bye by'akazi. Umuhari ukimuca iryera ubwira ya sega uti: “Noneho ndabona umuntu aje, ngaho genda muhangane, nge mbaye nisubiriye ku mwobo wange”.

Nuko isega iba isatiriye wa musirikari. Igiye kumwegera yenda imbunda yari yitwaje ayirasa mu maso, ariko yihagararaho ikomeza kumusatira. Igize ngo iramwegera, wa musirikari yikura inkota ye ayitemagura umubiri wose maze irahunga, ariko igenda ivirirana umubiri wose. Umusirikari amaze kuyinesha, yikomereza urugendo rwe.

Hanyuma isega ngo ihinguke aho umuhari wari wagiye kwihisha, uyikubise amaso urayibaza uyinye uti: “Mbe mwana wa da, aho ntiwanesheje wa muntu”! Isega na yo iti: “Ihorere, urwo mpuye na rwo ni agahomamunwa! Nagize ngo ndamwegera, yenda inkoni yari yitwaje ayihagamo umwuka, ayinturikiriza ku mazuru, numva habaye nk’aho bateye amabuye! Ngize ngo ndihangana nkomeza kumusatira, yikura urubavu rumwe aruntemaguza umubiri wose, mbese si nge ubonye uko mwikura nuko nza niruka”! Uhereye ubwo, isega ntiyongera kwirarira ko yanesha umuntu.

**1. Inyunguramagambo**

**i. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:**

- a. Isega:** inyamaswa y’ijanja imeze nk’imbwa nini y’impigi. Igira amatwi manini ashinze kandi ateye bugata, umurizo wayouriho ibyoya birebire. Ibara ryayo ni ibidomagure by’ibihogo, umukara, umuhondo n’umweru. Iherezo ry’umurizo ni umweru.
- b. Umuhari:** inyamaswa y’agasozi isa n’imbwa, igira umunwa usongoye n’amenyo menshi, amaguru anyunyutse kandi maremare, umurizo uriho ubwoya bwinshi. Ukunze kuboneka ni ugira ibara ry’ikijuju ryeruruka mu mbavu. Uba ahantu h’ibigunda.
- c. Gusumira:** Gusatira umuntu cyangwa ikintu mu buryo bwihuse akenshi ushaka kugira nabi
- d. Intege:** Imbaraga

**ii. Subiza ibibazo bikurikira:**

- a. Ni abahe banyarubuga (abakinankuru) b’uyu mwandiko?**  
Umuhari, isega, umusaza n’umusirikari
- b. Muri bose ni uwuhe ugaragaza kunoza umurimo ashinzwe? Sobanura impamvu.**  
Ni umusirikare. Impamvu ni uko yakoze neza umurimo w’ubwirinzi akanesha isega yashakaga kumurya.
- c. Musomere mu matsinda mutahure amagambo ahuza ibika by’uyu mwandiko**

Igika cya kabiri kiyunga ku cya mbere hakoreshejwe amagambo: Muri ako kanya

Igika cya gatatu kiyunga ku cya kabiri hakoreshejwe amagambo: Hacye akandi kanya

Igika cya kane kiyunga ku cya gatatu hakoreshejwe amagambo: Mu mwanya utarambiranye noneho

Igika cya gatanu kiyunga ku cya kane hakoreshejwe ijamba: Nuko Igika cya gatandatu kiyunga ku cya gatanu hakoreshejwe ijamba: Hanyuma

**d. Ugiye guhina uyu mwandiko wakwita ku biki?**

Gukurikiranya ibitekerezo nshingiyeye ku ngingo z'ingenzi.

**Ingingo z'ingenzi zo kwitabwaho**

- Uhina umwandiko akurikiranya ibitekerezo ashingiyeye ku ngingo z'ingenzi.



**Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe**



**Ikigwa cya 2.4 Umwitozo 3**

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira bagendeye ku mwandiko wasomye:**

- 1. Mukorere mu matsinda mutahure imbata y'umwandiko.**  
Imbata y'uyu mwandiko ugizwe n'ibice bine by'ingenzi:  
Umutwe, intangiriro, igihimba(kigizwe n'ibika 4), umusozo.
- 2. Tahura (umwumwe) ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zikubiye muri buri gika.**

| Igika | Ingingo y'ingenzi                     | Ingingo z'ingereka                                                                                                       |
|-------|---------------------------------------|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1     | kuba umuntu agira intege nyinshi      | kujya impaka hagati y'isege n'umuhari, kujya aho abantu baturira                                                         |
| 2     | Imbaraga z'umwana                     | Kuhagera k'umwana, isega ibaza niba ari we muntu                                                                         |
| 3     | Imbaraga z'umusaza                    | Kuhagera k'umusaza, isega ibaza niba ari we muntu                                                                        |
| 4     | Imbaraga z'umuntu (umusirikari)       | Kuhagera k'umusirikari, umuhari umuhari wemeza ko ari we muntu, umuhari uhunga.                                          |
| 5     | Urugamba hagati y'isege n'umusirikari | Isega isatira umusirikari, umusirikari arasa isega, isega yihagararaho, umusirikari atemesha isega inkota, isega ihunga. |
| 6     | Isega yemera imbaraga z'umuntu        | Isega ihungira aho umuhari wari wihishe, umuhari unnyega isega, isega isobanura ibyayibayeho.                            |



## Igikorwa cy' umukoro ngiro



### Ikigwa cya 2.4 Umwitozo 4

Bwira abatozwa bongere basome umwandiko “Umurimo unoze uhesha nyirawo agaciro” maze basubize ibibazo bikurikira:

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko unakoreshe buri ryose mu nteruro iboneye.
  - a. Kunesha: gutsinda ku buryo budasubirwaho.
  - b. Agahomamunwa: ibintu bibabaje ku buryo bukabije, biteye agahinda.
  - c. Kunnyega umuntu: kumubwira amagambo amuserereza afitanye isano n'ibyago cyangwa akaga arimo.  
Ku bijyanye n'interuro zikoreshejemo amagambo, umutoza azareba ko bakoze interuro ziboneye.
2. Buri wese ku giti ke, agendeye ku ngingo z'ingenzi z'umwandiko mwabonye mu mwitozo uheruka nakore inshamake y'umwandiko maze ayandike.  
Umutoza azareba ko bakora ihinamwandiko ritunganye.



### Iby'ingenzi abatozwa bagomba kwibuka:

Ihinamwandiko rishingira ku ngingo z'ingenzi z'umwandiko uhinwa.



### Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

Uyu mwanya wagenewe ibibazo byo gusuzuma uko wumvise inyigisho irangiye.

1. Sobanura amagambo akurikira:
  - a. **Guca iryera:** kubona mu buryo bwihuse, kurabukwa.
  - b. **Aho ntiwanesheje wa muntu:** aho wa muntu ntiyari akwishe! Ni umuzimizo ukoresha ikinyuranyo. Bawita “igerura”.
2. **Tahura (umwumwe) ingingo z'ingenzi zikubiye muri buri gika.**

| Igika | Ingingo y'ingenzi ikubiyemo      |
|-------|----------------------------------|
| 1     | Kuba umuntu agira intege nyinshi |
| 2     | Imbaraga z'umwana                |
| 3     | Imbaraga z'umusaza               |

|          |                                       |
|----------|---------------------------------------|
| <b>4</b> | Imbaraga z'umuntu (umusirikari)       |
| <b>5</b> | Urugamba hagati y'isege n'umusirikari |
| <b>6</b> | Isege yemera imbaraga z'umuntu        |

### **3. Tanga ingero 3 z'amagambo ahuza ibika mu mwandiko**

#### **Ku gika k'intangiriro ushobora gukoresha:**

Iyo urebye, Muri iyi minsi, Havugwa ko...

#### **Ku bika by'igihimba ushobora gukoresha:**

Mu by'ukuri, Muri ako kanya, Hagiye akandi kanya, Mu mwanya utarambiranye, Noneho, Nuko, Byongeye, Nyamara, Ku ruhande rumwe, Ku rundi ruhande...

#### **Ku gika cy'umusoza (umwanzuro) ushobora gukoresha:**

Mu gusoza, Hanyuma, Nk'uko tumaze kubibona



## ISUZUMA RIKOMATANYA RY'IMBUMBE YA KABIRI

### Inshamake irategurwa

Mu gihe hategurwa inama y'ababyeyi b'abanyeshuri bo mu kigo wigamo izaba ku munsu w'ejo, umuyobozi w'ikigo k'ishuri ryanyu agutumyeho aguha inyanguko mvugo y'inama nk'iyi iheruka maze akumenyesha ko ari wowe uzasomera abazitabira inama iyi nyandiko mvugo. Ku bw'iyi mpamvu agusabye ibi bikurikira:

- Gusoma neza iyi nyandiko mvugo ukazayisomera abazitabira inama mu buryo bunoze
- Gusesengura iyi nyandiko mvugo witonze ugatahura ubutumwa ibumbatiye
- Kwitegura kugaragariza neza abazitabira inama ingingo z'ingenzi ziyikubiyemo kugira ngo bashobore gusuzuma ko ibikubiyemo byashyizwe mu bikorwa
- Kuzavugaga mu nshamake ibikubiye muri iyi nyandiko mvugo igihe izaba imaze gukorerwa ubugororangingo no kwemezwa.

### Imbonera y'isuzuma

| Ibipimo                      | Ibimenyetso                    | Urutonde rw'ibisuzumwa                                                |
|------------------------------|--------------------------------|-----------------------------------------------------------------------|
| Uburyo bwo gusoma            | Gusoma aranguruye              | Bose bakumva                                                          |
|                              | Gusoma adategwa                | Kubahiriza utwatuzo                                                   |
|                              |                                | Kubahiriza isesekaza                                                  |
| Gusesengura inyanguko        | Kugaragaza ubutumwa bukubiyemo | Ingingo zose zavuzweho                                                |
| Kugaragaza ingingo z'ingenzi | Ibika bigize inyanguko         | Intangiriro                                                           |
|                              |                                | Igihimba                                                              |
|                              |                                | Umusozo                                                               |
| Inshamake                    | Ibitekerezo by'ingenzi         | Uburebure bw'inshamake ugereranyije n'inyandiko yahinwe               |
|                              |                                | Igihe kizakoreshwa ugereranyije n'icyakoreshejwe ku nyandiko irambuye |



### Kwisuzuma kw'abatozwa

1. Saba abatozwa kongera kureba imbonerahamwe iri mu gitabo cyabo ku ntangiriro y'iyi mbumbe y'ibygwa. Bagaragaze ibyo bumvise neza, ibikeneye kongerwamo imbaraga n'ibikorwa byatuma ibitarumvikanye neza birushaho kunozwa.

2. Ungurana ibitekerezo n’abatozwa ku musaruro wabo muri iyi mbumbe. Mugaragaze ingingo bigaragara ko zagoye abatozwa benshi kuzumva kugira ngo hategurwe uburyo bwo kubongerera imbaraga kugira ngo bazumve. (urugero: mushobora gukoresha igihe muri kumwe mu ishuri mbere yo gutangira inyigisho zikurikiraho mukanyura mu byagaragaye ko abatozwa benshi batabyumvise).
3. Saba abatozwa kuzuzwa imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abatozwa bafite ku mbumbe y’inyigisho irangiye kwigwa ari ugukora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n’ahakeneye kongerwamo imbaraga n’uko byakorwa. Rero si isuzuma risanzwe!

## **Ubumenyi bw’inyongera bugenewe umutoza**

### **Inyongera ku ihinamwandiko**

#### **Inshoza y’ihinamwandiko**

Guhina umwandiko ni ubuhanga bwo kumenya no gucengera umwandiko maze ukawusubiramo mu magambo make ukurikije uburebure kwasabwe ariko udatandukiriye ingingo z’ingenzi zikubiyemo.

#### **Akamaro k’ihinamwandiko**

Ihinamwandiko rigaragaza ubushobozi bw’umuntu bwo gusobanura no kwisobanura mu magambo ye bwite kandi hubahirijwe uburebure kwasabwe.

#### **Uko ihinamwandiko rikorwa**

Ihinamwandiko rigomba kwitonderwa rigakoranwa ubushishozi kugira ngo rigere ku ntego zaryo. Muri rusange ntiragombye kurenza kimwe cya kane cy’umwandiko uhinwa.

### **Intera (intambwe) zakwitabwaho kugira ngo ihinamwandiko rikorwe mu buryo bunoze**

- Gusoma umwandiko inshuro zirenze imwe
- Kurobanura ingingo z’ingenzi
- Kwita ku magambo y’ingenzi
- Gukurikiranya za ngingo z’ingenzi
- Kwandika inshamake wubahiriza amabwiriza y’imyandikire y’Ikinyarwanda, imvugo iboneye hongerwamo n’amagambo yunga ibika

# Imbumbe ya 3: Ihangana no itegura ry'imyandiko n'inyandiko

-----

## Ibigamijwe

Nyuma y'iyi mbumbe y'inyigisho, Umutozwa araba ashobora:

- 3.1.** Guhimba no kwandika imyandiko mu buryo bunoze ku nsanganyamatsiko zitandukanye yubahiriza amategeko y'imyandikire, imyubakire y'interuro n'imiterere iboneye y'imyandiko.
- 3.2** Gutegura inyandiko zinyuranye kandi zinoze zifitanye isano n'akazi yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda n'imiterere y'inyandiko asabwa.



## **Isuzumabushobozi ku nyigisho igiye kwigwa:**

### **Imbumbe ya 3**

1. Saba abatozwa kwitegereza ishusho baganire ku byo babonaho. Ibyigwa batekereza ko iyi mbumbe yibandaho bagendeye ku ishusho. Nyuma yo kwakira ibitekerezo binyuranye, mutsindagire iby'ingenzi iyigishoyibandaho.
2. Saba abatozwa kuzuza imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abatozwa bafite ku mbumbe y'inyigisho igiye kwigwa ari ukubafasha kwimenyereza ibyigwa biyikubiyemo, hakabaho kumenya ibyo baziho n'ibyo batazi mbere yo kuyitangira. Ku musozo wayo bazakora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n'ahakeneye kongerwamo imbaraga n'uko byakorwa. Rero si isuzuma risanzwe!

## Umusaruro w'inyigisho 3.1: Guhimba no kwandika imyandiko mu buryo bunoze ku nsanganyamatsiko zitandukanye yubahiriza amategako y'imyandikire, imyubakire y'interuro n'imiterere iboneye y'imyandiko

|  |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |
|--|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|  | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba ashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Gutandukanya amoko y'imyandiko bize</li> <li>Guhanga umwandiko akurikije imbata yawo</li> <li>Kwandika akurikije amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda</li> <li>Gutandukanya interuro y'inyabumwe n'interuro y'urusobe</li> </ol>                                                                                                                                         |
|  | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 5</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                              |
|  | <p><b>Uburyo bw'imyigishirize:</b> Gukoresha amatsinda mato, kwifashisha imyandiko inyuranye, kubara inkuru</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |
|  | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Igitabo cy'Umutozwa</li> <li>Inyoboramutoza</li> <li>Ikibaho</li> <li>Amacaki</li> <li>Inkoranyamagambo</li> <li>Marikeri</li> <li>Murandasi</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                        |
|  | <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Imyiteguro: Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                    |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (uburezi bufite ireme buba bwujuje ubuziranenge)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (ari abahanga bumva bwangu, abafite ubumuga n'ibindi byago bose bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (abantu bagomba kubana neza mu bworoherane, bakirinda gushyamirana)</li> </ul> |

**Ibyo Umutozwa yagombye kuba azi:**



- ▶ Amwe mu moko y'imyandiko
- ▶ Kubara inkuru zoroheje
- ▶ Gukoresha interuro z'inyabumwe

**Ubushobozi fatizo:** Guhimba no kwandika imyandiko mu buryo bunoze ku nsanganyamatsiko zitandukanye yubahiriza amategeko y'imyandikire, imyubakire y'interuro n'imiterere iboneye y'imyandiko.

| Ubumenyi                                                                                                                                   | Ubumenyi ngiro                                                                                                                                          | Ubukeshya                                                                                                                    |
|--------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 1. Kurondora amoko y'imyandiko                                                                                                             | 1. Gutandukanya amoko y'imyandiko                                                                                                                       | 1. Gushishikarira kwita ku turango twa buri mwandiko                                                                         |
| 2. Kurondora ibice by'umwandiko ntekerezo                                                                                                  | 2. Kugaragaza imbata y'umwandiko ntekerezo                                                                                                              | 2. Kurangwa no kwandika ibitekerezo mu buryo bw'ihangamwandiko                                                               |
| 3. Kuvuga amategeko y'imyandikire mikoreshereze y'inyuguti nkuru, amagambo afatana n'adafatana, ikata n'itakara ry'inyajwi n'amazina bwite | 3. Kwandika yubahiriza amategeko y'imyandikire mikoreshereze y'inyuguti nkuru, amagambo afatana n'adafatana, ikata n'itakara ry'inyajwi n'amazina bwite | 3. Kujora imyandikire y'ahakoreshwa inyuguti nkuru, amagambo afatana n'adafatana, ikata n'itakara ry'inyajwi n'amazina bwite |
| 4. Kuvuga amoko y'interuro ukurikije ibice biyigize                                                                                        | 4. Gutandukanya amoko y'interuro ukurikije ibice biyigize                                                                                               | 4. Gushishikarira gukoresha interuro hitawe ku myubakire yayo.                                                               |



**Intambwe zikurikizwa:**



**Intangiriro:** Ni ibiki tuzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe dukeneye kumenya?



**Ikigwa cya 3.1 Umwitozo 1**

**Bwira abatozwa basubize ibibazo bikurikira:**

1. Tanga ingero z'amoko y'imyandiko uzi.  
Umwandiko ntekerezo, mbarankuru, mvugamiterere (mvugo shusho), ikinamico, umuvugo
2. Kosora izi nteruro ukurikije amabwiriza y'imyandikire:

mukasine na mutima bavuye ikigali bagenda buhoro buhoro munzira bahuye nimodoka imeze nka iya rukundo.

Mukasine na Mutima bavuye i Kigali bagenda buhorobuhoro. Mu nzira, bahuye n'imodoka imeze nk'iya Rukundo.

3. Ukurikije ibice by'interuro, interuro zirimo ayahe moko?  
Interuro y'inyabumwe n'interuro y'urusobe.



## **Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo**



### **Ikigwa cya 3.1 Umwitozo 2**

1. **Saba abatozwa gusomera mu matsinda buri mwandiko, maze bagaragaze ibiyiranga (imyandiko yatanze)**

#### **Umwandiko ntekerezo**

##### **Twite ku buzima**

Ubuzima ni ikintu giharanirwa na buri wese. Ni ngombwa kwita ku buzima mu buryo bw'imitekerereze, imyitwarire, imyifatire ndetse n'imikorere. Ese ibyo umuntu yakora iki ngo abigereho?

Guha umwanya ibitekerezo bifasha kubishyira ku murongo no guhitamo igikwiye kuyobora umuntu bitewe n'intego afite yo kugira ubuzima bwiza. Uburyo umuntu yitwara n'uko yifata mu migenzereze ye ya buri munsu bimutegeka kwitwararika ngo yirinde icyamwangiriza ubuzima. Ni ngombwa kwirinda ibiyobyabwenge kuko byangiza ubuzima. Iyo umuntu akora imirimo imurusha ingufu nko guterura ibiremereye cyane no gukora ubutaruhuka binaniza umubiri ndetse bikaba byamuviramo uburwayi. Gukora imirimo ngororamubiri bituma ubuzima bugenda neza, umuntu akirinda indwara zimwe na zimwe ziterwa no kutiyitaho. Indyo yuzuye ya buri munsu ni ngombwa ku bantu bose, abato n'abakuru.

Ubuzima buzira umuze buraharanirwa, nk'uko bivugwa ngo: "Amagara araseseka ntayorwa". Buri wese akwiye kugenzura imyitwarire, imitekerereze n'imigirire ye ya buri munsu kugira ngo abashe kurama.

#### **Igisubizo:**

##### **Ibiranga umwandiko ntekerezo**

Umwandiko ntekerezo urangwa no kurambura ingingo (ibitekerezo) zawe witekerereje ariko zigendanye n'insanganyamatsiko yatanze.

Insanganyamatsiko ishobora kuba interuro ivuga ku buzima busanzwe cyangwa ijyanye n'umwandiko wasomwe, umugani mugufi, imwe mu mvugo z'ikinyarwanda n'ibindi.

### **Umwandiko mbarankuru**

Seruka ni umusaza utuye ku musozi wa Gikuyu. Umunsi umwe yifuje gusobanukirwa n'uburyo uburezi mu Rwanda bugenda bushyirwamo imbaraga. Byaramuzinduye, afata urugendo ageze kuri Minisiteri ifite uburezi mu nshingano zayo burezi yakiriwe n'ababishinzwe bamwereka ingamba zafashwe zo kuzamura ireme ry'uburezi no kwagura ibikorwa remezo bifasha abanyeshuri kwiga bisanzuye. Amaze kumva uko uburezi bushyigikiwe kandi bukurikiranywe neza, yahise asezerana ibyishimo yihutira gutahana iyo nkuru nziza ngo ayigeze kuri bagenzi be.

Ageze iwe abamuganaga bose yabasobanuriraga ingamba nziza zo guteza imbere uburezi. Yashishikariye abakiri bato guha agaciro inyigisho bahabwa n'abarezi babo. Abakuru batabonye ayo mahirwe yabakanguriye kugana amasomero abafasha guhabwa inyigisho zibagenewe.

#### **Igisubizo:**

#### **Ibiranga mwandiko mbarankuru**

Umwandiko **mbarankuru** urangwa n'uko urondora ibintu nk'aho byabayeho, ukarondora abo byabayeyeho kabone n'aho byaba ari ibihimbano. Ni inkuru igaragaza intangiriro ikageza ku iherezo ry'ibivugwamo.

### **Umwandiko mvugamiterere/mvugo shusho**

#### **Umwari w'u Rwanda**

Umwari w'u Rwanda arangwa no kwimakaza umuco, agashyira imbere indangagaciro zikwiye Umunyarwandakazi, mbese ugasanga ari nyampinga koko! Yitabira umurimo akurikije amasomo yahawe n'abarezi batandukanye bamuhaye uburere, ubumenyi n'ubushobozi. Ntiyiganda ku murimo uwo ari wo wose ugenewe kumufasha kuvugurura imibereho ye. Kugira umwete biramuranga kandi agakorana ubuhanga mu byo ashinzwe gukurikirana.

Bitewe n'umwuga yahisemo gukora yita ku iterambere ry'umuryango, ibi byose akabikora yitegura kuba mutima w'urugo azashinga kuko burya uruhare rwe ari ntagereranywa. Umwari ukwiye ni urugero rwiza mu kwimakaza isuku, akaba ipfundo ry'umuryango usakayemo ubwuzu n'ituze.

#### **Igisubizo:**

#### **Ibiranga umwandiko mvugamiterere/mvugo shusho:**

Umwandiko mvugo shusho ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere

y'ikintu iki n'iki. Twavuga nk'umwandiko utaka ishuri, imiterere y'aho ryubatswe, n'ibindi umuntu ashobora gukenera kumenya. Umwandiko

mvugamitere/mvugo shusho uba wanditse ku buryo utanga amakuru yose mbese ugatanga ishusho y'ikintu runaka.

### **Ikinamico: Ubwenge burarahurwa!**

#### **Umwinjizo:**

Muri iyi kinamico “**Ubwenge burarahurwa!**” murasangamo abanyeshuri bari baragize imbogamizi zo kudakomeza amashuri yisumbuye y’uburezi rusange. Rimwe baza guhurira ku isoko, baganiriye bungurana inama yo gukomeza amashuri yabo mu mashuri y’imyuga. Bihurirana n’uko mu gace k’iwabo hari hamaze iminsi hatangiye ishuri ryigisha imyuga.

#### **Abakinnyi:**

**Murisa:** umunyeshuri w’umuhungu warangije ikicro rusange cy’amashuri yisumbuye (umwaka wa 3)

**Kamariza:** umunyeshuri w’umukobwa warangije amashuri abanza (umwaka wa 6)

**Mutabazi:** umunyeshuri w’umuhungu warangije umwaka wa kabiri w’amashuri yisumbuye (umwaka wa 2)

**Kanyange:** umunyeshuri w’umukobwa warangije umwaka wa mbere w’amashuri yisumbuye (umwaka wa 1)

Nimukurikire umukino.

#### **Agakino ka mbere**

*Aka gakino karakinirwa ku isoko, Mutabazi, Kanyange, Murisa na Kamariza baremye isoko bisanzwe.*

**Mutabazi:** (*atangara*). Eee, ariko isoko ni ryiza riraduhuje ni ukuri! Muraho ba Murisa, Kamariza na Kanyange?

**Kanyange:** (*amwenyura*). Muraho neza!

**Mutabazi:** Ese ko mbona mufite ibitebo birimo ubusa mwari mwazanye iki ku isoko ko nge imyumbati nazanye nabuze abaguzi?

**Kanyange:** Nge iwacu bari bantumye kugurisha ibijumba gusa nsanze byarumbutse bampaye make sha! 500f yonyine!

**Murisa:** (*abwira Kanyange*). Wowe se disi ukeneye amafaranga y’iki wakwisubiriye kwiga ko leta yaborohereje. Numvise ko ababyariye iwabo nkawe babemerera kwiga imyuga ku buntu. Cyokora nge ndaza gusaba iwacu bazandihire pe! Navuye mu ishuri none ndicuza impamvu, ariko mbonye uburyo najya kwiga gusidira.

**Kanyange:** Mbe Muri, wagize ngo namenye ayo mahirwe? Ese we, mwaretse tugahita dupanga twese tugahurira muri ririya shuri ry’imyuga tukirwanaho. Si byo Kamariza we?

**Kamariza:** (*abanze yiyumvire*). Ubu rero, natinze kuvuga ndimo nibaza ukuntu byaba bibaye igitangaza kongera kwibona mu ishuri. Gusa kuko ririya ryigisha imyuga ritwegereye mureke dutahe twingingi ababyeyi bacu babidufashemo.

**Mutabazi:** mureke ndebe uko ngurisha, ubwo nibikunda tuzahurira ejo kuri iryo shuri

### **Agakino ka kabiri**

*Aka gakino karakinirwa ku ishuri ry’imyuga, nyuma yo kwiwandikisha.*

**Kanyange:** (*yivugisha*). Mbega ngo ndagira amahirwe iwacu bakanyohereza kwiga ubudozi! Eee, reka ndebe ko uriya ari Kamariza uhingutse! Mwaramutse Kamariza, nawe byakunze turigana kudoda?

**Kamariza:** umva, natashye mbikojeje iwacu barishima bampa ibikenewe none mpise nza. Ahubwo reka twinjire mu ishuri ndumva icyuma kivuze.

**Murisa:** (*aseka*). Mutaba, ya myumbati yakuvuyeho?

**Mutabazi:** Burya twamaze gutandukana mbona umuguzi, nahise ntaha mbwira iwacu ko nifuza kwiga ubwubatsi, bahise bambwira bati: “Nubimenya uzadusanire iki gikoni cyari kigiye kuzatugwa hejuru”! Wowe se harya ngo wahisemo gusudira?

**Murisa:** Umva ni ugusudira ngomba kwiga pe ni byo nifuza. Reka dusuhuze ba bakobwa ndabona bagiye kwinjira mu ishuri. Mbe Kanyange na Kamariza mwaramutse! Muraberewe mu myambaro y’ishuri pe!

**Kamariza:** (*agaragaza ibyishimo*). Mwaramutse neza ndabona umugambi twawushyigikiye pe! Biradushimishije twese! Burya twari twarayobye! Umuntu umuntu akwiye gukora umwuga yarabanje kuwiga, nibwo yawukora adahuzagurika kandi akarushaho kuwunoza. Ni byo koko burya Abanyarwanda baca umugani ngo: “Ubwenge burarahurwa”!

### **Igisubizo:**

#### **Ikinamico: Uturango tw’ikinamico**

Bimwe mu biranga ikinamico harimo:

- **Umutwe w’ikinamico:** Ni nk’ipfundo riba riri bupfundurwe uko abakinnyi, bagenda bakina.
- **Umwinjizo:** Ni inshamake nto cyane itera amatsiko umusomyi cyangwa umuntu ugiye gukurikira ikinamico.

- **Abanyarubuga:** Ni abakinnyi b'ikinamico, habamo abanyarubuga bakuru n'abanyarubuga bungirije.
- **Inyobozi:** Ni nk'ibisobanuro bigaragaza kandi bigasobanura aho umukino ukunirwa n'uko hateye ndetse bikayobora abakinnyi uko bari bukinye (imyifatire) agakino runaka.
- **Imvugano:** Ni amagambo y'ikiganiro abakinnyi baba bari bugirane.
- **Inyishyu:** Ni igisubizo umukinnyi asubiza mu kiganiro agirana n'abandi bakinnyi
- **Umwivugisho:** Ni amagambo umukinnyi yivugisha igihe ari ku rubuga wenyine ntawundi munyarubuga bari kumwe.
- **Agakino:** Itsinda ry'ibikinirwa ahantu hamwe bikinwa kandi n'abantu bamwe (hatabayeho iyinjira n'isohoka ry'abanyarubuga).
- **Akabuga nkuru:** Ni aho agakino kabera

## 2. Umuvugo:

### Akamaro k'umwuga

Reka nkurate mwuga wange

Reka nkurate mwuga mwiza

Reka nkurate ubwiza bwawe

Reka nkuratire abatakuzi

### 5. Reka ngushime uko bikwiye.

Kutakumenya si uguhirwa

Kutakumenya ni ugucikwa

Kutakuyoboka ni uguhezwa

Kutakugana ni uguhomba

### 10. Igihombo rwose ni icyo.

Igihe cyose mbyuka ngenda

Ntwaye ibitabo n'ibikoreshe

Umunsi ukira mpabwa ubwenge

Na wa mubyeyi nkesha byinshi

### 15. Umurezi wange ushimwa rwose.

Akamaro kawe si ukubeshya

Ibyo wahaye abagusanze

Byarafatitse twarashimye

Ubukire utanga buraturanga

### 20. Mwuga wacu uri ndashyikirwa.

Ari abahanga bumva bwangu,  
 Abafite ubumuga n'ibindi byago  
 Iyo mu byaro n'imigi hose  
 Ntawakugannye wahombye

**25.** Itekiteka gahore uhanze!

**Igisubizo**

**Ibiranga umuvugo:**

**Umuwugo** urangwa no kuba:

- Wanditse mu mikarago
- Usingiza ikintu runaka
- Buri mukarago utangijwe inyuguti nkuru
- Ururirimbo (gutondagurwa hubahirizwa inyana yawo)
- Urimo uturango tw'ikeshamvugo (isubirajwi, isubirajambo, imizimizo...)

**1. Ni izihe ngingo (insanganyamatsiko) mwasanze mu myandiko mumaze gusoma?**

- a. Twite ku buzima
- b. Uburezi
- c. Umwari w'i Rwanda
- d. Kugaruka mu ishuri
- e. Akamaro k'umwuga

**2. Subiza ibibazo bikurikira ku ihangamwandiko:**

- a. Erekena imitere y'imbata y'umwandiko ntekerezo  
 Umutwe, intangiriro, igihimba, umusozo
- b. Garagaza igikanka k'ihangamwandiko ntekezo

**IGIKANKA (IMBATA) CY'UMWANDIKO NTEKEREZO**

..... **Umutwe**

.....  
 .....  
 .....

.....**Intangiriro**

.....  
 .....  
 .....  
 .....  
 .....

.....

**Igihimba**

.....

.....

.....

.....**Umusozo**

- c. Erekana intambwe zikurikizwa mu guhimba umwandiko ntekerezo

Kumva insanganyamatsiko, gukusanya(gushaka) ibitekerezo ku nsanganyamatsiko, gutondeka ibitekerezo, kwandika ibitekerezo wubahiriza amabwiriza y’imyandikire.

**4. Tegereze interuro zikukikira utahure imikoreshereze y’inyuguti nkuru**

- a. Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge.  
Mu ntangiriro y’interuro.
- b. Twese duhagurukire kujijuka. **W**abigeraho ute utazi gusoma? **N**tibishoboka.  
Ntoye isaro ryiza shenge weee! **R**eka nge kuryereka nyogokuru.  
Nyuma y’akabago, akabazo n’agatangaro.
- c. Mariya arasubiza ati: “**I**byo uvuze bingirirweho”.  
Igihe Mariya yavugaga ati: “**b**ingirirweho”, yari yaramaze gusabwa na Yozefu.

Nyuma y’ingirwanshinga “**-ti**”, “**-tya**”, “**-tyo**” n’ijambo “**ngo**” bikurikiwe n’utubago tubiri n’utwuguruzo. Ariko inyuguti nkuru ntatangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.

- d. Ku wa **G**atanu, ku wa **G**atandatu.  
**U**gushyingo gushyira **U**kubozza.  
Mu Rwanda haba ibihe bine by’ingenzi: **U**rugaryi, **I**tumba, **I**ki (**I**mpeshyi) n’**U**muhindo.  
Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y’amezi n’ay’ibihe by’umwaka.
- e. Rutayisire atuye i Huye hafi ya Cyarwa.  
Mu **M**utara hera ibigori.  
I **W**ashingitoni (Washington) ni ho hari ikicaro cya Banki y’Isi.  
Uwitwa **E**nshiteni (Einstein) yari umuhanga cyane.  
Ku nyuguti itangira amazina bwite y’abantu, ay’inzuzi n’ay’ahantu, kabone nubwo indomo itangira izina ry’ahantu yaba yatakaye.
- f. Bwana Muyobozi w’Akarere,  
**M**inisiteri y’**U**buhinzi n’**U**bworozi  
**U**murungu w’**A**bibumbye  
**K**operative **D**ufatanye

Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.

g. Dogiteri Karimanzira

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika**

**Umurenge wa Nyarugenge**

**Abanyarwanda barimo Abasinga n'Abagesera**

Dukwiye guteza imbere Ikinyarwanda.

Mu Ntambara ya Kabiri y'Isi Yose hapfuye abantu benshi.

Banki Nkuru y'Igihugu yakoze inoti nshya ya magana atanu.

Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegets, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo "Igihugu" iyo rivuga u Rwanda.

h. Nujya mu mugirire Imvaho Nshya.

Musenyeri Kagame Alegisi ni we wanditse *Indyoheshabirayi*.

Ku nyuguti itangira umutwe w'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.

i. **GAHIRE** Rose

**UMURISA** Keza

**BUTERA** Simoni

Nagiye kwa **Gahire** Rose anyakira neza.

Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko, nk'umwandiko uwo ari wo wose...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira yandikishwa inyuguti nkuru mu mwandiko hagati.

5. Itegereze interuro/amagambo bikukikira utahure amagambo afatana n'adafatana

a. Umwihanduzacumu - Rugwizangoga

Amazina y'inyunge harimo n'amazina bwite y'inyunge yandikwa afatanye.

b. Ndumva **nawe** umeze **nkange**.

Ndabona **natwe** tumeze **nkamwe**.

Ibyungo "**na**" na "**nka**" bikurikiwe n'ibinyazina ngenga bivuga nyakuvuga na nyakubwirwa (ngenga ya 1 n'ya 2) byandikwa mu ijambo rimwe ariko bikandikwa bitandukanye n'ibinyazina ngenga muri ngenga ya 3.

c. Umwana **wange**.

Amafaranga **yabo**.

Ndumva **na we** ameze **nka bo**.

Ndabona **na ko** kameze **nka bwo**.

Ikinyazina ngenera gikurikiwe n'ikinyazina ngenga byandikwa mu ijambo rimwe.

d. Iwacu **ntawurwaye**.

Muri iri shuri **ntabatsinzwe**.

- Impakanyi **“nta”** yandikwa ifatanye n’inshinga itondaguye iyikurikiye.
- e. Wa mugabo **nimusangayo turagenderako** ntitugaruka.  
Umuryango we wamuhaye umurongo **agenderaho**.  
Ibinyazina ngenga byo mu nteko ndangahantu **“ho”, “yo”, “mo (mwo)”** n’akajambo  
**“ko”** bifatana n’inshinga bikurikiye mu gihe iyo nshinga atari **“ni”** cyangwa **“si”**.
- f. **Nimugende** mudasanga imodoka yabasize.  
**Nimugera** muzamunsuhurize.  
Ijambo **“ni”** rikurikiwe n’inshinga ifite inshoza yo gutegeka cyangwa iyo gutegeka  
ryandikwa rifatanye na yo.
- g. Aragera ino **nijoro**.  
Yatashye **ejobundi**.  
Amagambo yerekana ibihe yandikwa mu ijambo rimwe: **“nimunsi”, “nijoro (ninjoro)”, “nimugoroba”, “ejobundi”**.
- h. Imbeba yihishe **munsi** y’akabati.  
Ijambo **“munsi”** ryerekana ahantu na ryo ryandikwa mu ijambo rimwe.
- i. Nujya **iburyo** ndajya **ibumoso**.  
Mbwirira abari **ikambere** bazimanira abashyitsi.  
Nimuza **iwacu** nzishima.  
Imigereka ndangahantu iremewe ku ndangahantu **“i” (imuhira, iheru, iburyo, ibumoso, ivure, imbere, inyuma, ibwami...)** n’amagambo akomoka kuri **“i”** y’indangahantu ikurikiwe n’ikinyazina ngenera **“wa”**, n’ikinyazina ngenga yandikishwa ijambo rimwe.
- j. **Niko**, uraza?
- k. Urahinga **nuko** uteza.  
Amagambo afatiwe hamwe akarema inyumane y’umugereka, inyumane y’icyungo cyangwa iy’irangamutima akomoka ku binyazina bitakibukwa amazina bisimbura yandikwa afatanye.
- l. Perezida yavuze ijambo arangije amashyi ngo: **“kacikaci”**!  
Babwire bage binjira **umwumwe**.  
Amagambo ashingaye ku isubiramo yandikwa afatanye.
- m. **Nyiricyubahiro** Musenyeri  
**Nyirubutungane** Papa  
  
Ijambo **“nyiri”** iyo riri mu mazina amwe n’amwe y’icyubahiro rifatana n’ijambo ririkurikiye.
6. **Itegereze interuro zikukikira utahure ikata ry’inyajwi zisoza ibinyazina ngenera n’ibyungo “na” na “nka” n’inyajwi zisoza zidakatwa**
- a. Wakomerekejwe n’iki?  
Ntakibyara **nk’**intare n’ingwe.  
Umubare **w’**amashuri **y’**imyuga uriyongera.  
Nyereka uko batsa tereviziyo **n’**uko bayizimya.  
Umwaka **w’**ibihumbi bibiri na cumi **n’**ibiri.

Umwaka **wa** 2012.

Inyajwi zisoza ikinyazina ngenera n'ibyungo **“na”** na **“nka”** zirakatwa iyo zikurikiwe n'ijambo ritangiwe n'inyajwi ariko injajwi isoza ikinyazina ngenera gikurikiwe n'umubare wanditse mu mibarwa ntikatwa.

**b. Kabya inzozi.**

Inyajwi zisoza amagambo ntizikatwa.

**c. Nyiri ubwenge aruta nyiri uburyo.**

Amasunzu **si** amasaka.

Icyatumye ejo ntaza iwawe **ni** uko natashye ndwaye.

Inyajwi **“i”** isoza akabimbura **“nyiri”**, n'inshinga mburabuzi **“ni”** na **“si”** ntizikatwa.

**d. Nyiricyubahiro Musenyeri.**

Icyakora ijambo **“nyiri”** iyo riri mu mazina amwe n'amwe y'icyubahiro rifatana n'ijambo ririkurikiye.

**e. Nyirabukwe aramukunda.**

Naho **“nyira”** ivuga **“nyina wa”** ikoreshwa mu mazina, ifatana n'ijambo ibanjirije.

Aha injajwi iba itakaye kandi badakase.

**f. Mu Mutara higanje imisozi migufi.**

**Mu Kagera** habamo ingona.

Amatungo yanyuze **mu murima**.

Kwita **ku nka** bigira akamaro.

Abana bavuye **ku iriba** baja **mu ishuri**.

Banyuze **mu ishyamba**.

Inyajwi itangira amazina bwite n'amazina rusange akurikiye indangahantu **“mu”** na **“ku”** iratakara, keretse mu izina ritangirwa n'inyajwi **“i”** ikora nk'indanganteko.

**g. Amatungo yanyuze mu murima.**

Kwita **ku nka** bigira akamaro

Inyajwi zisoza indangahantu **“ku”** na **“mu”** ntizikatwa kandi zandikwa iteka zitandukanye n'izina rikurikira.

**7. Itegereze amagambo/interuro utahure imikoreshereze y'amazina bwite.**

**a. Marangara n'i Gisaka ni tumwe mu turere twa kera tuvugwa mu mateka y'u Rwanda.**

**U** Rwanda rurigenga.

**U** Mutara wera ibigori, ibitoki n'ibishyimbo.

**U** Bubirigi buri mu majyaruguru y'uburasirazuba bw'u Bufaransa.

Amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere afite indomo yandikwa atandukanye n'ayo ndomo; iyo ndomo ikandikwa mu nyuguti nto, keretse iyo itangira interuro.

**b. UWASE Ikuzo Laurette**

**VUBI Pierre**

**KARIMA Biraboneye**

**MUNEZERO Salima**

Amazina bwite y'abantu arenze rimwe akurikirana muri ubu buryo: habanza izina yahawe akivuka, hagakurikiraho andi mazina y'inyongera.

**c. Enshiteni (Einstein)**

**Shumakeri (Schumacher)**

**Ferepo (Fraipont)**

**Cadi (Tchad)**

**Kameruni (Cameroun / Cameroon)**

**Wagadugu (Ouagadougou)**

**Ositaraliya (Australie / Australia)**

Amazina bwite y'abantu n'ahantu y'amavamahanga atari ay'idini n'amazina bwite y'ibihugu n'ay'uturere y'amahanga yandikwa uko avugwa mu Kinyarwanda, nyuma bagashyira mu dukubo uko asanzwe yandikwa mu rurimi akomokamo.

**d. KARERA John**

**KEZA Jane**

**KAMARIZA Jeanne**

**RUTERANA Abdul**

**MFIZI Yohana**

Amazina y'idini yandikwa nk'uko yanditswe mu gitabo k'irangamimerere akaza akurikira izina umuntu yahawe akivuka cyangwa izina rindi rifatwa nka ryo. Izina rya mbere ryandikwa mu nyuguti nkuru naho izina ry'idini rikandikwa mu nyuguti ntoya, ritangijwe inyuguti nkuru.

**e. Intara y'Amagepfo**

**Umujyi wa Kigali**

**Akarere ka Rulindo**

**Akagari ka Cyimana**

**Umurenge wa Cyeru**

Amazina bwite yatanze kandi yakoreshejwe mbere y'aya mabwiriza akomeza kwandikwa uko yari asanzwe yandikwa.

**8. Itegereze interuro zikurikira ugire icyo uzivugaho (uzigereranye) ukurikije ibice bizigize.**

**a. Kamana arasya ibigori.**

**b. Yifuza yuko bakora.**

Interuro ya mbere irimo inshinga itondaguye imwe yonyine: ni interuro y'inyabumwe (shingiro). Naho interuro ya kabiri ikabamo inshinga ebyiri zitondaguye: ni interuro y'urusobe (y'inyunge).



## Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe



### Ikigwa cya 3.1 Umwitozo 3

**Umwitozo:** Ugendeye ku bumenyi n'ubushobozi wugukiye mu mwitozo wabanje, subiza ibibazo bikurikira.

1. **Nimukorere mu matsinda mato mutandukany umwandiko mbarankuru n'umwandiko mvugamitere ushingiyeye ku turango twayo.**

**Umwandiko mbarankuru** urondora ibintu nk'aho byabayeho, ukarondora abo byabayeyeho kabone n'aho byaba ari ibihimbano. Uhera ku ntangiriro ukageza ku iherezo ry'ibivugwamo. Naho umwandiko **mvugamiterere/mvugo shusho** wo ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere yacyo.

2. **Garagaza ibigize imbata y'umwandiko n'intambwe zikurikizwa mu ihangamwandiko ntekerezo.**

Imbata y'umwandiko ntekerezo igizwe n'umutwe, intangiriro, igihimba, umusozo.

Intambwe zikurikizwa mu guhimba umwandiko ntekerezo:

Kumva insanganyamatsiko, gukusanya(gushaka) ibitekerezo ku nsanganyamatsiko, gutondeka ibitekerezo, kwandika ibitekerezo wubahiriza amabwiriza y'imyandikire.

3. **Kosora interuro zikurikira wubahiriza amategako (amabwiriza) y'imyandikire y'Ikinyarwanda.**

- a. twese duhagurukire kujijuka wabigeraho. ute utazi gusoma? ntibishoboka.
- b. ntoye isaro ryiza shenge weeee! reka nge kuryereka nyogokuru.

#### Ibisubizo

- a. Twese duhagurukire kujijuka. Wabigeraho ute utazi gusoma? Ntibishoboka.
- b. Ntoye isaro ryiza shenge weeee! Reka nge kuryereka nyogokuru.



## Igikorwa cy' umukoro ngiro

### Ikigwa cya 3.1 Umwitozo 4

Subiza ibibazo bikurikira:

1. **Hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko wihitiyemo, wubahiriza imbata yawo.**  
Umutoza azareba ko buri wese yahanze umwandiko yubahiriza ibisabwa.
2. **Tandukanya interuro y'inyabumwe n'interuro y'urusobe.**

Interuro y'inyabumwe ni interuro igizwe n'ijambo rimwe cyangwa menshi kandi ikabamo inshinga imwe itondaguye, mu gihe interuro y'urusobe ari interuro irimo inshinga zitondaguye zirenze imwe.

**3. Kosora interuro zikurikira wubahiriza amategako (amabwiriza) y'imyandikire y'Ikinyarwanda.**

- a. Nujya mu mugirire umvaho nshya.
- b. Musenyere Kagame Aegis ni we wanditse indyoheshabiraye.

**Ibisubizo**

- a. Nujya mu mugirire umvaho Nshya.
- b. Musenyere Kagame Aegis ni we wanditse Indyoheshabiraye.



**Iby'ingenzi ngomba kwibuka:**

- Uwandika agomba kwita ku turango tw'umwandiko yandika kandi akubahiriza amategako (amabwiriza) y'imyandikire y'Ikinyarwanda.



**Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize**

1. **Erekana intambwe zikurikizwa mu guhimba umwandiko ntekerezo**  
Kumva insanganyamatsiko, gukushyira(gushyira) ibitekerezo ku nsanganyamatsiko, gutondeka ibitekerezo, kwandika ibitekerezo wubahiriza amabwiriza y'imyandikire.
2. **Hanga umwandiko ntekerezo ku nsanganyamatsiko wihitanyemo, wubahiriza imbata yawo.**  
Umutoza azareba ko buri wese yahanze umwandiko yubahiriza ibisabwa.
3. **Tandukanya interuro y'inyabumwe n'interuro y'urusobe, utange n'urugero kuri buri kigero k'interuro muri ibyo.**

Interuro y'inyabumwe ni interuro igizwe n'ijambo rimwe cyangwa menshi kandi ikabamo inshinga imwe itondaguye, mu gihe interuro y'urusobe ari interuro irimo inshinga zitondaguye zirenze imwe.

**Urugero:** Interuro y'inyabumwe: Umunyeshuri mwiza arangwa n'ikinyabupfura.

Interuro y'urusobe: Ndaza kugusura cyokora umwishyire!

**Ikibabwira:** ku kigero n'igero z'interuro, umutoza azareba ko buri umutozwa yatanze interuro zujuje ibisabwa.

**4. Kosora interuro zikurikira wubahiriza amategako (amabwiriza) y'imyandikire y'Ikinyarwanda.**

- a. Umwana wa nge.

- b Ndumva nawe ameze nkabo.  
 a Umwana **wange**.  
 b Ndumva **na we** ameze **nka bo**.

## **Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umutoza**

### **1. Amwe mu yandi moko y'imyandiko n'uturango twayo**

**Umwandiko mvugamateka:** ni umwandiko wibanda ku gukurikiranya neza ibyabaye mu gihe cyahise, ugambiriye kubimenyesha abatarabibonye cyangwa kwibutsa ababibonye ariko batakiyibuka. Wibanda rero ku kubikurikiranya neza mu gihe, ukavuga ababigizemo uruhare, aho byabereye, icyabiteye n'ingaruka byagize.

**Urugero:** Ibitekerezo

**Igisigo (ibisigo nyabami):** byatangiriwe n'ibyo bitaga **ibinyeto** byabaga ari imivugo irata buri mwami ukwe. Bikaba bigufi, muri rusange bitarengeje imikarago makumyabiri.

Ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli nibwo umugabekazi we w'umutsindirano Nyirarumaga yahuriye ibinyeto mu gisigo kimwe yise **“Umunsi ameza imiryango yose”** kikaba ari cyo gisigo cya mbere cyabayeho mu Rwanda. Ni ukuvuga ko umuntu wa mbere wemewe mu Rwanda nk'umusizi ari **Nyirarumaga**. Abasizi bahabwaga agaciro gakomeye ibwami barema **umutwe** wabo wayoborwaga n'uwo bita **intebe y'abasizi**.

Igisigo rero kirangwa no kuba:

- Kirata abami, abagabekazi n'ingoma yabo
- Kugira indezi ari ryo jambo cyangwa agatsiko k'amagambo asingiza cyangwa ataka umwami.
- Cyanditse mu mikarago
- Gisingiza ikintu runaka
- Buri mukarago utangijwe inyuguti nkuru
- Ururirimbo (gutondagurwa hubahirizwa inyana y'igisigo)
- Rimo uturango tw'ikeshamvugo (isubirajwi, isubirajambo, imizimizo...)

#### **Amoko y'ibisigo nyabami**

Ibisigo nyabami bigabanyijemo amoko atatu: ikobyu bamwe bitaga ikungu, ibyanzu. n'impakanizi.

#### **Ibisigo by'ikobyu /ikungu**

Ibisigo by'ikobyu cyangwa ikungu ni ibisigo bigufi (ugereranyije n' ibyanzu cyangwa impakanizi) bihurutuye, bigiye umujy umwe kuko bitagira ibika.

Bigira interuro (intangiro) n’umusayuko. Igisigo k’ikoby gisingiza umwami umwe.

**Urugero: -None imana itumije abeshi!** cyasizwe na **Mutsinzi** agitura Kigeri IV Rwabugiri.

**-Ibisigo by’ibyanzu**

Ibisigo by’ibyanzu ni ibisigo bigira ibika. Ibyo bika bitandukanywa n’inyikirizo. Mu bisigo by’ibyanzu umusizi avuga amateka y’abami ariko ntabakurikiranya uko bagiye basimburana ku ngoma. Ibisigo by’ibyanzu ni bigufi ugereranyije n’impakanizi. Ibyanzu na byo bigira ibice bitatu: interuro, igihimba n’umusayuko.

**Urugero: Naje kubara inkuru** cya **Sekarama** ka Mpumba, cyatuwe Kigeri IV Rwabugiri.

**Ibisigo by’impakanizi** ni ibisigo bivuga amateka y’abami bibakurikiranya uko bagiye bazungurana ku ngoma, hagaheruka umwami utuwe igisigo. Ibisigo by’impakanizi bigira ibice bitatu: Interuro, impakanizi n’umusayuko.

- Mu interuro, umusizi avuga muri make abami agiye gusingiza atabakurikiranya, ndetse atanabavugaga amazina ahubwo agenda akomoza ku bikorwa byabo, akanagaragaza ko aje kurabukira umwami uriho.
- Mu mpakanizi, umusizi asingiza abami abavugaga amazina uko bagiye bakurikirana ku ngoma, bese bagahurira ku nyikirizo imwe itangirira igisingizo cyabo. Iyo nyikirizo yitwa **impakanizi**.
- Mu musayuko, umusizi asingizamo umwami atuye igisigo kandi aba ari we uri ku ngoma. Mu musayuko kandi umusizi atura umwami ubukene bwe kugira ngo agororerwe. Ibi ni byo bamwe bitaga «**kwisabira umuriro**».

Ibisigo by’**impakanizi** rero birangwa no kuba bikurikiranya abami uko bagiye basimburana ku ngoma no kuba bigira inyikirizo ari yo yitwa **impakanizi**.

**Urugero: Ukwibyara** cya **Nyakayonga** ka Musare, cyatuwe umwami Mutara II Rwogera.

**Inkuru ndende:**

Irangwa no kuba ari ndende, ibarwa n’umubarankuru avuga uko yagenze. Bamwe mu basesenguzi b’inkuru ndende bayivugaga berekana ko igomba kuba ari impimbano, ariko ishobora no kuvugaga ibyabayeho ndetse hakaba n’igihe umwanditsi akavugaga ubuzima bwe (ibyamubayeho). Igomba kuba ifite inkuru ibara, uruhererekane rw’ibikorwa bikurikirana kandi bigenda bitera amatsiko usoma, ku buryo atarambirwa gusoma inkuru ibarwa. Iba yanditse mu

nyandiko isanzwe, ifite abakinankuru (abantu, ibintu cyangwa inyamaswa), kuba hari ikivugwa, kuba hari ahantu n'igihe kibera, kuba ari ndende (akenshi hagati y'impapuro 100 na 250).

**Amoko y'inyangingo ngaragira n'ingeri zazo:**

Inyangingo isobanura (nyensano)  
Amasomo twiga arashimishije.  
Ingaragira mbonera  
Yavuze ngo azaza ejo  
Ingaragira y'uburyo  
Yagiye uko yaje.  
Ingaragira y'igihe  
Iyo yishimye araseka.  
Ingaragira y'ingaruka  
Iki gihembwe yize nabi bimuviramo gutsindwa.  
Ingaragira y'impamvu  
Asinzira mu ishuri kubera kuryama atinze  
Ingaragira ihuriranya  
Abakobwa babyina baririmba.  
Ingaragira izibukiranya  
Bakunda abana bakanga ba nyina.  
Ingaragira iziganya  
Yize neza yatsinda.

## Umusaruro w'inyigisho 3.2: Gutegura inyandiko zinyuranye kandi zinoze zifitanye isano n'akazi yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda n'imiterere y'inyandiko asabwa

|                                                                                     |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                        |
|-------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|    | <p><b>Intego:</b> Nyuma y'iyi nyigisho, abatozwa baraba ashobora:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>Gutegura inyandiko zinyuranye zifitanye isano n'akazi</li> <li>Kuzandika bubahiriza imbata yazo n'amabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda</li> </ol>                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |
|    | <p><b>Igihe giteganyijwe:</b> Amasaha 5</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                            |
|    | <p><b>Uburyo bw'imyigishirize:</b> Gukoresha amatsinda mato, babiribabiri, kwifashisha inkuru, kuja impaka, kubara inkuru</p>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                          |
|  | <p><b>Ibikoresho bikenewe:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>Igitabo cy'umutozwa</li> <li>Inyoboramutoza</li> <li>Ikibaho</li> <li>Amacaki</li> <li>Inkoranyamagambo</li> <li>Marikeri</li> <li>Murandasi</li> <li>Terefoni</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                                                                                                                    |
|  | <ul style="list-style-type: none"> <li><input type="checkbox"/> Imyiteguro Gutegura neza inyigisho</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura neza imfashanyigisho zikenewe</li> <li><input type="checkbox"/> Gutegura aho inyigisho itangirwa</li> <li><input type="checkbox"/> Guteganya ibijyanye n'igihe n'abatozwa inyigisho igenewe</li> </ul>                                                                                                                                                                                                                   |
|  | <p><b>Ingingo nsanganyamasomo:</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>✓ Umuco w'ubuziranenge (inyandiko dukora zigomba kuba zujuje ubuziranenge)</li> <li>✓ Uburinganire n'ubwuzuzanye (abanyeshuri b'ibitsina byombi bahabwa amahirwe yo gukora)</li> <li>✓ Uburezi budaheza (abanyeshuri bose bahabwa amahirwe yo gukora hitabwa no ku bafite ibyo bagenerwa byihariye)</li> <li>✓ Kurengera ibidukikije (kugira isuku no gufata neza ibidukikije)</li> <li>✓ Umuco w'amahoro (abantu bagomba kubana neza mu bworoherane, bakirinda gushyamirana)</li> </ul> |

**Ibyo umutozwa yagombye kuba azi:**



- ▶ Gusoma umwandiko
- ▶ Gukoresha terefone
- ▶ Kuvuga ibyumuvishe mu mwandiko
- ▶ Kwandika ibaruwa iciriritse

**Ubushobozi fatizo:** Gutegura inyandiko zinyuranye kandi zinoze zifitanye isano n'akazi yubahiriza amabwiriza y'imyandikire y'ikinyarwanda n'imiterere y'inyandiko asabwa.

| Ubumenyi                                         | Ubumenyi ngiro                                                     | Ubukeshya                                                             |
|--------------------------------------------------|--------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------|
| 1. Kuvuga amoko y'ibaruwa                        | 1. Gutandukanya amoko y'ibaruwa                                    | 1. Gushishikarira kwandika ibaruwa yujuje ibisabwa                    |
| 2. Kuvuga inshoza ya raporo y'inama              | 2. Kwandika raporo no kugaragaza imbata yayo                       | 2. Guharanira kwandika raporo yujuje ibisabwa                         |
| 3. Kuvuga inshoza Urutonde rw'ibikoreshe (Devis) | 3. Kwandika urutonde rw'ibikoreshe (Devis) yubahiriza imbata yarwo | 3. Guharanira kwandika urutonde rw'ibikoreshe (Devis) mu bryo bukwiye |
| 4. Kurondora amoko y'amatangazo                  | 4. Gutandukanya amoko y'amatangazo                                 | 4. Gushishikarira gutanga amatangazo yujuje ibisabwa                  |
| 5. Kuvuga inshoza y'ubutumwa bugufi              | 5. Kwandika ubutumwa bugufi                                        | 5. Guharanira kwandika ubutumwa bugufi akurikiza ibiburanga.          |



**Intambwe zikurikizwa:**



**Intangiriro:** Ni ibiki nzi kuri iyi nyigisho, hanyuma ni ibihe nkeneye kumenya?



**Ikigwa cya 3.2 Umwitozo 1**

**Ni ayahe moko y'inyandiko waba uzi akoreshwa mu gutanga ubutumwa bunyuranye?**

Amabaruwa y'ubuyobozi n'ay'ubucuti, raporo ngufi y'inama, urutonde rw'ibikoreshe, amatangazo n'ubutumwa bugufi.



## **Igikorwa cyo gutahura ibisubizo by'ikibazo**



### **Ikigwa cya 3.2 Umwitozo 2**

**Saba abatozwa gusubiza ibibazo biri mu gitabo cyabo kuri iyi ngingo bakurikije amabwiriza yatanze.**

1. Mumaze gusomera mu matsinda amabaruwa akurikira, mugaragaze ibiranga ibaruwa y'ubucuti/isanzwe n'ibaruwa y'butegets/ubuyobozi.

#### **Ibaruwa isanzwe**

Ibaruwa isanzwe bakunze kwita ibaruwa ya gicuti, ni ibaruwa umuntu yandikira umubyeyi, umuvandimwe se cyangwa inshuti agamije kumubwira cyangwa kumubaza amakuru. Uwandika ibaruwa abwira uwo yandikira nkaho bari kumwe, ibyo yakamubwiye akabyandika ku rupapuro. Kuko urupapuro ruba ari ruto, umuntu wandika ibaruwa agomba kuvuga iby'ingenzi, nta kurondogora.

#### **Ibiranga ibaruwa isanzwe**

Ibaruwa isanzwe igomba kugaragaza ibi bikurikira:

- a. Amazina y'uwanditse n'aho abarizwa.
  - b. Ahantu yanditse ari n'itariki.
  - c. Uwandikiwe (isano afitanye n'uwayanditse)
  - d. Indamutso
  - e. Ubutumwa nyirizina bw'ibaruwa.
  - f. Umusozo (ugaragaramo gusezera n'intashyo)
  - g. Izina ry'uwanditse n'umukono we.
- Ibaruwa isanzwe ntigira imbata y'ihame yubahiriza. Uyandika yita gusa kuby'ingenzi biyigize.

#### **Ibiranga ibaruwa y'ubutegets/ubuyobozi**

Yandikirwa cyangwa ikandikwa n'urwego rw'ubuyobozi runaka, ikagira ibice bikurikira:

- a. Aderesi y'uwandika
- b. Ahantu n'itariki
- c. Izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe
- d. (Binyujijwe)
- e. Impamvu

- f. Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe
  - g. Ibaruwa nyirizina
  - h. Intangiriro y'ibaruwa
  - i. Igihimba k'ibaruwa
  - j. Umusozo w'ibaruwa
  - k. Amazina n'umukono by'uwandika
  - l. (Bimenyeshejwe)
2. Itegereze inama ikurikira na raporo yayikorewe maze utahure inshoza n'imbata bya raporo y'inama.

#### **Inshoza ya raporo**

Raporo ni umwandiko ukorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu, igamije intego runaka. Ijyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora; uko we yabibonaga, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro ikwiye gufatwa. Ni umwandiko uba ugenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho.

#### **Imbata ya raporo**

Raporo igira imbata nk'iy'umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga intangiriro, igihimba n'umusozo.

**Intangiriro:** Muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu n'ingingo zivugwaho.

**Igihimba:** Muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.

**Umusozo:** Muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka.

3. Mu matsinda mato, nimwitegereze urutonde rw'ibikoresho rukurikira, mutahure inshoza yarwo n'ibice birugize.

#### **Inshoza:**

Ni inyandiko **ikoze mu buryo bw'imbonerahamwe** igaragaza ku buryo burambuye ibikoresho bizakenerwa mu gikorwa runaka, ikagaragaza amafaranga buri gikoresho kizagura, bityo hakagaragazwa amafaranga yose akenewe kuri ibyo bikoresho.

Ibice bigize urutonde rw'ibikoresho: **inimero, ibikoresho, ingano y'ibikenewe, agaciro ka kimwe mu mafaranga, agaciro ka byose n'igiteranyo.**

4. Nimukorere mu matsinda mwigereze amatangazo akurikira hanyuma mugaragaze itandukaniro hagati yayo.

#### **Amatangazo yo kumenyesha**

Ni amatangazo agamije kubwira abo bireba gahunda cyangwa igikorwa runaka abo kireba.

**Amatangazo yo kuranga** : ni amatangazo agamije kubwira abantu ko hari ibintu byatoraguwe kugira ngo uwumva ari ibye abibone; ashobora no kuranga ubukwe kugira ngo abazabona umwanya bazabwitabire.

**Amatangazo arangisha** : ni amatangazo agamije kubaza niba hari uwaba yarabonye ibintu runaka byatakaye ngo abigeze kuri nyirabyo.

5. Itegereze ubutumwa bugufi bukurikira werekane itandukaniro hagati yabwo n'ibaruwa ukurikije uko twayibonye

Uze duhurire ku ishuri, tuvugane kuri ya gahunda.

Ibaruwa .....

mu gihe ubutumwa .....

Ibaruwa yandikwa ku rupapuro, kuri "internet" n'ahandi; ikaba ishobora no kuba ndende mu gihe ubutumwa bugufi bubabari bugufi kandi bunyuzwa kuri terefoni.



#### **Igikorwa cy' umwitozo wunganiwe**



#### **Ikigwa cya 3.2 Umwitozo 3**

Saba abatozwa gusubiza ibibazo biri mu bitabo byabo guhera ku kuri iki kigwa kuri iki gikorwa bubahiriza amabwiriza yatanze kuri buri kibazo.

1. **Andikira inshuti yawe ibaruwa isanzwe umubwira ko uzamusura mu iruhuko. Uyandike wubahiriza imbata y'ibaruwa isanzwe.**

Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse iyi baruwa uko bikwiye.

2. **Mukorere mu matsinda mugaragaze ibice bigize raporo.**

Intangiriro, igihimba n'umusozo

3. **Andika itangazo ryo kumenyesha wishakiye wubahiriza ibisabwa.**

Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse itangazo ryubahirije ibisabwa.



#### **Igikorwa cy' umukoro ngiro**



### Ikigwa cya 3.2 Umwitozo 4

Saba abatozwa gusubiza ibibazo biri mu bitabo kuri iyi ngingo

1. **Andikira umuyobozi w'ikigo k'ishuri wigaho ibaruwa y'ubuyobozi umusaba uruhushya rwo kutazitabira amasomo ku munsu ukurikiyeho kubera impamvu runaka. Uyandike wubahiriza imbata y'ibaruwa y'ubuyobozi**

Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse iyi baruwa uko bikwiye.

2. **Garagaza ibice bigize imbata ya raporo n'ibivugwamo mu matsinda.**

**Intangiriro:** Muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu n'ingingo zivugwaho.

**Igihimba:** Muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.

**Umusozo:** Muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka.

4. **Andika urutonde rw'ibikoresho ku gikorwa runaka witekerereje wigana urugero rwatanzwe mu mwitozo wabanje.**

Umutoza azareba ko Umutozwa yakoze urutonde akurikije ibisabwa

4. **Andika itangazo ryo kuranga wishakiye wubahiriza ibisabwa.**

Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse itangazo ryubahirije ibisabwa.

5. **Andika ubutumwa bugufi umwe mu banyeshuri mwigana wubahiriza imbata y'ubutumwa bugufi.**

Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse ubutumwa bugufi bwubahirije ibisabwa.



### Iby'ingenzi ngomba kwibuka:

- Inyandiko zose zigomba kubahiriza amabwiriza y'imyandikire.
- Ujya gukora igikorwa runaka agomba kubanza gukora urutonde rw'ibikoresho.



### Isuzuma rinoza imyigire n'imyigishirize

1. **Ni irihe tandukaniro hagati y'ibaruwa y'ubucuti n'ibaruwa y'ubuyobozi?**

Umutoza azareba ko Umutozwa yatanze igisubizo gikwiye.

2. **Andika itangazo ryo kurangisha wishakiye wubahiriza ibisabwa.**  
Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse itangazo ryubahirije ibisabwa.
3. **Andika raporo y'inama runaka wubahiriza imbata yayo.**  
Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse raporo neza yubahiriza imbata yayo.
4. **Andika ubutumwa bugufi umwe mu bo mubana cyangwa umuturanyi wubahiriza imbata y'ubutumwa bugufi.**  
Umutoza azareba ko Umutozwa yanditse ubutumwa bugufi bwubahirije ibisabwa.



#### **ISUZUMA RIKOMATANYA RY'IMBUMBWE YA GATATU:**

##### **IRWANEHO GITORE!**

Abandi banyamuryango ba koperative yanyu TUROREKURE y'urubyiruko rworora amagweja bagutoreye kuyibera umunyamabanga. Ku itariki ya 12/08/2019 wakiriye ibaruwa ya Perezida w'Urugaga rw'Amashyirahamwe y'Aborozi b'Amagweja mu Murenge wanyu wa Mageragere, uyifunguye usanga iragusaba ibi bikurikira:

- Kwandika ibaruwa isobanura impamvu wasibye inama yabaye ku wa 12/08/2019 kandi warayitumiwemo mu butumwa bugufi wemeye ko wakiriye.
- Kumwoherereza raporo ngufi yanditse y'inama witabiriye ku wa 07/08/2019 uhagarariye urugaga. Iyo nama yigaga ku buryo inganda z'imyenda zakorana n'aborozi b'amagweja mu kwagura ibikorwa byabo. Yabereye i Kigali mu mu cyumba k'inana cya Konvensheni Senta (Convention Center) ihuza abahagarariye koperative z'aborozi b'amagweja n'abahagarariye inganda z'imyenda mu Rwanda.
- Kumwoherereza inshamake y'umwandiko ntekerezo wemeye gutegura ku nsanganyamatsiko ivuga ku ruhare rw'ubworozi bw'amagweja muri gahunda yo kwigira Abanyarwanda twahisemo (agomba kuyisoma mbere y'uko usohoka mu kanyamakuru k'urugaga).
- Urupapuro rw'urutonde rw'ibikoresheho rwa koperative yanyu kugira ngo barushyireho ikirango cy'urugaga.

Ibi byose bigomba kuba byamugezeho bitarenze tariki ya 20/08/2019. Dore tugeze ku itariki ya 15/08/2019, ngaho tegura izo nyandiko n'umwandiko wasabwe. Wirinde gusiba no kurondogora.

### Imbonera y'isuzuma

| Gihamya                               | Ibimenyetso  | Urutonde rw'ibisuzumwa                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|---------------------------------------|--------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Ireme ry'uruhererekane rw'ibitekerezo | Inyurabwenge | Impuza                                                                                                                                                                                                                                                                                               |
|                                       |              | Isanisha                                                                                                                                                                                                                                                                                             |
|                                       | Imbata       | Ibika<br>umutwe<br>Intangiriro<br>Igihimba<br>Umusozo                                                                                                                                                                                                                                                |
|                                       | Injyabihe    | Isanisha rishingiye ku gihe mu nteruro ziboneye.                                                                                                                                                                                                                                                     |
| Ireme ry'imyandiko n'inyandiko        | Isuku        | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Gusiga umukika</li> <li>- Kudasiba</li> <li>- Gukoresha imbonerahamwe (igihe ari ngombwa)</li> </ul>                                                                                                                                                        |
|                                       | Imyandikire  | <ul style="list-style-type: none"> <li>- imikoreshereze y'utwatuzo</li> <li>- imikoreshereze y'inyuguti nkuru</li> <li>- kubahiriza ikata n'itakara ry'inyajwi</li> <li>- kubahiriza imyandikre yemewe y'amagambo afatana n'adafatana</li> <li>- kubahiriza imyandikre yemewe y'ibihokane</li> </ul> |
|                                       | Inozamvugo   | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Imyubakire y'interuro isanzwe mbonezamvugo</li> <li>- Imyubakire y'interuro y'urusobe y'inyangiriro ziboneye.</li> </ul>                                                                                                                                    |
|                                       | Umwimerere   |                                                                                                                                                                                                                                                                                                      |

|               |                                                                                                 |                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                                     |
|---------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| Indangagaciro | <p>Uturango tw'ibaruwa</p> <p>Uturango twa raporo</p> <p>Uturango tw'urutonde rw'ibikoresho</p> | <ul style="list-style-type: none"> <li>- Insanganyamatsikon'inyugu ramagambo</li> <li>- Ingingo zumvikana kandi zigusha ku nsanganyamatsiko</li> <li>- Ingero zifatika</li> </ul> <p>Ibice biyigize:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1. Aderesi y'uwandika</li> <li>2. Ahantu n'itariki</li> <li>3. Izina ry'icyubahiro n'inshingano by'uwandikiwe</li> <li>4. (Binyujijwe)</li> <li>5. Impamvu</li> <li>6. Urwego rw'ubuyobozi rw'uwandikiwe</li> <li>7. Ibaruwa nyirizina             <ol style="list-style-type: none"> <li>a. Intangiriro y'ibaruwa</li> <li>b. Igihimba k'ibaruwa</li> <li>c. Umusozo w'ibaruwa</li> </ol> </li> <li>8. Amazina n'umukono by'uwandika</li> <li>9. (Bimenyeshejwe)</li> </ol> <p>Ibiyigize:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• icyo ivugaho</li> <li>• Ingingo zikivugwaho</li> <li>• Impamvu (uko ari bitatu biri mu ntangiriro)</li> <li>• Indamburangingo(igihimba)</li> <li>• ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka(umusozo)</li> </ul> |
|---------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|

|  |               |                                                                                                                                                                                                                                                                           |
|--|---------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
|  | Ikinyabupfura | Ibirugize: <ul style="list-style-type: none"> <li>• inimeru,</li> <li>• ibikoresho,</li> <li>• ingano y'ibikenewe,</li> <li>• agaciro ka kimwe mu mafaranga,</li> <li>• agaciro ka byose</li> <li>• igiteranyo.</li> </ul><br>Imvugo iboneye<br>Urwego rw'ururimi rukwiye |
|--|---------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|



### Kwisuzuma kw'abatozwa

1. Saba abatozwa kongera kureba imbonerahamwe iri mu gitabo cyabo ku ntangiriro y'iyi mbumbe y'ibygwa. Bagaragaze ibyo bumvise neza, ibikeneye kongerwamo imbaraga n'ibikorwa byatuma ibitarumvikanye neza birushaho kunozwa.
2. Ungurana ibitekerezo n'abatozwa ku musaruro wabo muri iyi mbumbe. Mugaragaze ingingo bigaragara ko zagoye abatozwa benshi kuzumva kugira ngo hategurwe uburyo bwo kubongerera imbaraga kugira ngo bazumve. (urugero: mushobora gukoresha igihe muri kumwe mu ishuri mbere yo gutangira inyigisho zikurikiraho mukanyura mu byagaragaye ko abanyeshuri benshi batabyumvise).
3. Saba abatozwa kuzura imbonerahamwe iri mu bitabo byabo. Basobanurire ko intego yo gusuzuma ubushobozi abatozwa bafite ku mbumbe y'inyigisho irangiye kwigwa ari ugukora isuzuma rigaruka ku byo bakoze ku ntangiriro kugira ngo hagaragare ubushobozi bungukiyemo ndetse n'ahakeneye kongerwamo imbaraga n'uko byakorwa. Rero si isuzuma risanzwe!



### Ubumenyi bw'inyongera bugenewe umutoza

1. Andi moko y'amatangazo:
  - **-Itangazo ryamamaza:** Ni itangazo ritangwa mu rwego rwo kumenyekanisha ibicuruzwa kugira ngo abaguzi bamenye aho babishakira mu gihe babikeneye.
  - **-Itangazo ribika:** Ni itangazo rigamije gutabaza ab'umuryango w'uwitabye Imana n'inshuti zabo. kugira ngo bazaze kumushyingura.
2. **Ubutumire:**

**Ubutumire** ni inyangiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu imusaba kwitabira umunsi mukuru cyangwa gahunda runaka y'ibintu bishimishije. Buja gusa n'ibaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'iyi baruwa. Ubutumire burangwa no kugira: umutwe w'ubutumire, amazina y'utumira, utumirwa, igikorwa atumiwemo, aho kizabera

# IBITABO, INYANDIKO N'IMBUGA NKORANYAMBAGA BYIFASHISHIJE

## a. IBITABO

BAKAME Editions (2013), *Ikinyarwanda Ikibonezamvugo mu mashuri abanza n'ayisumubuye*. 2<sup>nd</sup> edition, Kigali.

BIZIMANA, S. n'abandi (2000), *Imiteere y'Ikinyarwanda* IRST Butare, *Igitabo cya I* WDA, CCMKN201, *Ikinyarwanda gikwiye*, (2017)

IKIGÔ CY'ÛBUSHAAKASHAATSI MU BY'ÛBUHAÂNGA  
N'ÛKÔRANABÛHAÂNGA (n.d), *Inkoranya y'Ikinyarwanda mu Kinyarwanda*, IRST Butare, *Igitabo cya 1*

IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO NCDC (2008), *Imyandiko mfashanyigisho, Umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye*.

INTEKO NYARWANDA Y'URURIMI N'UMUCO (2014). *Amabwiriza ya Minisitiri no 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda*, Kigali.

JACOB I. (1985). *Dictionnaire Rwandais-Français* en 3 volumes, Tome troisième, I.N.R.S, Butare.

JACOB I. (1930). *Dictionnaire Rwandais-Français* en 3 volumes, Tome premier, Kigali.

MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2015). *Teacher Training Manual Phase I*, Kigali.

MINISTRY OF EDUCATION-RWANDA EDUCATION BOARD (2016), *Teacher Training Manual Phase II*, Kigali.

RWANDA EDUCATION BOARD (2015). *Integanyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mashuri Ikinyarwanda kigishwamo nk'isomo bihitiyemo*, Kigali.

## b. INYANDIKO

Minisitiri ya Siporo n'Umucyo (2014), **AMABWIRIZA YA MINISITIRI N° 001/2014 YO KU WA 08/10/2014 AGENGA IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA**

UNICEF (1996). *Dukunde amahoro*, UNESCO.

MURERA Jean Marie Vianney (2007), *Imyigishirize y'iyigantururo ry'Ikinyarwanda mu mashuri yisumbuye, amashuri y'indimi*, Umurimo w'ubushakashatsi, UNR, BUTARE

## c. IMBUGA NKORANYAMBAGA


<https://www.teachrwanda.org> > res...Resources – TEACH Rwanda

<https://www.lexutor.ca> > rwa..., publishing textbooks & teacher's guide for Rwanda's competency...

<https://www.lexutor.ca> > rwa

[www.reb.rw](http://www.reb.rw) in house

[www.regov.rw/new](http://www.regov.rw/new) curriculum



This publication is made possible by the support of the American People through the United States Agency for International Development (USAID). The contents of this are the sole responsibility of Education Development Center (EDC) and do not necessarily reflect the views of USAID or the United States Government.

**RWANDA POLYTECHNIC – RP**



P. O. BOX 164 Kigali Rwanda



info@RP.gov.rw



www.RP.gov.rw